irangizarubanza cyangwa indi nzira iteganywa n'amategeko bishobora gutangizwa cyangwa gukomeza ku birebana n'uwo muntu ku giti cye cyangwa umutungo we.

Iyo umuntu ku giti cye ari uwahombye utarishyura, icyemezo cy'agateganyo gishobora kuba gikubiyemo ingingo yerekeye uko igihombo kigomba gukurikiranwa n'uko imicungire y'umutungo w'uwahombye igomba gukorwa mu gihe cyose icyo cyemezo kizaba kigifite agaciro, harimo n'ingingo isubika imanza z'ikurikirana ry'igihombo.

Icyakora ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Inshingano z'ubereyemo abandi imyenda mu gihe cy'icyemezo cy'agateganyo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda**

Iyo icyemezo cy'agateganyo kikimara gufatwa, ubereyemo abandi imyenda ashyikiriza uwasabiwe kuba umugenzuzi inyandiko isobanura ibikubiye mu bwumvikane ubereyemo abandi imyenda yifuza n'inyandiko

commenced or continued against the individual or his or her property.

Where the individual is an undischarged bankrupt, an interim order may contain provision as to the conduct of the bankruptcy and the administration of the bankrupt's estate, during the period for which the order is in force, including provision suspending proceedings in the bankruptcy.

The provisions of the Paragraph One do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realise any property in the bankrupt's estate over which that creditor has a charge.

**<u>Article 17</u>: Duties of a debtor during interim order of arrangement**

Upon the making of an interim order, the debtor submits to the proposed supervisor a document setting out the terms of the arrangement which the debtor is proposing and a statement of his or her affairs containing particulars of the

ne peut être intentée ou poursuivie contre la personne ou ses biens.

Lorsque l'individu est un failli non-libéré, une ordonnance provisoire peut contenir des dispositions relatives à la conduite de la faillite et à l'administration des biens du failli, pendant la période de validité de l'ordonnance, y compris une disposition suspendant la procédure de faillite.

Les dispositions de l'alinéa premier n'affectent pas le droit d'un créancier privilégié de prendre possession et de réaliser des biens du failli sur lesquels ce créancier a une charge.

**<u>Article 17</u>: Attributions d'un débiteur lors d'une ordonnance provisoire d'arrangement**

Lors de la prise d'une ordonnance provisoire, le débiteur soumet au superviseur proposé un document énonçant les modalités de l'arrangement que le débiteur propose et un état de ses affaires contenant des détails sur les

igaragaza uko ahagaze ikubiyemo amakuru yerekeye abo uwo muntu ku giti cye aberеyemo imyenda, imyenda afite ndetse n'andi makuru ashobora gusabwa.

**Ingingo ya 18: Raporo igenerwa urukiko ikorwa ry'umugenzuzi**

Uwasabiwe kuba umugenzuzi aha urukiko raporo mu nyandiko igaragaza niba inama y'ababerewemo imyenda igomba gusuzuma ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwifuzwa n'ubereyemo abandi imyenda.

Iyo uwasabiwe kuba umugenzuzi abisabye, urukiko rushobora kongera igihe icyemezo cy'agateganyo kimara kugira ngo rumuhe igihe cy'inyongera cyo gutegura raporo.

Urukiko rushobora kandi gusesa icyemezo cy'agateganyo iyo umuntu ku giti cye ananiwe kubahiriza inshingano ze nk'ubereyemo abandi imyenda cyangwa iyo, ku yindi mpamvu iyo ariyo yose, urukiko rubona bidakwiriye gutumiza inama y'ababerewemo imyenda kugira ngo basuzume ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwifuzwa n'ubereyemo abandi imyenda.

Urukiko rushobora, iyo rubisabwe n'ubereyemo abandi imyenda bitewe n'uko uwasabiwe kuba umugenzuzi yananiwe gutanga raporo,

individual's creditors, debts, assets and such other information as may be prescribed.

**Article 18: Report to the court made by the supervisor**

The proposed supervisor gives the court a report in writing stating whether a creditors' meeting should consider the debtor's proposed arrangement.

On the application made by the proposed supervisor, the court may extend the period of the interim order so as to give him or her more time to prepare the report.

The court may also discharge the interim order if the individual has failed to comply with his or her duties as a debtor or if, for any other reason, it considers inappropriate to call a creditors' meeting to consider the debtor's proposed arrangement.

The court may, on an application made by a debtor in a case where the proposed supervisor has failed to submit the report, order that the

créanciers, les dettes, les actifs et autres informations qui peuvent être prescrites.

**Article 18: Rapport à la juridiction fait par le superviseur**

Le superviseur proposé remet à la juridiction un rapport écrit indiquant si une réunion des créanciers devrait examiner l'arrangement proposé par le débiteur.

Sur demande du superviseur proposé, la juridiction peut prolonger la période de l'ordonnance provisoire afin de lui donner plus de temps pour préparer le rapport.

La juridiction peut également donner suite à l'ordonnance provisoire si l'individu a manqué à ses obligations en tant que débiteur ou si, pour toute autre raison, il juge inopportun de convoquer une réunion des créanciers pour examiner l'arrangement proposé par le débiteur.

La juridiction peut, à la demande du débiteur dans le cas où le superviseur proposé n'a pas soumis le rapport, ordonner que le superviseur

gutegeka ko uwasabiwe kuba umugenzuzi asimburwa n'undi usabiwe kuba umugenzuzi kandi rukaba rwategeka ko icyemezo cy'agateganyo gikomeza cyangwa cyongerewa igihe urukiko rwagena.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Inama y'ababerewemo imyenda igamije gusuzuma ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwifujwe**

Iyo urukiko rumaze gusuzuma raporo, rushobora gutegeka uwasabiwe kuba umugenzuzi gutumiza inama y'ababerewemo imyenda kugira ngo basuzume ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa, bityo rukongera igihe icyemezo cy'agateganyo kigomba kumara gifite agaciro.

Uwasabiwe kuba umugenzuzi agomba gutumiza inama y'ababerewemo imyenda kugira ngo isuzume ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwifujwe mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi icyemezo cy'agateganyo ku bwumvikane ku myishyurire y'umwenda cyafashwe.

Umugenzuzi wateganyijwe yohereza ababerewemo imyenda ubutumire bw'inama hamwe na kopi y'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa nibura mu minsi icumi (10) y'akazi mbere y'uko inama iterana.

proposed supervisor be replaced by another proposed supervisor and that the interim order continues or if it has ceased to have effect, be renewed for such further period as the court may specify.

**<u>Article 19</u>: Creditors' meeting to consider proposed arrangement**

Having considered the report, the court may order the proposed supervisor to convene a creditors' meeting to consider the proposed arrangement, and for that purpose, extend the period for which the interim order has effect.

The proposed supervisor must convene a creditor's meeting to consider the proposed arrangement within thirty (30) working days from the day following the day on which the interim order for arrangement was made.

The proposed supervisor sends a notice of the meeting to creditors with a copy of the proposal of arrangement at least ten (10) working days before the meeting is held.

proposé soit remplacé par un autre superviseur proposé et que l'ordonnance provisoire continue ou si elle a cessé d'avoir effet, être renouvelé pour une autre période que la juridiction peut spécifier.

**<u>Article 19</u>: Réunion des créanciers pour examiner l'arrangement proposé**

Après avoir examiné le rapport, la juridiction peut ordonner au superviseur proposé de convoquer une réunion des créanciers pour examiner l'arrangement proposé et, à cette fin, prolonger la période pour laquelle l'ordonnance provisoire a effet.

Le superviseur proposé doit convoquer une réunion des créanciers pour examiner l'arrangement proposé endéans trente (30) jours ouvrables comptés à partir du jour de l'ordonnance provisoire d'arrangement.

Le superviseur préposé envoie un avis de la réunion aux créanciers avec une copie de la proposition d'arrangement au moins dix (10) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.

**Ingingo ya 20: Umwanzuro ufatirwa mu nama y'ababerewemo imyenda werekeye ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwifuzwa**

Ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwifuzwa bwemezwa n'ababerewemo imyenda iyo bitowe ku majwi atari munsi ya mirongo irindwi n'atanu ku ijana (75%) by'amajwi y'ababerewemo imyenda batoye.

Inama y'ababerewemo imyenda ishobora kutemeza ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda ubwo ari bwo bwose bwifuzwa mbere y'uko uberewemo umwenda wishyurwa mbere y'abandi bireba abyemera, iyo:

1° umwenda uwo ari wo wose wishyurwa mbere y'indi uberewemo umuntu ku giti cye ugomba kwishyurwa mu buryo butari ukubanziriza indi myenda kubera ko itari mu myenda yishyurwa mbere y'iyindi;

2° uberewemo umwenda wishyurwa mbere y'indi agomba kwishyurwa n'umubereyemo umwenda ingano y'amafaranga iyi n'iyi kuri uwo mwenda wishyurwa mbere y'indi utwara ikigereranyo gito cyane kuri uwo mwenda ugereranyije n'igice cyakwishyurwa ku wundi mwenda

**Article 20: Resolution in creditor's meeting on proposed arrangement**

A proposed arrangement is approved by creditors if voted by at least seventy five percent (75%) of votes of all the creditors who voted.

The creditors' meeting may not approve any proposed arrangement before the consent of the preferential creditor concerned, if:

1° any preferential debt of the individual is to be paid otherwise than in priority to such of the debts as are not preferential debts;

2° a preferential creditor of the debtor is to be paid an amount in respect of a preferential debt that bears to that debt a smaller proportion than is borne to another preferential debt by the amount that is to be paid in respect of that other debt.

**Article 20: Résolution lors de la réunion des créanciers sur l'arrangement proposé**

Un arrangement proposé est approuvé par les créanciers s'il est voté à concurrence d'au moins soixante-quinze pourcent (75%) des voix de tous les créanciers qui ont participé au vote.

La réunion des créanciers ne peut approuver aucun arrangement proposé avant le consentement du créancier privilégié concerné, si:

1° toute dette préférentielle de l'individu doit être payée autrement qu'en priorité à celles des dettes qui ne sont pas des dettes préférentielles;

2° un créancier privilégié du débiteur doit recevoir une somme à l'égard d'une dette préférentielle qui porte sur cette dette une proportion moindre que celle qui est supportée par une autre dette préférentielle du montant qui doit être payé à l'égard de cette autre dette.

wishyurwa mbere y'indi ku ngano y'umubare ugomba kwishyurwa ku bireba uwo mwenda wundi.

**Ingingo ya 21: Icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda**

Uwasabiwe kuba umugenzuzi ashyikiriza urukiko raporo y'ibyemezo by'inama y'ababerewemo imyenda ku busabe bw'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda.

Iyo inama yanze kwemeza ubusabe bw'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda, urukiko rukuraho icyemezo cy'agateganyo ku bwumvikane cyari cyarafashwe kirebana n'ubereyemo abandi imyenda.

Iyo inama yemeje ubusabe bw'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda, yaba yabwemeje uko buri cyangwa yasabye ko habamo impinduka, urukiko rushobora:

1° gufata icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda;

2° gushyiraho andi mabwiriza y'inyongera rubona ko ari ngombwa;

3° iyo umuntu ku giti cye ari uwahombye utarishyura, gutangaza ayo mabwiriza ku birebana n'uburyo bugomba

**Article 21: Arrangement order**

The proposed supervisor reports to the court the resolution of the creditor's meeting on proposed arrangement.

If the meeting has declined to approve a proposed arrangement, the court must discharge any interim order which is in force in relation to the debtor.

If the meeting has approved a proposed arrangement, with or without modification, the court may:

1° make an arrangement order;

2° make such ancillary directions as it considers appropriate;

3° if the individual is an undischarged bankrupt, issue such directions with respect to the conduct of the bankruptcy

**Article 21: Décision d'arrangement**

Le superviseur proposé rapporte à la juridiction la résolution de la réunion des créanciers sur l'arrangement proposé.

Si la réunion a refusé d'approuver une proposition d'arrangement, la juridiction doit annuler l'ordonnance provisoire d'arrangement en vigueur à l'égard du débiteur.

Si la réunion a approuvé un arrangement proposé, avec ou sans modification, la juridiction peut:

1° prendre une ordonnance d'arrangement;

2° donner des instructions qu'elle estime appropriées;

3° si l'individu est un failli non-libéré, donner des instructions concernant la conduite de la faillite et l'administration

gukurikizwa mu mikurikiranire y'igihombo n'uko umutungo w'uwahombye ugomba gucungwa rukurikije uko rubona igikwiriye mu rwego rwo koroshya ishyirwa mu bikorwa ry'ubwo bwumvikane.

Iyo urukiko rumaze gutanga icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda, umugenzuzi yohereza buri wese uzwi ko aberewemo umwenda, inyandiko imenyesha ko ubwumvikane bwatangiye kugira agaciro, igenewe buri wese mu baberewemo umwenda ndetse na rubanda.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Inkurikizi z'icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda**

Icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda kigomba kubahirizwa n'ubereyemo abandi imyenda icyo cyemezo cyafatiwe, umugenzuzi w'ubwo bwumvikane n'ababerewemo imyenda na we bose ku birebana n'ibyo yishyuzwa bigaragara ku munsi cyangwa mbere y'umunsi uvugwa mu bwumvikane.

and the administration of the bankrupt's estate as it considers appropriate for facilitating the implementation of the arrangement.

After the arrangement order is granted by the court, the supervisor shall send to each known creditor an individual written notice and give public notice that an arrangement has taken effect.

**<u>Article 22</u>: Effect of arrangement order**

An arrangement order binds the debtor in respect of whom the arrangement order is made, the supervisor of the arrangement and all the debtor's creditors in relation to claims arising on or before the day specified in the arrangement.

des biens du failli comme il le juge approprié pour faciliter la mise en œuvre de l'arrangement.

Après que la décision d'arrangement a été accordée par la juridiction, le superviseur envoie à chaque créancier connu un avis écrit individuel et donne avis public qu'un arrangement a pris effet.

**<u>Article 22</u>: Effet d'une ordonnance d'arrangement**

Une ordonnance d'arrangement lie le débiteur à l'égard duquel la décision d'arrangement est prise, le superviseur de l'arrangement et tous les créanciers du débiteur relativement aux réclamations qui surviennent avant au plus tard le jour précisé dans l'arrangement.

Umuntu urebwa n'icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda ntagomba:

1° gutanga ikirego cyemeza igihombo cyangwa gukomeza gukurikirana ikirego cyemeza igihombo cyatanzwe mbere y'uko ategekwa kubahiriza ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda;

2° gukora ibindi bikorwa ibyo ari byo byose bigamije gufatira cyangwa kugurisha umutungo wari waratanzweho ingwate w'ubereyemo abandi imyenda, gutangiza cyangwa gukomeza ibindi birego, irangiza ry'ibyemezo cyangwa izindi nzira z'amategeko zireba ubereyemo abandi imyenda cyangwa umutungo we keretse abanje kubiherwa uburenganzira n'urukiko kandi hakurikijwe amabwiriza, igihe yaba ahari, urukiko rwategetse.

Icyakora, ibiteganywa mu gika kibanziriza iki ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.

A person bound by an arrangement order must not:

1° make an application for a bankruptcy order or proceed with such an application made before the arrangement became binding on the person;

2° take any other steps to enforce any charge over any of the individual's property and commence or continue other proceedings, execution or other legal process against the individual or his or her property except with the order of the court and in accordance with such terms, if any, as the court imposes.

The provisions of the preceding Paragraph do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realise any property in the bankrupt's estate over which that creditor has a charge.

Une personne liée par une ordonnance d'arrangement ne doit pas:

1° introduire une demande de faillite ou procéder à une telle demande avant que l'arrangement ne lie pas la personne;

2° prendre toutes les autres mesures pour imposer toute sûreté sur l'un des biens du débiteur et commencer ou poursuivre d'autres procédures, exécution ou autre procédure judiciaire contre le débiteur ou ses biens, sauf avec l'ordonnance judiciaire et conformément à ces termes, s'il y en a, comme la juridiction l'exige.

Les dispositions de l'alinéa précédent n'affectent pas le droit d'un créancier privilégié de prendre possession et de réaliser ou des biens du failli sur lesquels ce créancier a une charge.

**Ingingo ya 23: Inama y'ababerewemo imyenda mu gihe cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda**

Umugenzuzi ashobora gutumiza inama y'ababerewemo imyenda igihe cyose abona ko ari ngombwa cyangwa iyo byasabwe mu nyandiko n'ababerewemo imyenda n'ugomba abandi imyenda bafitiwe imyenda itari munsi ya 10% by'agaciro k'imyenda yose ubereyemo abandi imyenda afite.

Inama y'ababerewemo imyenda ifite ububasha bwo gusaba umugenzuzi raporo zirebana n'imigendekere y'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda.

**Ingingo ya 24: Ihinduka ry'icyemezo cyerekeye ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda**

Icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda cyose uko cyakabaye cyangwa igice cyacyo gishobora guhindurwa n'urukiko iyo bisabwe n'umuntu uwo ariwe wese ugomba kucyubahiriza iyo habaye impinduka ikomeye mu miterere y'imari y'ubereyemo abandi imyenda.

**Article 23: Creditors' meetings during the arrangement**

The supervisor may convene a creditors' meeting whenever necessary or if so requested in writing by creditors whose claims against the debtor is not less than 10% of the value of all claims against the debtor.

A creditors' meeting has the power to call for reports from the supervisor on the progress of the arrangement.

**Article 24: Variation of arrangement order**

An arrangement order may be modified by the court either in whole or in part on the application of any person who is bound by it only when there is a material change in the financial position of the debtor.

**Article 23: Réunion des créanciers lors de l'arrangement**

Le superviseur peut convoquer une réunion des créanciers chaque fois que cela s'avère nécessaire ou, si la requête est faite par écrit par les créanciers dont les créances contre le débiteur représentent d'au moins 10% de la valeur de toutes les créances contre le débiteur.

Une réunion des créanciers a le pouvoir de vérifier des rapports du superviseur sur l'état d'avancement de l'arrangement.

**Article 24: Modification d'une ordonnance d'arrangement**

Une ordonnance d'arrangement peut être modifiée par la juridiction, en tout ou en partie, à la demande de toute personne qui est liée par elle lorsqu'il y a un changement important dans la situation financière du débiteur.

**Ingingo ya 25: Irangira ry'icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda**

Icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda kirangizwa n'icyemezo cy'urukiko cyangwa n'impamvu zikivugwamo.

Ikirego gisaba irangizwa ry'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda gishobora gutangwa n'uwahombye utarishyura, umucungamutungo w'uwahombye cyangwa undi muntu uwo ariwe wese ugomba kubahiriza iki cyemezo.

Urukiko rufata icyemezo kirangiza ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda iyo:

1 º umugenzuzi cyangwa ababerewemo imyenda bahawe amakuru atari ukuri cyangwa ayobya ku birebana n'umutungo w'ubereyemo abandi imyenda, ibikorwa cyangwa uko imari ihagaze cyangwa nta yo bigeze bahabwa, kandi yari ategerejweho kugirira akamaro ababerewemo imyenda mu guhitamo niba batora bemera ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda;

**Article 25: Termination of arrangement order**

An arrangement order is terminated upon the court order or on the circumstances specified in the arrangement order.

An application for the termination of an arrangement may be made to the court by the individual who is an undischarged bankrupt, the trustee of his or her estate or any person who is bound by it.

The court makes an order for termination of an arrangement if:

1° the supervisor or creditors were given information about the debtor's property, affairs or financial circumstances that was false or misleading, or information was not given to them, and which can reasonably be expected to have been material to creditors in deciding whether to vote in favour of the arrangement;

**Article 25: Fin d'une ordonnance d'arrangement**

Une ordonnance d'arrangement prend fin sur ordonnance judiciaire ou suivant les circonstances spécifiées dans l'ordonnance d'arrangement.

Une demande pour mettre fin à un arrangement peut être présentée à la juridiction par le failli non-libéré, le curateur ou toute personne qui est liée par celle-ci.

La juridiction rend une ordonnance qui met fin à un arrangement si:

1 º le superviseur ou les créanciers ont reçu des informations sur le patrimoine de la personne, ses affaires ou sa situation financière qui était fausse ou trompeuse, ou l'information ne leur a pas été donnée, et qui aurait pu être importante aux créanciers pour décider de voter en faveur de l'arrangement;

2 º raporo yashyikirijwe urukiko irimo amakuru atariyo cyangwa ayobya cyangwa hari ibyirengagijwe gushyirwamo;

3 º umuntu ugomba kubahiriza ubwumvikane yananiwe no kuzuza inshingano ze ziteganywa nabwo;

4 º ubereyemo abandi imyenda yarananiwe kubahiriza izindi nshingano zifitanye isano n'ubwumvikane yasabwe gukora n'umugenzuzi;

5 º iyo bigaragara ko ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda budashobora kurangira hatabayemo akarengane cyangwa ubukererwe butari ngombwa;

6 º ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwategetswe ku gitugu, burenganya cyangwa buvangura umwe cyangwa benshi mu baberewemo umwenda cyangwa bubangamiye inyungu z'ababerewemo imyenda bose;

7 º ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bushobora kurangizwa n'indi mpamvu yose yakwemezwa n'urukiko.

2° the report submitted to the court contained false or misleading information or omission;

3° a person bound by the arrangement has failed to comply with his or her obligations under it;

4° the debtor has failed to comply with all obligations related to the arrangement reasonably required of him or her by the supervisor;

5° the arrangement cannot be completed without injustice or undue delay;

6° the arrangement is unfairly prejudicial or discriminatory against one or more creditors or contrary to the interests of creditors as a whole;

7° the arrangement may be terminated for any reason approved by the court.

2 º le rapport présenté à la juridiction contenait des informations fausses ou trompeuses ou omises;

3 º une personne liée par l'arrangement n'a pas respecté ses obligations;

4 º le débiteur n'a pas réussi à respecter les autres obligations raisonnablement qui lui sont exigées par le superviseur;

5 º l'arrangement ne peut être réalisé sans injustice ou retard injustifié;

6 º l'arrangement est injustement préjudiciable ou discriminatoires à l'égard d'un ou plusieurs créanciers ou contraire aux intérêts des créanciers dans son ensemble;

7 º l'arrangement peut être terminé pour tout motif approuvé par la juridiction.

Uretse mu gihe urukiko rubigetse ukundi, kopi y'ikirego gisaba kurangiza ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda igomba gushyikirizwa umugenzuzi mu gihe kitari munsi y'iminsi itanu (5) y'akazi mbere y'iburanisha ry'ikirego kandi umugenzuzi ashobora kwitaba no kumvwa mu iburanisha.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Inyandiko imenyekanisha irangira ry'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda**

Iyo icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda kirangiye, umugenzuzi amenyesha mu nyandiko buri uberewemo umwenda uzwi irangira ryacyo kandi akanatanga imenyesha rigenewe rubanda ry'iryo rangira.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Iyubahirizwa ry'inshingano z'umugenzuzi**

Iyo umugenzuzi ananiwe kubahiriza inshingano ze zikomoka ku bwumvikane ku myishyurire y'imyenda cyangwa ku cyemezo cy'urukiko, bisabwe n'uruhande rubifitemo inyungu, urukiko rushobora:

1 º kumukuriraho inshingano yubahirizaga zose cyangwa igice cyazo;

2 º kumutegeka kubahiriza ibyasabwe mu cyemezo;

Except where the court orders the contrary, a copy of any application to terminate the arrangement shall be served on the supervisor not less than five (5) working days before the hearing of the application, and the supervisor may appear and be heard at the hearing.

**<u>Article 26</u>: Notice of termination of arrangement**

Where an arrangement terminated, the supervisor sends notice of termination to each known creditor and gives public notice of such termination.

**<u>Article 27</u>: Enforcement of supervisor's duties**

If the supervisor fails to comply with his or her duties arising from the arrangement or order of the court, on the application by any interested party, the court may:

1° relieve him or her of the duty to comply, in whole or in part;

2° order him or her to comply with what is specified in the order;

Sauf lorsque la juridiction ordonne autrement, une copie de toute demande de mettre fin à l'arrangement doit être signifié au superviseur au moins dans cinq (5) jours avant l'audition de la demande, et le superviseur peut comparaître et être entendu à l'audience.

**<u>Article 26</u>: Avis de la fin d'arrangement**

Lorsqu'une ordonnance d'arrangement prend fin, le superviseur envoie un avis de la fin à chaque créancier connu et donne un avis public de cette fin.

**<u>Article 27</u>: Mise en application des attributions du superviseur**

Si le superviseur ne parvient pas à se conformer à ses obligations découlant de l'arrangement ou de l'ordonnance judiciaire, à la demande de toute partie intéressée, la juridiction peut:

1° le libérer des obligations en tout ou en partie;

2° lui ordonner de se conformer de ce qui est précisée dans l'ordonnance ;

3 º kumuvana mu mwanya hagashyirwamo undi muntu ukora nk'umugenzuzi.

Mu gihe hafashwe icyemezo ku biteganywa mu gika cya mbere agace ka (3º), urukiko rushobora gufata icyemezo gikwiye hagamijwe kubungabunga umutungo w'urimo umwenda, harimo icyemezo gisaba umugenzuzi wakuweho kugaragaza ibaruramari, inyandiko cyangwa andi makuru akenewe kubera izo mpamvu.

Imiburanishirize yose yerekeye ikirego gisaba gufata icyemezo ivugwa muri iyi ngingo igomba gishyikirizwa Umwanditsi Mukuru, nawe akabika kopi y'icyo kirego muri dosiye ifite ibimenyetsoshakiro bihura n'amazina y'umugenzuzi bireba.

**Ingingo ya 28: Umwanya w'ubugenzuzi udafite uwurimo**

Umwanya w'umugenzuzi uba nta muntu uwurimo iyo umuntu wari awurimo:

1° akuwe mu mwanya n'urwego rwamushyizeho;

2° yeguye;

3° remove him or her from office and appoint someone else as supervisor.

Where an order is made under Paragraph One item (3º), the court may make such order as is appropriate for the preservation of the debtor's property, including an order requiring the removed supervisor to make available any accounts, records or other information necessary for that purpose.

All proceedings relating to any application for an order under this article must be served on the Registrar General, who must keep a copy of the proceedings on a public file indexed by reference to the name of the supervisor concerned.

**Article 28: Vacancy in the office of supervisor**

The office of supervisor becomes vacant if the person holding office:

1° is removed from office by appointing authority;

2° resigns;

3° le démettre de ses fonctions et nommer quelqu'un d'autre comme superviseur.

Lorsqu'une ordonnance est rendue en vertu de l'alinéa premier point (3º), la juridiction peut rendre toute ordonnance appropriées pour la préservation des biens du débiteur, y compris une ordonnance enjoignant le superviseur démis de rendre disponibles tous les comptes, dossiers et autres renseignements nécessaires à cette fin.

Toutes les procédures relatives à une demande d'une ordonnance en vertu du présent article doivent être notifiées au Registraire Général, qui doit conserver une copie de la procédure d'un dossier public indexés par référence au nom du superviseur.

**Article 28: Vacance de poste du superviseur**

Le poste de superviseur devient vacant si la personne occupant le poste:

1° est démis de ses fonctions par l'autorité de nomination;

2° démissionne;

3° atacyujuje ibisabwa ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;

4° abibujijwe n'icyemezo cy'urukiko;

5° yapfuye.

Umugenzuzi ashobora kwegura ku mwanya w'umugenzuzi atanze integuza y'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi. Muri icyo gihe atumiza inama y'ababerewemo imyenda bakagena umusimbura**.**

Urukiko, rubisabwe n'uwo ari we wese uberewemo umwenda, rushobora gusuzuma ishyirwaho ry'umusimbura w'umugenzuzi kandi mu gihe bibaye ngombwa, rushobora gushyiraho undi mugenzuzi.

Iyo nta muntu n'umwe urimo gukora nk'umugenzuzi biturutse ku kuba umugenzuzi yaravuye mu mwanya agasiga nta muntu uwurimo, umwanditsi mukuru ashyiraho uwo gusimbura umugenzuzi wagiye mu gihe gito gishoboka.

Umugenzuzi wavuye mu mwanya agasiga nta muntu uwurimo agomba gutanga amakuru n'ubufasha ku migendekere y'ubwumvikane ku

3° becomes disqualified as an insolvency practitioner;

4° is the subject of a prohibition order;

5° dies.

A supervisor may resign from the office of supervisor by providing a notice of fifteen (15) working days. In that period, the supervisor convenes a meeting of creditors that appoints his or her successor.

The court, on the application of any creditor, may review any appointment of a successor to a supervisor and may, where necessary, appoint another supervisor.

Where no person is acting as supervisor as a result of vacation of office, the trustee acts as a provisional supervisor and appoints as soon as possible an insolvency practitioner who becomes the supervisor's successor.

A person vacating the office of supervisor gives such information and assistance in the conduct of the arrangement as that person's successor reasonably requires.

3° devient exclu en tant qu'un praticien de l'insolvabilité;

4° fait l'objet d'une ordonnance d'interdiction;

5° décède.

Un superviseur peut démissionner de l'office en donnant un préavis de quinze (15) jours ouvrables. Pendant cette période, il convoque une réunion des créanciers qui nomme son successeur.

La juridiction, sur la demande de tout créancier, peut examiner toute désignation d'un successeur à un superviseur et peut, le cas échéant, désigner un autre superviseur.

Si personne n'agit à titre de superviseur suite à la vacance de poste, le séquestre agit comme le superviseur provisoire qui nomme le plutôt possible un praticien de l'insolvabilité qui devient successeur du superviseur.

Une personne qui abandonne son poste de superviseur donne toute information et aide dans le cadre de l'arrangement comme

myishyurire y'umwenda nk'uko umusimbura w'uwo muntu yabisaba ku mpamvu zumvikana.

successeur de la personne exige de façon raisonnable.

**Icyiciro cya 4: Ubwumvikane bwa sosiyete y'ubucuruzi n'ababerewemo imyenda**

**Ingingo ya 29: Ububasha bwo gusaba ubwumvikane**

Abantu bakurikira bashobora gusaba gahunda y'ubwumvikane:

1° ubereyemo abandi imyenda;

2° ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;

3° uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi.

**Ingingo ya 30: Gahunda y'ubwumvikane**

Gahunda y'ubwumvikane igomba kuba ikubiyemo amakuru yose arebana n'impamvu ndetse n'inkurikizi zayo kugira ngo ababerewemo imyenda babisuzume igihe barebera hamwe iyo gahunda no kugira ngo bayemeze.

**Section 4: Company compromise with creditors**

**Article 29: Proposal of compromise**

A compromise plan may be proposed by the following:

1° a debtor;

2° insolvency practitioner;

3° a company's creditor.

**Article 30: Compromise plan**

The plan must contain all information relating to the basis and its effects which should be considered by the creditors during examination and for its confirmation.

**Section 4: Compromis de société commerciale avec les créanciers**

**Article 29: Proposition de compromis**

Les personnes suivantes peuvent proposer un plan de compromis:

1° un débiteur;

2° un praticien de l'insolvabilité ;

3° un créancier de la société .

**Article 30: Plan de compromis**

Le plan doit contenir toutes les informations sur le fondement et sur les effets devant être pris en compte par les créanciers lorsqu'ils statuent sur l'approbation du plan.

Iyo gahunda igomba kugaragaza:

1° Urutonde rw'imitungo yose y'isosiyete rugaragaza neza imitungo yatanzweho ingwate mbere ya gahunda y'ubwumvikane;

2° raporo y'imiterere y'imari yakozwe n'umubaruramari w'umwuga;

3° urutonde n'ibyiciro by'ababerewemo imyenda;

4° imyenda ya buri cyiciro n'uburenganzira bujyana na cyo;

5° uburyo bw'iyishyura rya buri cyiciro cy'imyenda n'uburenganzira bujyana na cyo;

6° amafaranga buri cyiciro cy'ababerewemo imyenda cyabona haramutse habaye iseswa.

Gahunda y'ubwumvikane igomba kugaragaza uburyo buhagije buzatuma ishyirwa mu bikorwa, nko:

1° kuba ubereyemo abandi imyenda agumana umutungo wose cyangwa igice cyawo ;

The plan must indicate:

1° a list of all the assets of the company as well as an indication of the assets held as security by creditors before the compromise plan;

2° financial statement made by certified public accountant;

3° list and classes of creditors;

4° claims of each class and related rights;

5° mode of payment of each class of claims and related rights;

6° the probable payment each class of creditors would get if the company were to be placed in liquidation.

The plan must provide adequate means for its implementation, such as:

1° retentions by the debtor of all or any part of the property;

Le plan doit indiquer:

1° une liste reprenant tous les actifs de la société ainsi qu'une mention des actifs détenus en garantie par les créanciers avant le plan de compromis;

2° une liste de tous les états financiers établis par un expert-comptable agréé;

3° listes et les catégories de créanciers;

4° les créances de chaque catégorie et les droits y relatifs;

5° le mode de paiement de chaque catégorie de créances et les droits y relatifs;

6° le paiement éventuel que recevrait chaque catégorie de créanciers en cas de liquidation de la société.

Le plan doit indiquer les moyens adéquats pour sa mise en œuvre, tels que:

1° la conservation par le débiteur de tout ou partie du patrimoine;

2° guhererekanya umutungo wabo wose cyangwa igice cyawo;

3° kubahiriza cyangwa guhindura uburenganzira bwo kwishyurwa mbere;

4° gutesha agaciro cyangwa uguhindura amasezerano;

5° iyishyurwa ry'umwenda wari wararengeje igihe cyangwa gusonerwa kutubahiriza bimwe mu byari byarumvikanweho;

6° uburyo abakozi n'abayobozi bashyirwaho n'uko basimburana mu nyungu z'ababerewemo imyenda.

Gahunda y'ubwumvikane ishobora kandi guteganya uburyo bukwiye bwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo harimo gukora ku buryo imyenda yemewe n'imyenda yavutse mu gihe cy'ubwumvikane yishyurwa.

Gahunda y'ubwumvikane ishobora kandi kugaragaza andi makuru yose ya ngombwa mu ikurikirana ry'igihombo.

2° transfer of a part or the whole property;

3° satisfaction or modification of the right to preference;

4° invalidation or modification of contract;

5° curing or waiving of any default;

6° the procedures through which workers and directors are appointed and the mode of subsequent replacement on the interests of the creditors.

The compromise plan may also provide the appropriate means to implement it including ensuring that accepted claims and claims that occurred during the period of compromise are settled.

The compromise plan may also indicate all other information necessary during insolvency proceedings.

2° la cession de tout ou partie du patrimoine;

3° le remboursement ou la modification du droit au privilège;

4° l'annulation ou la modification du contrat;

5° la réparation ou le retrait d'un manquement;

6° le plan doit définir la façon dont le personnel et les directeurs sont désignés et leur rotation dans l'intérêt des créanciers.

Le plan de compromis peut également prévoir des moyens appropriés pour le mettre en œuvre, y compris veiller à ce que les réclamations acceptées et les réclamations qui ont eu lieu pendant la période de compromis soient réglées.

Le plan de compromis peut également indiquer toutes les autres informations nécessaires lors de la procédure d'insolvabilité.

**Ingingo ya 31: Imenyesha ry'ubwumvikane bwasabwe**

Mu gihe cy'iminsi itari munsi y'icumi (10) y'akazi mbere y'uko inama iterana, usaba ubwumvikane atanga imenyesha rigenewe rubanda n'imenyesha ry'umuntu ku giti cye kuri buri muntu uberewemo umwenda uzwi, isosiyete y'ubucuruzi, umucungamutungo cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agaragaza icyifuzo cyo gukora inama y'ababerewemo imyenda cyangwa ikindi cyiciro icyo ari cyo cyose cy'ababerewemo imyenda igamije gutora umushinga w'icyemezo.

Usaba ubwumvikane aha buri wese uberewemo umwenda uzwi, isosiyete y'ubucuruzi, umucungamutungo cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ndetse n'Umwanditsi Mukuru imenyesha ryanditse ry'ibyavuye mu itora.

Iyo imenyesha ritumira inama ritanzwe, ikurikirana ry'uburyo ubwo ari bwo bwose ku mutungo w'ubereyemo abandi imyenda cyangwa gukomeza gukurikirana inzira ziteganywa n'amategeko mu kwishyuza zirahagarara keretse urukiko rubigennye ukundi.

**Article 31: Notice of proposed compromise**

The proposer gives in not less than ten (10) working days before the meeting is held, a public notice and individual notice to each known creditor, company, trustee, administrator or liquidator indicating the intention to hold a meeting of creditors or any class of creditors for the purpose of voting on the draft resolution.

The proposer gives to each known creditor, the company, administrator or liquidator and to the Registrar General a written notice of the result of the voting.

When the notice for convening a meeting is issued, all proceedings against the property of the debtor or the continuation of legal proceedings to recover claims are stayed unless a court decides otherwise.

**Article 31: Avis de compromis proposé**

Le proposant donne dans un délai d'au moins dix (10) jours ouvrables avant la tenue de la réunion, un avis public et un avis individuel à chaque créancier connu, à la société commerciale, au séquestre, à l'administrateur ou au liquidateur indiquant son intention de tenir une réunion des créanciers ou toute catégorie de créanciers aux fins de voter le projet de résolution.

Le proposant donne à chaque créancier connu, à la société commerciale, à l'administrateur ou au liquidateur et au Registraire Général un avis écrit du résultat du vote.

Lorsque la notification de la convocation de la réunion est émise, toutes les procédures contre des biens du débiteur ou de poursuite des procédures judiciaires pour recouvrer les créances sont suspendues à moins qu'une juridiction n'en dispose autrement.

Ibiteganywa mu gika kibanziriza iki ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.

**Ingingo ya 32: Ibikubiye mu nyandiko imenyesha rubanda n'abantu ku giti cyabo ubwumvikane**

Usaba ubwumvikane akora urutonde rw'ababerewemo imyenda bazwi n'ababerewemo imyenda ba buri cyiciro cy'ababerewemo imyenda b'isosiyete y'ubucuruzi bazagerwaho n'ingaruka z'ubwumvikane bwasabwe, hakagaragazwa umwenda ugomba kwishyurwa buri wese uberewemo umwenda n'umubare w'amajwi buri wese yemerewe mu gihe cyo gutora icyemezo cyemera ubwumvikane.

Imenyesha rigenewe rubanda n'abantu ku giti cyabo ry'ubwumvikane rikubiyemo:

1º amazina n'aderesi by'usaba n'ububasha afite;

2º agasanduka k'iposita, aho abarizwa na nomero ya telefoni yanyuzwaho ibibazo byohererezwa usaba;

The provisions of the preceding Paragraph do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realise any property in the insolvent estate over which that creditor has a charge.

**Article 32: Content of public and individual notices of proposed compromise**

The proposer compiles a list of known creditors and creditors in each class of creditors of the company who would be affected by the proposed compromise, setting out the amount owing to each and the number of votes which each is entitled to cast on a resolution approving the compromise.

The public and individual notices of proposed compromise contain:

1° the name and address of the proposer and the capacity in which he or she is acting;

2° the postal and physical address and telephone number to which inquiries may be directed to the proposer;

Les dispositions de l'alinéa précédent n'affectent pas le droit d'un créancier privilégié de prendre possession et de réaliser ou des biens de l'insolvable sur lesquels ce créancier a une charge.

**Article 32: Contenu des avis publics et individuels de compromis proposé**

Le proposant établit une liste des créanciers connus et des créanciers dans chaque catégorie de créanciers de la société commerciale qui seraient touchés par le compromis proposé, en précisant le montant dû à chacun et le nombre de voix de chacun pour voter une résolution approuvant le compromis.

Les avis publics et individuels de compromis proposé contiennent:

1° le nom et l'adresse du proposant et capacité dans laquelle il agit;

2° l'adresse physique et postale et le numéro de téléphone auquel les questions peuvent être adressées au proposant;

3º inyandiko igaragaza mu buryo nyabwo impamvu z'ubwumvikane bwasabwe n'ingaruka zose bigaragara ko zishobora kubaho ku baberewemo umwenda na sosiyete y'ubucuruzi igihe umwanzuro wemera ubwumvikane waba watowe, harimo no kugaragaza urugero rw'ubushake umuyobozi wese afite mu bwumvikane bwasabwe;

4º kopi y'urutonde rw'ababerewemo imyenda.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Kwemeza ubwumvikane**

Ubwumvikane bwemezwa n'ababerewemo imyenda cyangwa buri cyiciro cy'ababerewemo imyenda iyo bitowe ku majwi atari munsi ya mirongo irindwi n'atanu ku ijana (75%) by'amajwi y'ababerewemo imyenda batoye.

Iyo icyemezo cy'ubwumvikane cyasabiwe gutorwa n'icyiciro kirenze kimwe cy'ababerewemo imyenda, bifatwa ko ukwemererwa ubwumvikane bwasabwe n'icyo cyiciro bushingira k'ukwemera ubwumvikane kwa buri cyiciro kindi cyemerewe gutora hafatwa icyemezo cy'ubwumvikane keretse icyo cyemezo kibaye kibigaragaza ukundi mu buryo bweruye.

3° a statement fairly setting out reasons for the proposed compromise and all reasonably foreseeable consequences, for creditors and for the company if the resolution is approved, including the extent to which any director is interested in the proposed compromise;

4° a copy of a list of creditors.

**<u>Article 33</u>: Approval of compromise**

A compromise is approved by creditors or any class of creditors if voted by at least seventy five percent (75%) of votes of all creditors who voted.

Where a resolution proposing a compromise is put to a vote of more than one class of creditors, it is presumed that the approval of the compromise by that class is conditional on the approval of the compromise by every other class voting on the resolution unless the contrary is expressly stated in the resolution.

3° une déclaration exposant d'une manière équitable les motifs du compromis proposé et toutes les conséquences raisonnablement prévisibles, pour les créanciers et pour la société commerciale si la résolution est approuvée, y compris la mesure dans laquelle un administrateur est intéressé par le compromis proposé ;

4° une copie d'une liste de créanciers.

**<u>Article 33</u>: Approbation de compromis**

Un compromis est approuvé par les créanciers ou toute catégorie de créanciers si elle est votée à concurrence d'au moins soixante-quinze pourcent (75%) des voix de tous les créanciers qui ont voté.

Lorsqu'une résolution proposant qu'un compromis est soumise à un vote de plus d'une catégorie de créanciers, il est présumé que l'approbation du compromis de cette classe est subordonnée à l'approbation du compromis de toutes les autres classes de vote sur la résolution à moins que le contraire est expressément mentionné dans la résolution.

**Ingingo ya 34: Amafaranga atangwa ku nama y'ababerewemo imyenda**

Uretse igihe urukiko rwaba rubitegetse ukundi, amafaranga akoreshwa mu itegura n'iterana ry'inama y'ababerewemo imyenda hagamijwe gutora ubwumvikane bwasabwe yishyurwa na sosiyete y'ubucuruzi iri mu ikurikirana ry'igihombo.

**Ingingo ya 35: Ububasha bw'urukiko mu kugenzura ubwumvikane**

Hashingiwe ku busabe butanzwe n'usaba ubwumvikane cyangwa sosiyete y'ubucuruzi, urukiko rushobora gutanga amabwiriza ku birebana n'imigendekere y'ibisabwa, kureka cyangwa guhindura ibyo bisabwa iyo rubona ko aribyo bikwiye gukorwa.

Urukiko rushobora gutegeka mu gihe cyivugwa mu cyemezo kidashobora gutangira kubarwa mbere y'umunsi imenyesha ry'ubwumvikane ryatangiwe, ko ibirego byose bijyanye n'umwenda sosiyete y'ubucuruzi ifite bihagarikwa cyangwa ko buri wese uberewemo umwenda ahagarika gukomeza gufata ibindi byemezo bituma sosiyete y'ubucuruzi yishyura umwenda irimo.

Icyakora ibiteganywa mu gika kibanziriza iki ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo

**Article 34: Costs of meeting of the creditors**

Except where the court orders the contrary, costs incurred in organising and conducting a meeting of creditors for the purpose of voting on a proposed compromise are met by a company under insolvency proceedings.

**Article 35: Powers of the court in compromise**

On the application made by the proposer or the company, the court may give directions in relation to any procedural requirement, waive or vary such requirement if satisfied that it's appropriate action to take.

The court may order that during any period specified in the order, beginning not earlier than the date on which notice of the proposed compromise was given, any proceedings in relation to a debt owing by the company be suspended or any creditor refrain from taking any other measure to enforce payment of any debt owed by the company.

The provisions of the preceding Paragraph do not affect the right of a secured creditor to take

**Article 34: Coûts de la réunion des créanciers**

Sauf si la juridiction ordonne autrement, les frais engagés dans l'organisation et la tenue de la réunion des créanciers pour voter sur un compromis proposé sont à la charge de la société en procédure d'insolvabilité.

**Article 35: Pouvoirs de la juridiction lors du compromis**

Sur demande présentée par le proposant ou la société, la juridiction peut donner des instructions en rapport avec toute exigence procédurale, renoncer ou modifier cette exigence si elle est d'avis qu'il serait juste de le faire.

La juridiction peut ordonner que pendant toute la période spécifiée dans l'ordonnance, ne commençant pas plus tôt que la date à laquelle l'avis de compromis proposé a été donné, toute procédure en rapport avec une dette due par la société commerciale soit suspendue ou que tout créancier s'abstienne de prendre toute autre mesure d'exiger le paiement de toute dette due par la société commerciale.

Les dispositions de l'alinéa précédent n'affectent pas le droit d'un créancier privilégié

umwenda wahawe ingwate gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.

**<u>Ingingo ya 36:</u> Ishyirwaho ry'umugenzuzi mu bwumvikane**

Usaba ubwumvikane agaragaza umwirondoro w'uwo asabira kuba umugenzuzi akemezwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 32 y'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 37</u>: Inkurikizi y'ubwumvikane**

Ubwumvikane bwemewe n'ababerewemo imyenda cyangwa icyiciro cy'ababerewemo imyenda b'isosiyete y'ubucuruzi bugira agaciro kuri sosiyete y'ubucuruzi n'ababerewemo imyenda bose cyangwa icyiciro cy'ababerewemo imyenda bahawe imenyesha ryo gusaba ubwumvikane.

**<u>Ingingo ya 38</u>: Ivanwaho ry'agaciro k'ubwumvikane**

Mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri (20) y'akazi ibarwa uhereye nyuma y'imenyesha rivuga ko ubwumvikane bwemewe, uberewemo umwenda wari ufite uburenganzira bwo gutora icyo cyemezo ashobora kuregera urukiko asaba ku rufata icyemezo cy'uko atarebwa

possession of and realise any property in the insolvent estate over which that creditor has a charge.

**<u>Article 36</u>: Appointing a supervision of compromise**

The proposer designates a proposed supervisor who is approved by the creditors in accordance with the provisions of Article 32 of the Law.

**<u>Article 37</u>: Effect of compromise**

A compromise approved by creditors or any class of creditors of a company is binding on the company and on all creditors or class of creditors to whom notice of the proposal was given.

**<u>Article 38</u>: Cancelling the binding force of compromise**

2° a more advantageous realisation of the company's assets than would be effected on a winding-up;

3° realising the property of the company in order to make a distribution to one or more secured or preferential creditors**.**

modification, en totalité ou en partie, ou rendre toute autre ordonnance qu'il juge appropriée.

**Section 3: Dispositions en rapport avec l'exercice de l'administration**

**Article 62: Attributions générales de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur**

Un administrateur provisoire ou un administrateur a les fonctions et les attributions suivantes:

1° faire le suivi de la survie de la société commerciale, le tout ou une partie de ses activités doit être entretenu d'une manière continue;

2° une réalisation plus avantageuse des actifs de la société commerciale que celle qui serait réalisée en cas de liquidation;

3° réaliser les biens de la société commerciale afin de faire une distribution à un ou plusieurs créanciers garantis ou privilégiés.

4° kurinda no kugenzura umutungo wose w'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa uwo bigaragara ko awufiteho uburenganzira;

5° kubika amafaranga ya sosiyete y'ubucuruzi agatandukanywa n'andi mafaranga afite cyangwa agenzura;

6° kubika, hakurikijwe amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho byemewe muri rusange mu ibaruraramari, inyandiko zose z'ibaruramari n'izindi nyandiko z'inyemezabwishyu, iz'ibyakoreshejwe n'iz'ibindi bikorwa bifitanye isano n'isosiyete y'ubucuruzi kandi akagumana izo nyandiko z'ibaruramari n'ibindi bitabo mu gihe kitari munsi y'imyaka icumi (10) nyuma y'irangira ry'icungamutungo.

**Ingingo ya 63: Ububasha bw'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo**

Umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo afite ububasha bukurikira:

1° gukora imirimo y'isosiyete y'ubucuruzi no gucunga umutungo n'ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi;

4° to take custody and control of all the property to which the company is or appears to be entitled;

5° to keep company money, separate from other money which he or she holds or is under his or her control;

6° to keep, in accordance with generally accepted accounting procedures and standards, full accounts and other records of all receipts, expenditure and other transactions relating to the company and retain the accounts and records for not less than ten (10) years after the administration ends.

**Article 63: Powers of a provisional administrator or administrator**

A provisional administrator or an administrator has the following powers:

1° to carry on the company's business and manage the company's property and affairs;

4° prendre sous sa garde et son contrôle tous les biens auxquels la société commerciale a droit ou semble avoir droit;

5° garder l'argent de la société commerciale, séparé des autres fonds qu'il détient ou a sous son contrôle;

6° conserver, conformément aux principes et aux normes comptables généralement reconnus, les comptes complets et autres documents de tous les reçus, dépenses et autres transactions relatives à la société commerciale et conserver les comptes et registres pendant au moins dix (10) ans après la fin de l'administration;

**Article 63: Pouvoirs d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**

Un administrateur provisoire ou un administrateur a les pouvoirs suivants:

1° mener les activités de la société commerciale et gérer les biens et les affaires de la société commerciale;

2° gushyira mu bikorwa inshingano iyo ariyo yose no gukoresha ububasha bwose isosiyete y'ubucuruzi, abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamabanga bashoboraga gushyira mu bikorwa cyangwa gukoresha iyo isosiyete y'ubucuruzi itaza kuba iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo;

3° guhindura icyicaro gikuru cyangwa aderesi yuzuye byanditse by'isosiyete y'ubucuruzi;

4° kuvana mu mirimo ye ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete y'ubucuruzi;

5° gushyiraho umuntu ukora nk'ugize inama y'ubutegetsi yaba ajya mu mwanya udafite uwurimo cyangwa undi mwanya;

6° gutumiza inama y'abanyamigabane cyangwa y'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi;

7° guhagararira isosiyete y'ubucuruzi mu rukiko.

2° to perform any function and exercise any power that the company or any of its directors or secretary could perform or exercise if the company were not in provisional administration or administration;

3° to change the company's registered office or full address;

4° to remove from office a director of the company;

5° to appoint a person as director, whether to fill a vacancy or not;

6° to convene any meeting of the shareholders or creditors of the company;

7° to represent a company in a court.

2° effectuer toute fonction et exercer tout pouvoir que la société commerciale ou ses administrateurs ou secrétaire pourraient accomplir ou exercer si la société commerciale n'était pas mise sous l'administration provisoire ou l'administration;

3° changer le siège social ou l'adresse complète de la société commerciale;

4° révoquer un administrateur de la société commerciale;

5° nommer une personne en tant qu'administrateur, que ce soit pour pourvoir un poste vacant ou non;

6° convoquer une réunion des actionnaires ou créanciers de la société commerciale;

7° représenter une société commerciale devant une juridiction.

**Ingingo ya 64: Imikoranire y'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo n'abandi bantu**

Umuntu wishyura amafaranga cyangwa uhaye umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo indi ngurane y'isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo ntasabwa kumenya niba uwo mucungamutungo yarashyizweho mu buryo byemewe n'amategeko.

**Ingingo ya 65: Uruhare rw'abayobozi b'isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo**

Mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa icungamutungo, abagize Inama y'Ubutegetsi n'umunyamabanga ntibashobora gukora imirimo yabo, gukoresha ububasha bwabo cyangwa gukora inshingano zabo zifitanye isano n'icungamutungo w'isosiyete y'ubucuruzi keretse umucungamutungo yemeje ubwo bubasha.

Ugize inama y'ubutegetsi cyangwa umunyamabanga w'isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo ry'agateganyo cyangwa mu icungamutungo agomba guha umucungamutungo w'agateganyo cyangwa

**Article 64: Provisional administrator's or administrator's relationship with third parties**

A person paying money or giving other consideration of the company under administration to a provisional administrator or an administrator is not supposed to know if that administrator was validly appointed.

**Article 65: Role of company's officers during provisional administration or administration**

During provisional administration or administration of the company, its directors and secretary may not exercise their functions, powers or duties relating to administration of a company unless the administrator approves such powers.

A director or a secretary of a company which is under provisional administration or administration must provide all documents and information to the provisional administrator or administrator relating to the company.

**Article 64: Relation entre l'administrateur provisoire ou l'administrateur et des tiers**

Une personne qui paie de l'argent ou qui donne une autre contrepartie de la société commerciale mise sous administration à un administrateur provisoire ou à un administrateur n'est pas censée savoir si cet administrateur a été valablement nommé.

**Article 65: Rôle des dirigeants de la société commerciale pendant l'administration provisoire ou l'administration**

Lors de l'administration provisoire ou de l'administration de la société commerciale, ses administrateurs et son secrétaire ne peuvent exercer leurs fonctions, pouvoirs ou attributions relatifs à l'administration d'une société commerciale que si l'administrateur approuve de tels pouvoirs.

Un administrateur ou un secrétaire d'une société commerciale mise sous l'administration provisoire ou sous l'administration doit fournir tous les documents et informations à l'administrateur provisoire ou à

umucungamutungo inyandiko zose n'amakuru bifitanye isano n'isosiyete y'ubucuruzi.

Iyo bisabwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo, abagize Inama y'Ubutegetsi n'umunyamabanga bagomba kurahirira ko ibikoresho n'amakuru bigaragajwe byuzuye kandi ari ukuri.

Iyo inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete y'ubucuruzi iteganya ko ifite ikirango, abagize Inama y'Ubutegetsi n'umunyamabanga bagomba kugaragaza ikirango kugira ngo gikoreshwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo.

**Ingingo ya 66: Icyemezo cyo kubahirizwa mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo**

Iyo umuntu atubahirije inshingano z'umuyobozi w'isosiyete y'ubucuruzi mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo, bisabwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo, urukiko rushobora kumutegeka kubyubahiriza cyangwa rugafata ikindi cyemezo gikwiye.

If required by the provisional administrator or an administrator, the directors and secretary must make a statutory declaration that the material and information made available is complete and correct.

If the company's incorporation document provides that it has a seal, the directors and secretary must make the seal available for use by the provisional administrator or administrator.

**Article 66: Compliance order during provisional administration or during administration**

Where a person fails to comply with the duties of company's officer during provisional administration or administration, on the application of the provisional administrator or administrator, the court may order that person to comply or make any other appropriate order.

l'administrateur en rapport avec la société commerciale.

Si l'administrateur provisoire ou un administrateur l'exige, les administrateurs et le secrétaire doivent faire une déclaration solennelle que le matériel et les informations mis à disposition sont complets et corrects.

Si le document de constitution de la société commerciale prévoit qu'il a un sceau, les administrateurs et le secrétaire doivent mettre le sceau à la disposition de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur.

**Article 66: Ordonnance de conformité pendant l'administration provisoire ou de l'administration**

Lorsqu'une personne ne se conforme pas aux attributions d'un dirigeant de la société commerciale pendant l'administration provisoire ou l'administration, la juridiction peut, à la demande de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur, ordonner à cette personne de se conformer ou de rendre toute autre ordonnance appropriée.

**Ingingo ya 67: Kwivanaho umutungo watanzweho ingwate mu gihe isosiyete y'ubucuruzi mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo**

Umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo ntiyemerewe kwivanaho umutungo watanzweho ingwate keretse:

1º uko kwivanaho umutungo ari ko bisanzwe bigenda ku bikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi;
2º umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo babyemerewe mu nyandiko n'ababerewemo imyenda ifite n'ingwate;

3º urukiko rwizeye neza ko hafashwe ingamba zihagije zo kurengera inyungu z'ababerewemo imyenda ifite n'ingwate.

**Ingingo ya 68: Uburyozwe bw'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo**

Bitabangamiye amasezerano yumvikanyweho ukundi, umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo aryozwa ku giti cye:

**Article 67: Disposal of charged property during provisional administration or administration**

A provisional administrator or an administrator shall not dispose of property subject to a charge, unless:

1º the disposal is in the ordinary course of the company's business;

2º the provisional administrator or the administrator has the written consent of the secured creditors;

3º the court is satisfied that sufficient steps have been made to protect the interests of the secured creditors.

**Article 68: Liabilities of a provisional administrator or administrator**

Notwithstanding any agreement to the contrary, a provisional administrator or administrator is personally liable:

**Article 67: Aliénation des biens grevés pendant l'administration provisoire ou l'administration**

Un administrateur provisoire ou un administrateur ne peut aliéner les biens grevés d'une charge, sauf si:

1º l'aliénation fait partie du cours normal des activités de la société commerciale;

2º l'administrateur provisoire ou l'administrateur a reçu le consentement écrit des créanciers garantis;

3º la juridiction est convaincue que des mesures suffisantes ont été prises pour protéger les intérêts des créanciers garantis.

**Article 68: Responsabilités d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**

Nonobstant tout accord contraire, un administrateur provisoire ou administrateur est personnellement tenu responsable:

1° ku birebana n'amasezerano ayo ariyo yose ashyizeho umukono ubwe mu gihe akoresha bumwe mu bubasha bwe ariko ntaryozwa imyenda y'isosiyete y'ubucuruzi;

2° kwishyura ibihembo cyangwa imishahara, harimo uburwayi, ikiruhuko gihemberwa n'imisanzu y'ubwiteganyirize ariko ntibaryozwa amafaranga bakoresheje mu imenyenyesha mu gihe cy'icungamutungo by'agateganyo cyangwa icungamutungo, hakurikijwe amasezerano y'akazi yemejwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo cyangwa ku bireba serivisi batanze nyuma yo kwemeza amasezerano.

Iyo isosiyete y'ubucuruzi ikomeje gukoresha, gutunga cyangwa kuba mu mutungo hakurikijwe amasezerano akiriho mu gihe cy'itangira ry'icungamutungo ry'agateganyo cyangwa icungamutungo cyangwa iyo icyangombwa cyemewe n'amategeko kuri uwo mutungo kitahawe isosiyete y'ubucuruzi, umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo aryozwa ku giti cye ubukode n'ubundi bwishyu bwose bugeze igihe cyo kwishyurwa hakurikijwe amasezerano.

1° on any contract entered into by his or her in the exercise of any of the his or her powers but he or she is not liable for the company's debts;

2° pay wages or salary, including sickness, paid holiday and social security contributions but not payments in lieu of notice that are incurred during the provisional administration or during administration, under a contract of employment adopted by the provisional administrator or by the administrator or in respect of services rendered after the adoption of the contract.

If a company continues to use, possess or occupy property under an agreement subsisting at the commencement of the provisional administration or administration or if legal title to the property is not vested in the company, the provisional administrator or the administrator is personally liable for rent and any other payments becoming due under the agreement.

1° de tout contrat conclu en vertu de l'exercice de l'un de ses pouvoirs mais il n'est pas tenu responsable des dettes de la société commerciale;

2° de payer les salaires, y compris les prestations de maladie, de congés payés et des cotisations de la sécurité sociale, exception faite des indemnités de préavis encourues pendant l'administration provisoire ou l'administration, en vertu d'un contrat de travail adopté par l'administrateur provisoire ou par l'administrateur ou en rapport avec les services rendus après l'adoption du contrat.

Si une société commerciale continue d'utiliser, de posséder ou d'occuper des biens en vertu d'un accord subsistant à l'ouverture de l'administration provisoire ou de l'administration ou si le titre légal n'est pas dévolu à la société commerciale, l'administrateur provisoire ou l'administrateur est personnellement responsable du loyer et de tout autre paiement devenant dû en vertu du contrat.

Uburyozwe bw'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo bugarukira ku gice cy'ubukode n'ubundi bwishyu yishyuwe yabonetse mu gihe cy'iminsi irindwi (7) ikurikira itangira ry'icungamutungo ry'agateganyo cyangwa icungamutungo bukarangira ku irangira ry'icungamutungo ry'agateganyo cyangwa icungamutungo cyangwa ku itariki isosiyete y'ubucuruzi yarekeye gukoresha, gutunga cyangwa gucunga umutungo utimukanwa. Bitewe n'icyabanjirije ikindi, urukiko rushobora kongera kugabanyiriza cyangwa kubara ubwo buryozwe ku mucungamutungo w'agateganyo cyangwa ku mucungamutungo.

A provisional administrator's or administrator's liability is limited to that portion of the rent or other payments which accrue in the period commencing seven (7) days after the commencement of the provisional administration or administration and ending on the termination of the provisional administration or administration or the date on which the company ceases to use, possess or occupy an immovable property. Whichever is the earlier, the court may further limit or excuse the liability of the provisional administrator or the administrator.

La responsabilité d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur est limitée à la partie du loyer ou d'autres paiements qui s'accumulent dans la période qui commence sept (7) jours après l'ouverture de l'administration provisoire ou de l'administration et se termine à la fin de l'administration provisoire ou de l'administration ou à la date à laquelle la société commerciale cesse d'utiliser, de posséder ou d'occuper un bien immobilier. Selon la première éventualité, la juridiction peut limiter ou annuler la responsabilité de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur.

**Ingingo ya 69: Uburenganzira bw'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo kubyo agenerwa**

Umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo bafite uburenganzira ku gihembo kivanywe mu mutungo w'isosiyete y'ubucuruzi ku birebana n'uburyozwe ubwo aribwo bwose bw'umuntu ku giti cye n'igihembo cyumvikana ndetse n'amafaranga yakoresheje. Bafite kandi uburenganzira ku bindi bihembo bashobora kuba bemerewe kandi bagomba kuryozwa amasezerano yose bashyizeho umukono batabifitiye ububasha.

**Article 69: Provisional administrator's or administrator's right of indemnity**

A provisional administrator or an administrator is entitled to an indemnity out of the company's property in respect of any personal liability and his or her reasonably incurred remuneration and expenses. He or she has a right to any other indemnity he or she may be entitled to and must be liable to any contract entered into without authority.

**Article 69: Droit d'indemnité de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur**

Un administrateur provisoire ou un administrateur a droit à une indemnité sur les biens de la société commerciale à l'égard de toute responsabilité personnelle et de sa rémunération et de ses frais raisonnablement engagés. Il a droit à toute autre indemnité à laquelle il peut avoir droit et doit être responsable de tout contrat conclu sans autorité.

**Ingingo ya 70: Gusonerwa uburyozwe ku mucugamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo**

Urukiko rushobora gusonera umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo uburyozwe bwe ku giti cye bwose cyangwa igice cyabwo bwavutse mu gihe cyo gucunga umutungo iyo urukiko rwizeye neza ko ubwo buryozwe bwatewe gusa n'impamvu z'inenge yagaragaye mu ishyirwaho ry'umucungamutungo cyangwa ko uwo mucungamutungo yagaragaje ubunyangamugayo.

Mu gukoresha ububasha ruhabwa n'iyi ngingo, urukiko rushobora gutanga amabwiriza no gushyiraho ibindi bisabwa ndetse no kugena uburyozwe bujyanye na byo.

**Ingingo ya 71: Raporo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo agenera Umwanditsi Mukuru**

Umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo akorera Umwanditsi Mukuru raporo iyo hari ikimugaragariza ko uwahoze mu nama y'ubutegetsi cyangwa uri mu nama y'ubutegetsi, umunyamabanga, cyangwa umunyamigabane bashobora kuba baragaragaweho icyaha ku birebana n'isosiyete y'ubucuruzi hakurikijwe iri tegeko.

**Article 70: Relief from liability for a provisional administrator or administrator**

The court may relieve a person who has acted as a provisional administrator or administrator from all or any personal liability incurred in the course of the administration if satisfied that the liability was incurred solely by reason of a defect in the appointment of the administrator or that the administrator acted honestly.

In exercising the powers conferred by this Article, the court may give such directions and impose such requirements and determine the related liability.

**Article 71: Provisional administrator's or administrator's report to Registrar General**

A provisional administrator or an administrator makes a report to the Registrar General if it appears to him or her that a former or present director, secretary or shareholder may have committed an offence in relation to the company under this Law.

**Article 70: Exonération de responsabilité pour un administrateur provisoire ou un administrateur**

La juridiction peut exonérer une personne qui a agi en qualité d'administrateur provisoire ou d'administrateur de tout ou partie de la responsabilité personnelle encourue dans le cadre de l'administration si elle est convaincue que la responsabilité a été engagée uniquement en raison d'un vice de la nomination de l'administrateur ou que l'administrateur a agi avec honnêteté.

Dans l'exercice des pouvoirs qui lui sont conférés par le présent article, la juridiction peut donner des instructions et imposer les exigences et déterminer la responsabilité y relative.

**Article 71: Rapport de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur adressé au Registraire Général**

L'administrateur provisoire ou l'administrateur fait un rapport au Registraire général s'il lui semble qu'un administrateur anciem ou actuel , un secrétaire ou un actionnaire, aurait commis une infraction à l'égard de la société commerciale en vertu de la présente loi.

Iyo bimeze bityo, umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo borohereza Umwanditsi Mukuru kugenzura no gufata kopi z'inyandiko akeneye.

**Ingingo ya 72: Igihe cy'inzibacyuho kiganisha ku iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo**

Bifatwa ko abanyamigabane bafashe umwanzuro wihariye wo gusesa isosiyete y'ubucuruzi iyo:

1° ababerewemo imyenda banzuye mu nama y'ababerewemo imyenda ko isosiyete y'ubucuruzi iseswa;

2° inyandiko y'imicungire y'umutungo itashyizwe mu bikorwa mu gihe cyo kuyishyira mu bikorwa.

Ku bireba umwanzuro bivugwa ko wafashwe hakurikijwe agace ka 1º k'igika cya mbere cy'iyi ngingo, abanyamigabane bafatwa nk'aho bashyizeho umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.

In such a case, the provisional administrator or administrator facilitates the Registrar General to inspect and take copies of documents he or she requires.

**Article 72: Transition to liquidation**

Shareholders are considered to have passed a special resolution for the winding up of the company if:

1° the creditors resolve that the company be wound up at a creditors' meeting;

2° an administration deed is not executed within the execution period.

In the case of a considered resolution under Item 1º of Paragraph One of this Article, the shareholders are considered to have appointed the provisional administrator or administrator as liquidator.

Dans ce cas, l'administrateur provisoire ou l'administrateur facilite le Registraire général à examiner et à prendre des copies des documents dont il a besoin.

**Article 72: Transition vers la liquidation**

Des actionnaires sont réputés avoir adopté une résolution spéciale pour la liquidation de la société commerciale si:

1° les créanciers décident de la liquidation de la société commerciale à la réunion des créanciers;

2° un acte d'administration n'est pas exécuté dans la période d'exécution.

Dans le cas d'une résolution présumée en vertu du point 1º de l'alinéa premier du présent article, les actionnaires sont réputés avoir nommé l'administrateur provisoire ou l'administrateur comme liquidateur.

**Ingingo ya 73: Igihe umwanya w'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo udafite uwurimo**

Umwanya w'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo ufatwa ko udafite uwurimo iyo uwari uwurimo:

1° akuwe mu mwanya n'urwego rwamushyizeho;

2° yeguye;

3° atacyujuje ibisabwa ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;

4° abibujijwe n'icyemezo cy'urukiko;

5° apfuye.

Iyo uwo mwanya udafite uwurimo atari uko uwari uwurimo yeguye, Umwanditsi Mukuru ashyiraho umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo bitewe n'uwavuye mu mwanya we uwo yari we, kandi agomba gushyiraho ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo usimbura umucungamutungo.

**Article 73: Vacancy in the office of a provisional administrator or administrator**

The office of a provisional administrator or administrator becomes vacant if the person holding office:

1° is removed from office by appointing authority;

2° resigns;

3° is disqualified as insolvency practitioner;

4° is subject to a court prohibition order;

5° dies.

In the case of a vacancy arising but not by resignation, the Registrar General appoints a provisional administrator or administrator, as the case may be, and must forthwith appoint an insolvency practitioner as successor to the position of administrator.

**Article 73: Vacance de poste d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**

Le poste d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur devient vacant si la personne qui occupe le poste:

1° est démis de ses fonctions par l'autorité de nomination;

2° démissionne;

3° perd la qualité de praticien d'insolvabilité;

4° fait l'objet d'une ordonnance d'interdiction judiciaire;

5° décède.

En cas de vacance de poste suite à une raison autre que la démission, le Registraire général nomme un administrateur provisoire ou un administrateur, selon le cas, et doit nommer immédiatement un praticien d'insolvabilité comme successeur au poste d'administrateur.

Mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi ashyizweho, uwasimbuye umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo atumiza inama y'ababerewemo imyenda atanga imenyesha ryanditse kuri rubanda n'umuntu ku giti cye ku baberewemo imyenda mu gihe kitari munsi y'iminsi ibiri (2) y'akazi kandi iyo nama igomba kwemeza ishyirwaho rye cyangwa igashyiraho undi muntu.

Umuntu wivanye mu mirimo ye nk'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo agomba guha amakuru ndetse n'ubufasha mu migendekere y'icungamutungo nk'uko umusimbura w'uwo muntu yabisaba ku mpamvu zumvikana.

**<u>Ingingo ya 74</u>: Ubugenzuzi bw'urukiko ku mucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo**

Bisabwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo, urukiko rushobora gutanga amabwiriza ku birebana n'ikibazo cyavuka gifitanye isano no gushyira mu bikorwa inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo.

Bisabwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo, uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa undi wese ushinzwe iyegeranya

Within five (5) working days of appointment, a successor of a provisional administrator or administrator convenes a creditors' meeting by giving not less than two (2) working days public and individual written notice to creditors and the meeting must confirm his or her appointment or appoint someone else.

A person vacating the office of a provisional administrator or administrator must give such information and assistance in the conduct of the administration as that person's successor reasonably requires.

**<u>Article 74</u>: Court supervision of a provisional administrator or administrator**

On the application of a provisional administrator or administrator, the court may give directions in relation to any matter arising in connection with the performance of functions of a provisional administrator or administrator.

On the application of a provisional administrator or administrator, a creditor of the company or any liquidator of the company, the

Endéans cinq (5) jours ouvrables suivant la nomination, le successeur d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur doit convoquer une réunion des créanciers en donnant aux créanciers un avis écrit public et individuel d'au moins deux (2) jours ouvrables et la réunion doit confirmer sa nomination ou nommer quelqu'un d'autre.

Quiconque quitte le poste d'administrateur provisoire ou d'administrateur doit fournir des informations et l'assistance que son successeur a raisonnablement besoin.

**<u>Article 74</u>: Supervision judiciaire d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**

À la demande d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur, la juridiction peut donner des instructions en rapport avec toute question découlant de l'exercice des fonctions d'administrateur provisoire ou d'administrateur.

À la demande d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur, d'un créancier de la société commerciale ou d'un liquidateur de la société commerciale, la juridiction peut, pendant ou

n'igabagabanya ry'umutungo, urukiko rushobora, mu gihe cyangwa nyuma y'igihe cy'icungamutungo, gukoresha bumwe mu bubasha bukurikira:

1° kugena igihembo cy'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo hakurikijwe iteka rya Minisitiri ryerekeye igihembo kigenerwa abakora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;

2° gutegeka umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo gusubiza amafaranga yafatiriye iyo bigaragaye ko yabikoze nta mpamvu zumvikana;

3° gutangaza niba umucungamutungo yarashyizweho mu buryo bwemewe cyangwa ko yarinze cyangwa se yacunze umutungo uko bikwiye.

**<u>Ingingo ya 75</u>: Gushyira mu bikorwa inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo**

Iyo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo batubahirije inshingano zabo, uberewemo umwenda cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo

court may, during or after administration, exercise any of the following powers:

1° to fix the remuneration of a provisional administrator or administrator in accordance with Ministerial Order on the remuneration of insolvency practitioners;

2° to order the provisional administrator or administrator to refund the amount retained if it is found to be unreasonable;

3° to declare whether or not the administrator was validly appointed or validly assumed custody or control of any property.

**<u>Article 75</u>: Enforcement of a provisional administrator's or administrator's duties**

If a provisional administrator or administrator fails to comply with his or her duties, a creditor or a liquidator of the company may apply for a court's order seeking the enforcement of a

après l'administration, exercer l'un des pouvoirs suivants:

1° fixer la rémunération d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur conformément à l'arrêté ministériel sur la rémunération des praticiens de l'insolvabilité;

2° ordonner à l'administrateur provisoire ou à l'administrateur de rembourser le montant conservé s'il est jugé déraisonnable;

3° déclarer si l'administrateur a été valablement nommé ou a valablement pris sous sa garde ou sous son contrôle un bien quelconque.

**<u>Article 75</u>: Exécution des attributions d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**

Si un administrateur provisoire ou un administrateur ne se conforme pas à ses attributions, un créancier ou un liquidateur de la société commerciale peut demander une

w'isosiyete bashobora gusaba urukiko gufata icyemezo gisaba ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo.

Bitewe n'ibitubahirijwe, urukiko rushobora:

1° kuvaniraho umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo inshingano yo kubahiriza inshingano zose cyangwa igice;

2° gutegeka umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo kubahiriza inshingano ze kugeza ku gipimo kigaragazwa mu cyemezo cy'urukiko;

3° kuvana ku mirimo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo no gushyiraho undi mucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo.

Iyo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo bavanywe mu mirimo, urukiko rushobora gufata icyemezo gikwiriye mu rwego rwo kubungabunga umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi, harimo gufata icyemezo gitegeka umucungamutungo

provisional administrator's or administrator's duties.

In respect of any failure to comply, the court may:

1° relieve the provisional administrator or administrator of the duty to comply in whole or in part;

2° order the provisional administrator or the administrator to comply with his or her duties to the extent specified in the order;

3° remove the provisional administrator or the administrator from office and appoint another provisional administrator or administrator.

Where a provisional administrator or an administrator is removed from office, the court may make an appropriate order for the preservation of the company's property, including an order requiring the removed administrator to make available any accounts,

ordonnance judiciaire demandant l'exécution des attributions d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur.

Selon le cas de non-respect, la juridiction peut:

1° décharger l'administrateur provisoire ou l'administrateur de l'attribution de se conformer en tout ou en partie;

2° ordonner à l'administrateur provisoire ou à l'administrateur de se conformer à ses attributions dans la mesure spécifiée dans l'ordonnance;

3° révoquer l'administrateur provisoire ou l'administrateur et nommer un autre administrateur provisoire ou un administrateur.

Lorsqu'un administrateur provisoire ou un administrateur est démis de ses fonctions, la juridiction peut rendre une ordonnance appropriée pour la conservation des biens de la société commerciale, y compris une ordonnance exigeant que l'administrateur révoqué remette

wavanywe mu mirimo gutanga inyandiko zose z'ibaruramari, ibitabo cyangwa andi makuru ya ngombwa bikenewe.

**Icyiciro cya 4: Irangira ry'icungamutungo**

**Ingingo ya 76: Irangira ry'icungamutungo**

Gucunga umutungo bihagarikwa hashingiwe ku cyemezo gifashwe n'urukiko cyangwa ku mpamvu zateganyijwe mu inyandiko y'imicungire y'umutungo.

**Ingingo ya 77: Irangira ry'icungamutungo bitegetswe n'urukiko**

Urukiko rushobora gufata icyemezo ku birebana n'icungamutungo ko umucungamutungo agomba guhagarika gukora uhereye ku itariki rugennye no kubuza ishyirwaho ry'undi mucungamutungo.

Aba bakurikira bashobora gushyikiriza urukiko ikirego gisaba irangira ry'icungamutungo:

1° umucungamutungo ubwe;

2° uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi;

3° ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi;

records or other information necessary for that purpose.

**Section 4: Termination of an administration**

**Article 76: Termination of an administration**

An administration is terminated upon the court's order or circumstances specified in the termination of an administration deed.

**Article 77: Termination of an administration by court**

The court may make an order with respect to an administration that the administrator must cease to act as such as from a specified date and prohibit the appointment of another administrator.

The following persons may apply to the court for the termination of an administration:

1° an administrator himself or herself;

2° a creditor of the company;

3° a liquidator of the company;

tous les comptes, documents ou autres informations nécessaires à cette fin.

**Section 4: Fin d'une administration**

**Article 76: Fin d'une administration**

Une administration prend fin suite à l'ordonnance judiciaire ou à des circonstances spécifiées dans l'acte de fin d'administration.

**Article 77: Fin d'une administration par une juridiction**

La juridiction peut rendre une ordonnance à l'égard d'une administration selon laquelle l'administrateur doit cesser d'agir à compter d'une date spécifiée et interdire la nomination d'un autre administrateur.

Les personnes suivantes peuvent demander à la juridiction de décider de l' administration:

1° un administrateur lui-même;

2° un créancier de la société commerciale;

3° un liquidateur de la société commerciale;

4° Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 78: Impamvu zituma habaho irangira ry'icungamutungo bikozwe n'urukiko**

Urukiko rushobora gufata icyemezo cy'irangira ry'icungamutungo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

1° umucungamutungo cyangwa ababerewemo imyenda bahawe amakuru yerekeye ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi, umutungo, imirimo cyangwa ibihe imari y'isosiyete y'ubucuruzi igezemo y'ibinyoma cyangwa ayobya, cyangwa nta makuru bahawe, kandi ashobora kuba yari ategerejweho ko yagirira ababerewemo imyenda akamaro ku mpamvu zumvikana mu gihe bagomba gufata icyemezo niba batora bashyigikira icungamutungo;

2° raporo cyangwa inyandiko y'ibyifuzo by'umucungamutungo w'agateganyo byarimo amakuru y'ikinyoma cyangwa ayobya cyangwa hari ibyavanywemo;

4° Registrar General.

**Article 78: Reasons for termination of an administration by court**

The court may make an order to terminate the administration for any of the following reasons:

1° the administrator or creditors were given information about the company's business, property, affairs or financial circumstances that was false or misleading, or information was not given to them and which can reasonably be expected to have been material to creditors in deciding whether to vote in favour of the administration;

2° the report or a statement on provisional administrator's proposals contained false or misleading information or omission;

4º le Registraire général.

**Article 78: Motifs de la fin d'une administration par une juridiction**

La juridiction peut rendre une ordonnance pour mettre fin à l'administration pour l'un des motifs suivants:

1° l'administrateur ou les créanciers ont reçu des informations sur les activités commerciales, les biens, les affaires ou la situation financière de la société commerciale qui étaient fausses ou trompeuses, ou les informations ne leur ont pas été transmises et qui auraient raisonnablement eu de l'influence sur les créanciers pour décider de voter en faveur de l'administration;

2° le rapport ou une déclaration sur les propositions de l'administrateur provisoire contenait des informations fausses ou trompeuses ou une omission;

3° umuntu urebwa n'inyandiko y'imicungire y'umutungo atubahirije iyo nyandiko cyangwa inshingano ze;

4° isosiyete y'ubucuruzi yananiwe gukora ibyo yasabwe n'umucungamutungo ku mpamvu zumvikana;

5° icungamutungo ridashobora gusohozwa kubera akarengane gashobora kubamo cyangwa gutinda bitari ngombwa;

6° icungamutungo rikandamiza, ribangamye cyangwa rivangura umwe cyangwa benshi mu baberewemo imyenda cyangwa iyo byari binyuranyije n'inyungu z'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi muri rusange;

7° iyo uruhushya rwe rwo kuba umucungamutungo rwateshejwe agaciro n'urugaga rw'umwuga abarizwamo;

8° indi mpamvu yakwemezwa n'Urukiko.

3° a person bound by the administration deed has failed to comply with the deed or with his or her obligations;

4° the company has failed to do what it has been reasonably required of by the administrator;

5° the administration cannot be completed without injustice or undue delay;

6° the administration is oppressive, unfairly prejudicial or discriminatory against one or more creditors or contrary to the interests of the creditors of the company as a whole;

7° when his or her license to be an administrator was revoked by his or her professional body;

8° other reason approved by the court.

3° une personne liée par l'acte d'administration n'a pas respecté l'acte ou ses obligations;

4° la société commerciale n'a pas fait ce que l'administrateur a raisonnablement demandé;

5° l'administration ne peut être complétée sans injustice ou retard injustifié;

6° l'administration est oppressive, injustement préjudiciable ou discriminatoire à l'égard d'un ou de plusieurs créanciers ou contraire aux intérêts des créanciers de la société commerciale dans son ensemble;

7° lorsque son permis d'administrateur a été révoqué par son corps professionnel;

8° autre motif approuvé par la juridiction.

**Ingingo ya 79: Imenyesha ry'irangira ry'icungamutungo**

Iyo icungamutungo rirangiye, umucungamutungo agomba, mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi uhereye ku munsi w'irangira:

1° kumenyesha rubanda iby'iryo rangira;

2° kohereza imenyesha ryanditse ry'irangira kuri buri muntu uzwi ko aberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi;

3° gushyikiriza Umwanditsi Mukuru **i**menyesha ry'irangira.

**UMUTWE WA IV: IZAHURA RY'UBUCURUZI BW'ISOSIYETE**

**Ingingo ya 80: Gusaba gutangiza izahura ry'ubucuruzi**

Abantu bakurikira bashobora kuregera urukiko basaba gutangiza izahura ry'ubucuruzi:

1° ubereyemo abandi imyenda;

2° abagize inama y'ubutegetsi b'isosiyete;

3° uberewemo umwenda;

4° Umwanditsi Mukuru.

**Article 79: Notice of termination of an administration**

Where the administration is terminated, the administrator must, within five (5) working days from the date of termination:

1° give public notice of such termination;

2° send a written notice of termination to each of the company's known creditors;

3° deliver such notice of termination to the Registrar General.

**CHAPTER IV: REORGANIZATION OF COMPANY**

**Article 80: Application for reorganization**

The following persons may apply to the court for an order to commence re-organization proceedings:

1° a debtor;

2° directors of a company;

3° a creditor;

4° the Registrar General

**Article 79: Avis de fin d'une administration**

Lorsque l'administration prend fin, l'administrateur doit, endéans cinq (5) jours ouvrables suivant la date de la fin:

1° donner un avis public de cette fin;

2° envoyer un avis écrit de la fin à chacun des créanciers connus de la société commerciale;

3° remettre un tel avis de la fin au Registraire général.

**CHAPITRE IV : REORGANISATION DE LA SOSIETE COMMERCIALE**

**Article 80: Demande de réorganisation**

Les personnes suivantes peuvent demander au tribunal d'ordonner l'ouverture d'une procédure de réorganisation:

1° un débiteur;

2° les administrateurs d'une société;

3° un créancier;

4 ° le Registraire général.

Ikirego gisaba izahurwa ry'ubucuruzi kigomba kugaragaza icyemezo gisinyweho n'uwatanze ikirego cyemeza ko hari impamvu zumvikana zerekana ko hari icyizere cy'uko ubucuruzi bwazahuka.
Umuntu uwo ariwe wese wagirwaho ingaruka n'ikirego gisaba kuzahura ubucuruzi amenyeshwa ko hatanzwe icyo kirego.

**<u>Ingingo ya 81</u>: Icyemezo cy'urukiko cyo gutangiza izahura ry'ubucuruzi**

Nyuma yo gusuzuma ikirego gisaba izahura, urukiko rushobora gutegeka ko izahura ritangizwa kandi rugashyiraho umucungamutungo w'agateganyo mu gihe rusanze:

1° hari impamvu zumvikana zo kuzahura ubucuruzi bw'isosiyete kandi bigaragara ko mu gihe kizaza isosiyete izubahiriza inshingano zo kwishyura imyenda igejeje igihe;

2° bigaragara ko ababerewemo imyenda batemeye izahura, mu izahura ry'ubucuruzi bazabona ubwishyu nk'ubwo bari kubona mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete.

The application for re-organisation must include a certificate signed by the applicant certifying that there is reason to believe that there is a reasonable prospect for rescuing the business.
Any person who is likely to be affected by the application must be notified of such application.

**<u>Article 81:</u> Court order commencing reorganization**

After considering an application of reorganization, the court may make an order commencing reorganization proceedings and appoint a provisional administrator if the court is satisfied that:

1° there is a reasonable prospect for rescuing the company and it is clear that the company will likely meet its future financial obligations as they become due and payable;

2° it is clear that dissenting creditors will receive as much under the reorganization plan as they would in the company's liquidation.

La demande de réorganisation doit inclure un certificat signé par le demandeur certifiant qu'il y a des raisons de croire qu'il existe une perspective raisonnable de sauvetage des activités commerciales.
Toute personne qui pourrait être affectée par la demande doit être notifiée de cette demande.

**<u>Article 81</u>: Ordonnance de la juridiction d'ouverture de la réorganisation**

Après avoir examiné la demande de réorganisation, la juridiction peut rendre une ordonnance d'ouverture de la réorganisation et nommer un administrateur provisoire si la juridiction est convaincue que:

1° il y a une perspective raisonnable de sauvetage de la société commerciale et qu'il est évident que la société commerciale doit probablement respecter ses futures obligations financières au fur et à mesure qu'elles deviennent exigibles;

2° il est évident que dans le plan de réorganisation, les créanciers dissidents seront payés dans les mêmes conditions comme si la société commerciale était mise en liquidation.

**Ingingo ya 82: Igihe umwanya w'umucungamutungo udafite uwurimo mu gihe cy'izahura ry'ubucuruzi**

Iyo mu gihe cy'izahura ry'ubucuruzi umwanya w'umucungamutungo udafite uwurimo biturutse kuri imwe mu mpamvu zivugwa mu ngingo ya 78 y'iri tegeko, urukiko rushyiraho undi mucungamutungo.

**Ingingo ya 83: Inkurikizi z'itangira ry'izahurwa ry'isosiyete**

Guhera igihe hatangijwe ikurikirana ry'izahura ry'ubucuruzi, nta kirego, harimo n'ikirego gisaba gushyira mu bikorwa, kireba isosiyete cyangwa cyerekeranye n'umutungo uwo ariwo wose w'isosiyete cyangwa ufitwe mu buryo bwemewe n'isosiyete gishobora gutangizwa cyangwa gukomeza gukurikiranwa, uretse:

1° byemejwe n'umucungamutungo w'isosiyete;

2° byemejwe n'urukiko mu buryo rubona ko bukwiye.

Icyakora, ku birebana n'ababerewemo imyenda bafite ingwate, isubikwa ryo gutanga ibirego rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntirishobora kurenza igihe cy'amezi atandatu

**Article 82: Vacancy in the office of administrator during reorganization**

If, during the reorganization, the office of the administrator is vacant on one of the grounds provided in Article 78 of this Law, the court appoints another administrator.

**Article 83: Effects of commencement of reorganisation**

From the commencement of reorganization proceedings, no legal proceeding, including enforcement action, against the company, or in relation to any property belonging to the company, or lawfully in its possession, may be commenced or proceeded, except:

1° with the written consent of the administrator of a company;

2° with the leave of the court and in accordance with any terms the court considers suitable.

However, in relation to secured creditors, the stay provided for in Paragraph One of this Article shall not exceed a period of six (6)

**Article 82: Vacance de poste d'administrateur pendant la réorganisation**

Lorsque, au cours de la réorganisation, le poste d'administrateur est vacant pour l'un des motifs prévus à l'article 78 de la présente loi, le tribunal nomme un autre administrateur.

**Article 83: Effets de l'ouverture de la réorganisation**

Dès l'ouverture de la procédure de réorganisation, aucune procédure judiciaire, y compris une action pour mesure d'exécution, contre la société commerciale ou en relation avec les biens de la société commerciale ou les biens en sa possession légale, ne peut être engagée ou poursuivie, sauf:

1° avec le consentement écrit d l'administrateur de la société;

2° avec l'autorisation de la juridiction et conformément aux conditions qu'il juge nécessaires.

Cependant, en ce qui concerne les créanciers garantis, le suspension visée a l'alinéa premier du présent article ne peut pas dépasser la

(6) uhereye igihe ikirego gisaba itangira ry'ikurikirana ry'igihombo cyatangiwe.

**Ingingo ya 84.: Gusaba icyemezo gikuraho isubika ryo gukurikirana umwenda ufite ingwate**

Uberewemo umwenda ufite ingwate ashobora gusaba urukiko gukuraho isubika ryo gukurikirana umwenda nko mu bihe bikurikira:

1° iyo umutungo ushobora guta agaciro, kwangirika cyangwa udakenewe mu bikorwa by'ubucuruzi;

2° mu gihe uberewemo umwenda ufite ingwate nta buryo afite bwo kubuza igabanuka mu gaciro ry'umutungo watanzweho ingwate;

3° mu gihe gucunga umutungo watanzweho ingwate bidashoboka cyangwa byaba umuzigo ukomeye ku mutungo;

4° mu gihe umutungo watanzweho ingwate udakenewe mu kuzahura cyangwa kugurisha ibikorwa by'ubucuruzi mu birebana n'igabanamutungo;

months from the date of application for commencement of reorganization.

**Article 84: Application for relief from stay by secured debt**

A secured creditor may apply to court for relief from the stay on the grounds that:

1° the secured asset may lose value, deteriorate or be destroyed or unnecessary in business activities

2° the secured creditor shall not receive compensation for the decrease in the value of the secured asset;

3° the provision of protection of the secured asset may not be feasible or would be overly burdensome to the estate;

3° ordonner un audit des comptes de la liquidation;

4° ordonner au liquidateur de produire les comptes et les dossiers de la liquidation aux fins de vérifier et fournir à l'auditeur les informations concernant le déroulement de la liquidation qu'il demande;

5° fixer la rémunération du liquidateur conformément à l'arrêté ministériel sur la rémunération des praticiens de l'insolvabilité;

6° ordonner au liquidateur de rembourser le montant s'il est jugé qu'un montant qu'il a retenu est déraisonnable;

7° déclarer si le liquidateur a été valablement nommé ou valablement gardé ou contrôlé tout bien;

8° gutegeka ibikwa cyangwa itangwa ry'amakonti n'inyandiko z'ibaruramari zijyanye n'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa z'isosiyete y'ubucuruzi.

Urukiko rushobora gukoresha ubundi bubasha ubwo aribwo bwose ku birebana n'ibibazo byagaragaye mbere cyangwa nyuma y'itangira ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, iyandukurwa ry'isosiyete y'ubucuruzi mu gitabo cyangwa niba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akora cyangwa atagikora nk' ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.

**<u>Ingingo ya 131</u>: Ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo**

Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ananiwe kubahiriza inshingano ze, komite ishinzwe ubugenzuzi, uberewemo umwenda, umunyamigabane cyangwa umuyobozi w'isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo washyizweho ashobora gusaba urukiko ko rutegeka ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano.

8° make an order concerning the retention or the disposition of the accounts and records of the liquidation or of the company.

The court may exercise any other powers in relation to matters occurring either before or after the commencement of the liquidation, the removal of the company from the register and whether or not the liquidator has ceased to act as liquidator.

**<u>Article 131</u>: Enforcement of a liquidator's duties**

If a liquidator fails to comply with his or her duties, the committee of inspection, a creditor, a shareholder or a director of a company in liquidation may apply to the court for an enforcement order.

8° rendre une ordonnance concernant la conservation ou la disposition des comptes et dossiers de la liquidation ou de la société commerciale.

La juridiction peut exercer tous les autres pouvoirs en rapport avec les faits survenus avant ou après l'ouverture de la liquidation, la radiation de la société commerciale du registre et si le liquidateur a cessé d'agir en qualité de liquidateur ou non.

**<u>Article 131</u>: Exécution des attributions du liquidateur**

Si un liquidateur ne se conforme pas ses attributions, le comité d'inspection, un créancier, un actionnaire ou un administrateur d'une société commerciale en liquidation peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance d'exécution.

Urukiko rushobora gukuriraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kubahiriza inshingano zimwe cyangwa zose, gutegeka ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kubahiriza inshingano ze nk'uko zagaragajwe mu cyemezo bitabangamiye izindi nzira zishobora gukoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza inshingano cyangwa kumukura ku mirimo ye.

Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akuwe ku mirimo ye, urukiko rushobora gufata icyemezo gikwiye mu kubungabunga umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi, hakubiyemo icyemezo gitegeka ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo wakuwe ku mirimo, kugaragaza amakonti, inyandiko z'ibaruramari cyangwa andi makuru akenewe kubera iyo mpamvu.

Imiburanishirize yose y'ikirego gisaba gufata icyemezo ivugwa muri iyi ngingo igomba g**u**shyikirizwa Umwanditsi Mukuru, nawe akabika kopi y'icyo kirego muri dosiye ifite ikimenyetsoshakiro gihura n'amazina y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bireba.

The court may relieve the liquidator of the duty to comply in whole or in part, order the liquidator to comply with his or her duties to the extent specified in the order without prejudice to any other remedy which may be available in respect of any breach of duty or remove him or her from office.

Where a liquidator is removed from office, the court may make an appropriate order for the preservation of the company's property, including an order requiring the removed liquidator to make available any accounts, records or other information necessary for that purpose.

All proceedings relating to any application for an order under this Article must be served on the Registrar General who keeps a copy of the proceedings on a public file indexed by reference to the name of the liquidator concerned.

La juridiction peut dispenser le liquidateur de l'attribution de se conformer en tout ou en partie, ordonner au liquidateur de s'acquitter de ses fonctions dans la mesure spécifiée dans l'ordonnance, sans préjudice de tout autre recours qui pourrait survenir en cas de manquement à une attribution ou le démettre de ses fonctions.

Lorsqu'un liquidateur est démis de ses fonctions, la juridiction peut rendre une ordonnance appropriée pour la conservation des biens de la société commerciale, y compris une ordonnance exigeant que le liquidateur retiré rende disponibles tous les comptes, dossiers ou autres informations nécessaires à cette fin.

Toutes les procédures relatives à une demande d'ordonnance en vertu du présent article doivent être signifiées au Registraire Général qui conserve une copie de la procédure dans un dossier public indexé par référence au nom du liquidateur concerné.

**Icyiciro cya 2: Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo y'amasosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

**Akiciro ka mbere: Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo**

**Ingingo ya 132: Inshingano y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo agomba kubungabunga umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo n'umutungo w'uwahombye. Mu kurangiza inshingano ze, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo akorana ubunyangamugayo mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.

**Section 2: Liquidation of partnerships**

**Sub-section One: Partnership provisional liquidator**

**Article 132: Duty of a partnership provisional liquidator**

The provisional liquidator must secure the preservation of partnership property and trust property. In relation to the performance of those functions, the provisional liquidator acts in good faith in the liquidation.

**Section 2: Liquidation des sociétés de personnes**

**Sous-section première: Liquidateur provisoire d'une société de personnes**

**Article 132: Attribution du liquidateur provisoire d'une société de personnes**

Le liquidateur provisoire doit garantir la préservation des biens de la société de personnes et des biens en fiducie. En exercice de ces fonctions, le liquidateur provisoire agit de bonne foi dans la liquidation.

**Ingingo ya 133: Inkurikizi zo gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo**

Kuva hashyizweho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo, ububasha bwose bw'abafatanyabikorwa mu bucuruzi burahagarara, keretse iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo yemeye ko ubwo bubasha bukomeza.

Buri wese mu bafatanyije mu bucuruzi na buri muntu ufite inyungu mu iseswa afite inshingano yo gukorana n'Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ku buryo bw'agateganyo mu kurangiza inshingano ze.

**Ingingo ya 134: Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo**

Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo mu gihe ashyira mu bikorwa inshingano ze afatwa nk'ayakozwe n'umufatanyabikorwa mu bucuruzi mu izina ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu

**Article 133: Effect of appointment of a partnership provisional liquidator**

On the appointment of a provisional liquidator, all the powers of the partners are suspended, except so far as the partnership provisional liquidator sanctions their continuance.

Each partner and each person interested in the winding up have the duty to cooperate with the provisional liquidator in relation to the performance of his or her functions.

**Article 134: Contracts entered into by a partnership provisional liquidator**

A contract entered into by a partnership provisional liquidator in the performance of his or her functions is taken to be entered into by the partner on behalf of the partnership, unless the contract provides that he or she should be personally liable on it.

**Article 133: Effet de la nomination d'un liquidateur provisoire d'une société de personnes**

Dès la nomination d'un liquidateur provisoire, tous les pouvoirs des associés sont suspendus, sauf dans la mesure où le liquidateur provisoire de la société de personnes sanctionne leur continuité.

Chaque associé et chaque personne intéressée par la liquidation à le devoir de coopérer avec le liquidateur provisoire dans l'exercice de ses fonctions.

**Article 134: Contrats conclus par un liquidateur provisoire de la société de personnes**

Un contrat conclu par un liquidateur provisoire d'une société de personnes dans l'exercice de ses fonctions est réputé conclu par l'associé pour le compte de la société de personnes, à moins que le contrat ne prévoie qu'il en devrait être personnellement responsable.

bucuruzi keretse iyo ayo masezerano ateganya ko agomba kureba uyakoze ku giti cye.

Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo yirengeye ku giti cye uburyozwe bw'ayo masezerano, agira uburenganzira ku ndishyi ziturutse ku mutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi kubera ubwo buryozwe.

Ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ntibigomba:

1° kugabanya uburenganzira ubwo ari bwo bwose ku ndishyi ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo yakagize;

2° kugabanya uburyozwe bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo ku masezerano yakoze hatubahirijwe inshingano ze cyangwa icyemezo cy'urukiko;

3° gutanga uburenganzira ku ndishyi kubera uburyozwe bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo ku masezerano yakoze hatubahirijwe inshingano ze cyangwa icyemezo cy'urukiko.

If the provisional liquidator assumes personal liability under the contract, he or she is entitled to an indemnity out of partnership property in respect of that liability.

The provisions of Paragraph 2 of this Article must not:

1° limit any right to indemnity which the provisional liquidator would have;

2° limit the liability of the provisional liquidator on contracts entered into in breach of his or her duty or an order of the court;

3° confer a right to indemnity in respect of any liability of the provisional liquidator on contracts entered into in breach of his or her duty or an order of the court.

Si le liquidateur provisoire assume la responsabilité personnelle en vertu du contrat, il a droit à une indemnité sur les biens de la société de personnes à l'égard de cette responsabilité.

Les dispositions de l'alinéa 2 du présent article ne doivent pas:

1° limiter tout droit à l'indemnité que le liquidateur provisoire aurait;

2° limiter la responsabilité du liquidateur provisoire sur les contrats conclus en violation de son attribution ou d'une ordonnance judiciaire;

3° conférer un droit à une indemnité pour toute responsabilité du liquidateur provisoire sur les contrats conclus en violation de son attribution ou d'une ordonnance judiciaire.

**Ingingo ya 135: Kwegura k'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo ashobora kwegura, igihe icyo ari cyo cyose, atanga inyandiko ibimenyesha. Inyandiko ibimenyesha igomba gutanga ibisobanuro byuzuye kandi by'ukuri ku byo yakoze nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo kandi igomba gushyikirizwa:

1 º urukiko;

2 º buri mufatanyabikorwa mu bucuruzi;

3 º buri muntu ufite inyungu mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;

4 º uberewemo umwenda, niba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo yarashyizweho bisabwe n'uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi.

Imenyekanisha ry'ubwegure rigira agaciro nyuma y'amezi abiri (2) atangira kubarwa ku munsi ubwegure bwatangiweho cyangwa ku munsi uvugwa mu cyemezo iyo ushinzwe

**Article 135: Resignation of a partnership provisional liquidator**

The provisional liquidator may, at any time, resign by giving notice of intention to do so. The notice must include a full and true statement of his or her acts and dealings as provisional liquidator, and must be given to:

1° the court;

2° each partner;

3° each person interested in the liquidation;

4° the creditor, if the provisional liquidator was appointed on the application of a creditor of the partnership.

The resignation notice takes effect at the end of two (2) months starting with the day on which it is given or at the day specified in the order if

**Article 135: Démission d'un liquidateur provisoire de la société de personnes**

Le liquidateur provisoire peut, à tout moment, démissionner en donnant un avis d'intention de le faire. L'avis doit inclure une déclaration complète et véridique de ses actes et transactions en tant que liquidateur provisoire, et doit être donné à:

1° la juridiction;

2° chaque associé;

3° chaque personne intéressée à la liquidation;

4° le créancier, si le liquidateur provisoire a été nommé sur la demande d'un créancier de la société de personnes.

L'avis de démission prend effet à la fin de deux (2) mois commençant le jour où il est donné ou à la date précisée dans l'ordonnance si la

iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo yabisabwe n'urukiko.

**<u>Ingingo ya 136</u>: Ishyirwaho cyangwa ikurwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo bikozwe n'urukiko**

Iyo ku mpamvu iyo ariyo yose, nta ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo uri gukora, urukiko rushobora kumushyiraho.

Urukiko rushobora, kubera impamvu zagaragajwe, gukuraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo rugashyiraho umusimbura.

**<u>Ingingo ya 137</u>: Kwambura ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo inshingano ze**

Urukiko rubisabwe, rushobora gutegeka ko ushinzwe iyegeranya n'igabagabana ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo cyangwa umuntu wavuye mu mwanya ushinzwe iyegeranya n'igabagabana ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo yamburwa inshingano

the resignation of provisional liquidator has been requested by a court.

**<u>Article 136</u>: Appointment or removal of a partnership provisional liquidator by court**

If for any reason there is no provisional liquidator acting, the court may appoint him or her.

The court may, on cause shown, remove a provisional liquidator and appoint his or her successor.

**<u>Article 137</u>: Release of a partnership provisional liquidator from his or her obligations**

The court may, on application, order that the partnership provisional liquidator or a person who has ceased to be the partnership provisional liquidator, be released with effect from a time specified in the court order.

démission du liquidateur provisoire a été requise par une juridiction.

**<u>Article 136</u>: Nomination ou destitution d'un liquidateur provisoire de la société de personnes par une juridiction**

Si, pour une raison quelconque, aucun liquidateur provisoire n'agit, la juridiction peut le nommer.

La juridiction peut, pour la cause indiquée, révoquer un liquidateur provisoire et nommer son successeur.

**<u>Article 137</u>: Libération d'un liquidateur provisoire de la société de personnes de ses obligations**

La juridiction peut, sur demande, ordonner que le liquidateur provisoire de la société de personnes ou une personne qui a cessé d'être le liquidateur provisoire de la société de personnes soit libéré avec effet à compter d'un moment spécifié dans l'ordonnance judiciaire.

bikagira inkurikizi guhera ku itariki iri mu cyemezo cy'urukiko.

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo wambuwe inshingano asonerwa uburyozwe bwose yagira imbere y'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi, abahoze ari abafatanyabikorwa mu bucuruzi no ku isosiyete yubufatanye mu bucuruzi ku byo yakoze cyangwa yananiwe gukora mu nshingano ze z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo cyangwa imyitwarire yagaragaje akiri muri uwo mwanya.

A partnership provisional liquidator who is released is discharged from all liability to partners, former partners and the partnership in respect of any acts or omissions in the performance of the functions of partnership provisional liquidator and otherwise in relation to his or her conduct as partnership provisional liquidator.

Un liquidateur provisoire de la société de personnes libéré est déchargé de toute responsabilité vis-à-vis des associés, des anciens associés et de la société de personnes pour tout acte ou omission dans l'exercice des fonctions de liquidateur provisoire de la société de personnes et autrement dans le cadre de son rôle de liquidateur provisoire de la société de personnes.

**Akiciro ka 2: Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

**Sub-section 2: Partnership liquidator**

**Sous-section 2: Liquidateur de la société de personnes**

**Ingingo ya 138: Inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

**Article 138: Duties of a partnership liquidator**

**Article 138: Attributions d'un liquidateur de la société de personnes**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi afite inshingano zikurikira:

The partnership liquidator has the following duties:

Le liquidateur de la société de personnes a les attributions suivantes:

1° kugurisha umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi;

2° kwishyura imyenda y'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi n'iyo amasezerano y'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi yaba abiteganya ukundi;

3° kugabagabanya ibyasagutse cyangwa kumenyekanisha ingingo z'inyongera mu masezerano y'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi;

4° kumenya ko umutungo ucunzwe n'abandi washyikirijwe umuntu ufite uburenganzira kuri uwo mutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye w'uwo muntu.

**<u>Ingingo ya 139</u>: Inkurikizi z'ishyirwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruziakimara gushyirwaho, ububasha bwose bw'abafatanyabikorwa mu bucuruzi burahagarara, keretse iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo

1° to realize the partnership property;

2° to pay the debts and discharge the liabilities of the partnership whether or not the partnership agreement provides otherwise;

3° to distribute any surplus or any substitute provisions in the partnership agreement;

4° to ensure that all trust property is transferred to the person entitled to the property or a trustee for that person.

**<u>Article 139</u>: Effect of the partnership liquidator's appointment**

On the appointment of a partnership liquidator, all the powers of partners cease, except so far as the partnership liquidator sanctions their continuance.

1° réaliser les biens de la société de personnes;

2° payer les dettes et s'acquitter des obligations de la société de personnes, même si l'accord de la société de personnes en dispose autrement ou non;

3° distribuer tout excédent ou toute disposition de remplacement dans l'entente de la société de personnes;

4° s'assurer que tous les biens de la fiducie sont transférés à la personne ayant droit à ces biens ou un curateur de cette personne.

**<u>Article 139</u>: Effet de la nomination du liquidateur de la société de personnes**

Dès la nomination d'un liquidateur de la société de personnes, tous les pouvoirs des associés cessent, sauf dans la mesure où le liquidateur de la société de personnes sanctionne leur continuité.

w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi yemeye ko bukomeza.

Buri mufatanyabikorwa mu bucuruzi na buri muntu ufite inyungu mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi afite inshingano yo gukorana n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ku birebana n'igikorwa cy'iseswa.

Each partner and each person interested in the partnership liquidation has a duty to cooperate with the partnership liquidator in relation to the winding up.

Chaque associé et chaque personne intéressée par la liquidation de la société de personnes a le devoir de coopérer avec le liquidateur de la société de personnes en relation avec la liquidation.

**Ingingo ya 140: Kugabanya umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ashobora kugurisha cyangwa guhererekanya umutungo uri mu isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi hakurikijwe agaciro ngereranyo kawo k'umufatanyabikorwa mu bucuruzi cyangwa undi muntu wese ufite inyungu mu iseswa **ry'**umutungo uwo ari wo wose w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi hakurikijwe uko umeze muri icyo gihe, iyo biteganywa mu masezerano y'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi, byemejwe na buri mufatanyabikorwa mu bucuruzi cyangwa n'icyemezo cy'urukiko.

**Article 140: Distribution of partnership property to partners**

The partnership liquidator may sell or transfer, according to its estimated value, to a partner or to a person interested in the winding up any particular partnership property in its existing form, if so permitted by the partnership agreement, with the approval of each of the partners or with the sanction of the court.

**Article 140: Distribution des biens de la société des personnes aux associés**

Le liquidateur de la société de personnes peut vendre ou transférer, selon sa valeur estimée, à un associé ou à une personne intéressée dans la liquidation des biens de la société de personnes sous sa forme actuelle, s'il est ainsi prévu par l'accord de la société de personnes, avec l'approbation de chacun des associés ou avec l'autorisation de la juridiction.

Icyakora ibivugwa muri iyi ngingo ntibireba imitungo yatanzweho ingwate.

However, the provisions of this Article do not apply to properties with a charge on them.

Toutefois, les dispositions du présent article ne s'appliquent pas aux biens grevés.

**Ingingo ya 141: Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

**Article 141: Contracts entered into by a partnership liquidator**

**Article 141: Contrats conclus par un liquidateur de la société de personnes**

Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo mu kuzuza inshingano ze afatwa nk'ayakozwe n'umufatanyabikorwa mu bucuruzi mu izina ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi, keretse iyo ayo masezerano ateganya ko ayakoze ku giti cye.

A contract entered into by the liquidator in the performance of his or her functions is taken to be entered into by the partner on behalf of the partnership, unless the contract provides that he or she should be personally liable on it.

Un contrat conclu par le liquidateur dans l'exercice de ses fonctions est considéré comme étant conclu par l'associé pour le compte de la société de personnes, à moins que le contrat ne prévoie qu'il en serait personnellement responsable.

Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi yirengeye uburyozwe buri mu masezerano, agira uburenganzira ku ndishyi iturutse ku mutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi bitewe n'ubwo buryozwe.

If the partnership liquidator assumes personal liability under the contract, he or she is entitled to a compensation out of partnership property in respect of that liability.

Si le liquidateur de la société de personnes assume la responsabilité personnelle en vertu du contrat, il a droit à un dédommagement sur les biens de la société de personnes à l'égard de cette responsabilité.

Ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ntibigomba:

1° kugabanya uburenganzira ubwo aribwo bwose ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo afite;

The provisions of Paragraph 2 of this Article must not:

1° limit any right to indemnity which the liquidator would have;

Les dispositions de l'alinéa 2 du présent article ne doivent pas:

1° limiter tout droit à l'indemnité que le liquidateur aurait;

2° kugabanya uburyozwe bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kubera amasezerano yakoze hatubahirijwe inshingano ze cyangwa icyemezo cy'urukiko;

3° gutanga uburenganzira ku ndishyi zerekeye uburyozwe ubwo ari bwo bwose bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kubera amasezerano yakoze atubahirije inshingano ze cyangwa icyemezo cy'urukiko.

**<u>Ingingo ya 142</u>: Ububasha bw'urukiko bwo gushyira umutungo mu maboko y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi abisabye, urukiko rushobora gutegeka ko umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi wose cyangwa igice cyawo utarashyizwe mu ngwate bishyirwa mu maboko y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ku izina rye bwite. Iyo urukiko rufashe icyemezo

2° limit the liability of the liquidator on contracts entered into in breach of his or her duty or an order of the court;

3° confer a right to compensation in respect of any liability of the liquidator on contracts entered into in breach of his or her duty or of a court order.

**<u>Article 142</u>: Court's power to vest a property in a partnership liquidator**

On the application of the liquidator, the court may, by order, direct that all or any part of the partnership uncharged property is to be vested in the partnership liquidator by the partnership liquidator's official name. If the court makes such an order, the property to which the order relates vests accordingly.

2° limiter la responsabilité du liquidateur sur les contrats conclus en violation de ses attributions ou d'une ordonnance judiciaire;

3° confère un droit au dédommagement en rapport avec toute responsabilité du liquidateur à l'égard des contrats conclus en violation de ses attributions ou d'une ordonnance judiciaire.

**<u>Article 142</u>: Pouvoir de la juridiction de conférer un bien à un liquidateur de la société de personnes**

À la demande du liquidateur, la juridiction peut, par ordonnance, ordonner que tout ou partie des biens de la société de personnes non-grevés soit dévolu au liquidateur de la société de personnes par le nom officiel du liquidateur de la société de personnes. Si la juridiction rend une telle ordonnance, les biens auxquels l'ordonnance se rapporte sont dévolus en conséquence.

nk'icyo umutungo urebwa n'icyo cyemezo ushyikirizwa uwawuhawe.

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora, amaze gutanga indishyi yategetswe n'urukiko, kwiyambaza inkiko mu izina rye ku birebana n'uwo mutungo, mu rwego rwo kurengera ko iyo sosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi iseswa mu buryo buboneye no kugaruza umutungo wayo.

**<u>Ingingo ya 143</u>: Ububasha bwo kwanga umutungo utabyara inyungu**

Iteka rya Ministiri rishobora guha ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ububasha bwo kwanga umutungo utabyara inyungu kandi by'umwihariko rikagena:

1° ibiranga umutungo utabyara inyungu;

2° uburyo bwo kwanga uwo mutungo;

3° inkurikizi zo kwanga umutungo utabyara inyungu ku isosiyete y'ubufataye bw'abantu mu bucuruzi no ku bantu bagizweho inkurikizi n'igikorwa cyo kwihakana umutungo utabyara inyungu;

The liquidator may, after giving compensation, as the court may direct, bring or defend in his or her official name any legal proceeding that relates to that property or that it is necessary to bring or defend for the purpose of effectively winding up the partnership and recovering partnership property.

**<u>Article 143</u>: Disclaimer of onerous property**

The Ministerial Order may confer on the partnership liquidator the power to disclaim onerous property and in particular provide for:

1° what constitutes onerous property;

2° the procedure for disclaiming such property;

3° the effect of the disclaimer of onerous property with respect to the partnership and to persons affected by the operation of the disclaimer of onerous property;

Le liquidateur peut, après avoir donné le dédommagement, selon ce que la juridiction peut ordonner, apporter ou défendre en son nom officiel toute procédure judiciaire se rapportant à ces biens ou qu'il est nécessaire d'apporter ou de défendre en vue de la liquidation effective de la société de personnes et récupérer les biens de la société de personnes.

**<u>Article 143</u>: Renoncer à un bien onéreux**

Un arrêté du Ministre peut conférer au liquidateur de la société de personnes le pouvoir de renoncer à un bien onéreux et, en particulier prévoir:

1° ce qui constitue un bien onéreux;

2° la procédure pour renoncer à ce bien;

3° l'effet de la renonciation à un bien onéreux à l'égard de la société de personnes et aux personnes touchées par l'application de la renonciation à un bien onéreux;

4° ububasha bw'urukiko ku byerekeye umutungo utabyara inyungu wihakanywe.

**<u>Ingingo ya 144</u>: Ingaruka zo kutabasha kwishyura imyenda kw'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

Isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ifatwa nk'itabashije kwishyura imyenda yayo iyo:

1° nta bushobozi ifite bwo kuyishyura kandi nta kimenyetso gifatika ko izabubona kugira ngo ibashe kwishyura imyenda yayo;

2° idafite ubushobozi bwo kuyishyura igihe cyo kuyishyura kigeze cyangwa agaciro k'umutungo wayo kakaba kari munsi y'ingano y'iyo myenda, harebwa uko imyenda ihagaze n'indi ishobora kugaragara.

Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi abona ko isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi idafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yayo ashobora gusaba urukiko gufata icyemezo cyo kuyisesa hakurikijwe amategeko abigenga.

4° the court powers in relation to onerous property which is disclaimed.

**<u>Article 144</u>: Effect of partnership's insolvency**

The partnership is insolvent when:

1° it is unable to pay its debts and there is no reasonable prospect of its becoming able to pay its debts;

2° it is unable to pay its debts as they fall due or the value of its assets is less than the amount of its liabilities, taking into account its contingent and prospective liabilities.

If satisfied that the partnership is unable to pay its debts, the partnership liquidator must apply to the court for a winding-up order to be made against the partnership in accordance with the relevant laws.

4° les pouvoirs de la juridiction en rapport avec le bien onéreux qui a été renoncé.

**<u>Article 144</u>: Effet de l'insolvabilité de la société de personnes**

La société de personnes est insolvable lorsque:

1° elle est incapable de payer ses dettes et qu'il n'y a aucune perspective raisonnable de devenir capable de payer ses dettes.

2° elle n'est pas en mesure de payer ses dettes échues ou si la valeur de ses actifs est inférieure au montant de ses passifs, compte tenu de ses passifs éventuels et potentiels.

S'il est convaincu que le société de personnes n'est pas en mesure de payer ses dettes, le liquidateur de la société de personnes doit demander à la juridiction de rendre une ordonnance de liquidation contre le société de personnes conformément aux lois en la matière.

Inyandiko isaba urukiko gufata icyemezo igomba kuba irimo ibisobanuro ku bikorwa by'ubucuruzi by'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi bikurikira:

1° ibiranga imitungo, imyenda n'uburyozwe by'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi;

2° incamake y'inyemezabwishyu n'ubwishyu by'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi;

3° amazina n'aderesi yuzuye by'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi n'ingwate buri wese yatanze;

4° amatariki ingwate zatangiweho.

The application to the court must contain the following explanations relating to the partnership business and affairs:

1° particulars of the partnership's assets, debts and liabilities;

2° a summary of the partnership liquidator's receipts and payments;

3° the names and addresses of the partnership's creditors and securities held by them respectively;

4° the dates on which the securities were respectively given.

La demande adressée à la juridiction doit contenir les explications relatives aux activités commerciales et affaires de la société de personnes suivantes:

1° les détails des actifs, des dettes et des passifs de la société de personnes;

2° un résumé des reçus et des paiements du liquidateur de la société de personnes;

3° les noms et adresses des créanciers de la société de personnes et des titres qu'ils détiennent respectivement;

4° les dates auxquelles les titres ont été respectivement donnés.

**Ingingo ya 145: Inyandiko y'ibaruramari ry'umwaka**

Iyo iseswa rikozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi rikomeje mu gihe kirenze amezi atandatu (6) ategura inyandiko y'ibaruramari yuzuye kandi irimo ukuri, igaragaza ibikorwa n'amasezerano yakoze, n'uko iseswa ryagenze mu gihe cy'umwaka.

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agomba gutumiza inama y'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi kugira ngo ayimurikire inyandiko y'ibaruramari kandi anayitangeho ibisobanuro. Abitabira inama ni ababerewemo imyenda buri mufatanyabikorwa mu bucuruzi na buri muntu ufite inyungu mu iseswa.

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akora ibishoboka kugira ngo iyo nama iterane mu mpera z'umwaka wa mbere uhereye igihe yashyiriweho na buri mwaka ukurikiyeho cyangwa ku itariki bihitiyemo mu gihe cy'amezi atandatu (6) nyuma ya buri mwaka.

**Article 145: Annual statement of accounts**

If the winding up by the partnership liquidator continues for more than six (6) months, he or she prepares a full and true statement of accounts, specifying the partnership liquidator's acts and dealings, and the conduct of the winding up, during the year.

The liquidator must convene a partnership meeting for the purpose of laying the statement of accounts before the meeting and giving an explanation of it. The persons entitled to attend the meeting are creditors, each partner and each person interested in the winding up.

The liquidator must ensure that the meeting convened is held at the end of the first year from the date of the appointment of the liquidator and of each succeeding year or at the convenient date within six months (6) months from the end of the year.

**Article 145: Relevé annuel des comptes**

Si la liquidation par le liquidateur de la société de personnes se poursuit pendant plus de six (6) mois, il prépare un relevé complet et exact des comptes, en précisant les actes du liquidateur de la société de personnes et les relations d'affaires et la conduite de la liquidation, au cours de l'année.

Le liquidateur doit convoquer une réunion de la société de personnes dans le but de lui présenter le relevé des comptes avant la réunion, et de donner une explication de celui-ci. Les personnes habilitées à assister à la réunion sont des créanciers chaque associé et chaque personne intéressée par la liquidation.

Le liquidateur doit s'assurer que la réunion convoquée est tenue à la fin de la première année suivant la date de sa nomination et de chaque année suivante ou à la date convenue endéans six (6) mois suivant la fin de l'année.

**<u>Ingingo ya 146</u>: Ibaruramari rya nyuma**

Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi yamaze gutumiza inama y'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi, ategura ibaruramari ryuzuye kandi ry'ukuri ku migendekere y'iseswa, by'umwihariko incamake y'inyemezabwishyu n'impapuro yishyuriyeho z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo n'uburyo umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi n'ucungwa n'abatari ba nyirawo watanzwe.

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi agomba gutumiza inama y'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi kugira ngo ayigezeho ibaruramari mbere y'inama kandi anayitangeho ibisobanuro.

Iyo nama yitabirwa na buri mufatanyabikorwa mu bucuruzi n'abantu bose bafite inyungu mu iseswa.

Abantu bitabiriye inama bashobora gutora banga gusezerera ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi.

**<u>Article 146</u>: Final accounts**

When the partnership liquidator has, to the best of his or her knowledge and belief, convened a partnership meeting, he or she prepares a full and true account of the conduct of the winding up showing, in particular a summary of his receipts and payments and how the partnership property and trust property has been disposed of.

The partnership liquidator must convene a partnership meeting for the purpose of laying the accounts before the meeting and giving an explanation of it.

The persons entitled to attend the meeting are each partner and the persons interested in the winding up.

The persons attending the meeting may vote against the release of the partnership liquidator. A resolution against the liquidator's release may

**<u>Article 146</u>: Comptes définitifs**

Lorsque le liquidateur de la société de personnes a, à sa connaissance, convoqué une réunion de société de personnes, il prépare un compte complet et fidèle du déroulement de la liquidation, notamment un récapitulatif de ses reçus et paiements et comment les biens de la société de personnes et les biens en fiducie ont été aliénés.

Le liquidateur de la société de personnes doit convoquer une réunion de la société de personnes afin de présenter les comptes avant la réunion et d'en donner une explication.

Les personnes autorisées à participer à la réunion sont chaque associé et les personnes intéressées par la liquidation.

Les personnes présentes à la réunion peuvent voter contre la libération du liquidateur de la société de personnes. C'est une règle par défaut qu'une résolution contre la libération du

Icyemezo cyo gusezerera ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo gishobora gufatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abitabiriye inama.

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ahagarika akazi ke nyuma y'inama cyangwa iyo nta muntu witabiriye inama, guhera igihe inama yari iteganyirijweho kurangira.

**Ingingo ya 147: Ububasha bw'urukiko bwo gutegeka ko hakorwa igenzurwa ry'ibikorwa**

Umufatanyabikorwa mu bucuruzi cyangwa umuntu ufite inyungu mu iseswa, iyo atishimiye uburyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akora iseswa ashobora gusaba urukiko gutegeka ko hakorwa igenzura ry'ibikorwa by'ubucuruzi by'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi.

**Ingingo ya 148: Koherereza ibibazo urukiko**

Urukiko rushobora gusabwa gukemura ikibazo icyo aricyo cyose kigaragaye mu iseswa ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi.

Ubusabe bukorwa n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, umufatanyabikorwa mu bucuruzi, umuntu ufite

be decided upon by a majority of the persons attending the meeting.

The partnership liquidator ceases to hold office at the end of the meeting or if no one attends the meeting, at the time it was due to end.

**Article 147: Power of the court to order the supervision of activities**

A partner or a person interested in the winding up may, if not satisfied with the way in which the liquidator is conducting the winding up of the partnership, apply to the court to order an audit to be taken of the partnership business and affairs.

**Article 148: Reference of questions to court**

An application may be made to the court to determine any question arising in the winding up of the partnership.

The application may be made by the liquidator, a partner, a person interested in the winding up, a creditor of the partnership or if not a creditor

liquidateur peut être décidée par la majorité des personnes participant à la réunion.

Le liquidateur de la société de personnes cesse d'exercer ses fonctions à la fin de la réunion ou si personne ne participe à la réunion, au moment où elle devait prendre fin.

**Article 147: Pouvoir de la juridiction d'ordonner la supervision des activités**

Un associé ou une personne intéressée par la liquidation peut, si elle n'est pas satisfaite de la manière dont le liquidateur procède à la liquidation de la société de personnes, demander à la juridiction d'ordonner un audit des activités commerciales et des relations d'affaires de la société de personnes.

**Article 148: Saisine de la juridiction**

Une demande peut être faite à la juridiction pour déterminer toute question découlant de la liquidation de la société de personnes.

La demande peut être faite par le liquidateur, un associé, une personne intéressée par la liquidation, un créancier de la société de

inyungu mu iseswa, ubereyemo umwenda, yaba adahari bigakorwa n'umuntu wahoze ari umufatanyabikorwa mu bucuruzi mbere y'iseswa ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi.

Iyo urukiko rusanze gukemura ikibazo bifite ishingiro kandi bifite akamaro, rushobora gushyiraho amabwiriza cyangwa rugafata ikindi cyemezo rubona ko gikwiye.

**<u>Ingingo ya 149</u>: Iyegura ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ashobora kwegura igihe cyose amenyesheje ko ashaka kwegura.

Imenyesha rigomba kuba rikubiyemo ibaruramari ryerekana imigendekere y'iseswa, by'umwihariko inyemezabwishyu n'impapuro zishyuriweho n'uburyo umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi n'udacungwa na ba nyirawo watanzwe.

of the partnership, a person who ceased to be a partner before the break-up of the partnership.

If the court is satisfied that the determination of the question will be just and beneficial, it may impose such terms and conditions or make such other order as it thinks appropriate.

**<u>Article 149</u>: Resignation of a partnership liquidator**

A partnership liquidator may, at any time, resign as a partnership liquidator by giving notice of intention to do so.

A notice must include a full and true account of the conduct of the winding up showing, in particular a summary of receipts and payments and how any partnership property or trust property has been disposed of.

personnes ou s'il n'est pas un créancier de la société de personnes, une personne qui a cessé d'être un associé avant la dissolution de la société de personnes.

Si la juridiction est convaincue que la détermination de la question sera juste et bénéfique, elle peut imposer les termes et conditions ou rendre toute autre ordonnance qu'elle juge appropriée.

**<u>Article 149</u>: Démission d'un liquidateur de la société de personnes**

Un liquidateur de la société de personnes peut, à tout moment, démissionner de son poste de liquidateur de la société de personnes en donnant un avis d'intention de le faire.

Un avis doit inclure un compte complet et fidèle du déroulement de la liquidation, notamment un résumé des reçus et des paiements et la façon dont les biens de la société de personnes ou les biens en fiducie ont été aliénés.

Imenyesha rigomba guhabwa:

1° urukiko;

2° buri mufatanyabikorwa;

3° buri muntu wese ufite inyungu mu iseswa ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi;

4° uberewemo umwenda, iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi yashyizweho bisabwe n'uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi.

Imenyesha ry'iyegura rigira agaciro nyuma y'amezi abiri (2) guhera ku munsi ryatangiweho cyangwa guhera ku munsi wavuzwe mu cyemezo iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo yakuweho n'urukiko.

The notice must be given to:

1° a court;

2° each partner;

3° each person interested in the winding up of the partnership;

4° the creditor, if the partnership liquidator was appointed on the application of a creditor of the partnership.

A resignation notice takes effect at the end of two (2) months starting with the day on which it is given or the day specified in the order if the liquidator has been released by a court.

L'avis doit être donné à:

1° une juridiction;

2° chaque associé;

3° chaque personne intéressée par la liquidation de la société de personnes;

4° le créancier, si le liquidateur de la société a été nommé à la demande d'un créancier de la société de personnes.

Un avis de démission prend effet au bout de deux (2) mois à compter de la date à laquelle il a été donné ou du jour spécifié dans l'ordonnance si le liquidateur a été libéré par une juridiction.

**Ingingo ya 150: Ishyirwaho cyangwa ikurwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi bikozwe n'urukiko**

Iyo ntawushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi uri gukora, ku mpamvu iyo ariyo yose, urukiko rushobora kumushyiraho. Urukiko rushobora, ku mpamvu yagaragajwe, gukuraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi no gushyiraho undi.

**Ingingo ya 151: Kwambura inshingano ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi**

Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi yakoze inshingano ze kandi nta muntu n'umwe witabiriye inama yatumije cyangwa abantu bayitabiriye ntibashobore gukemura ikibazo cy'isezererwa rye cyangwa nta tora ryabaye, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi arasezererwa guhera igihe ahagarikiye gukora izo nshingano.

**Article 150: Appointment or removal of a partnership liquidator by the court**

If, for any reason no partnership liquidator was acting, the court may appoint a partnership liquidator. The court may, on cause shown, remove a partnership liquidator and appoint another.

**Article 151: Release of a partnership liquidator from his or her obligations**

If the liquidator carries out his or her obligations and either no one attends the meeting convened or persons attending the meeting do not resolve against his or her release or no vote against his or her release takes place, the liquidator is released with effect from the time at which the liquidator ceases to hold office.

**Article 150: Nomination ou destitution d'un liquidateur de la société de personnes par la juridiction**

Si, pour une raison quelconque, aucun liquidateur de la société de personnes n'agit, la juridiction peut nommer un liquidateur de la société de personnes. La juridiction peut, pour une raison démontrée, destituer un liquidateur de la société de personnes et nommer un autre.

**Article 151: Libération d'un liquidateur de la société de personnes de ses obligations**

Si le liquidateur effectue et que personne ne participe à la réunion convoquée ou si les personnes participant à la réunion ne se prononcent pas contre sa libération ou si aucun vote contre sa libération n'a lieu, le liquidateur est libéré avec effet à partir du moment où le liquidateur cesse d'exercer ses fonctions.

Isezererwa ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi cyangwa ry'umuntu waretse kuba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi rishobora kandi gukorwa n'urukiko rikagira agaciro guhera igihe cyavuzwe mu cyemezo cyarwo. Bene ubwo busabe bushobora gutangwa n'umuntu ubifitemo inyungu cyangwa yaba yarapfuye bugatangwa n'umuhagarariye.

Isezererwa ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ribarwa guhera ku gihe kivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 cy'iyi ngingo, akanakurwaho uburyozwe bwe bwose ku bafatanyabikorwa mu bucuruzi, ku bigeze kuba bo no ku isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi, ku byo yakoze cyangwa atabashije gukora mu gihe cy'iseswa cyangwa mu buryo yitwaye nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.

**<u>Ingingo ya 152</u>: Amafaranga akoreshwa mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo**

Amafaranga yose yakoreshejwe mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete harimo n'umushahara w'ushinzwe iyegeranya

The release of a partnership liquidator or a person who has ceased to be the partnership liquidator may also be ordered by a court with effect from a time specified in its Order. Such an application may be made by the person to whom the interested party or if that person has died, that person's personal representative.

A partnership liquidator who is released is, with effect from the time specified under Paragraph One and 2 of this Article, discharged from all liability to partners, former partners and the partnership in respect of any acts or omissions of the liquidator in the winding up and otherwise in relation to conduct as liquidator.

**<u>Article 152</u>: Expenses of winding up**

All expenses properly incurred in the winding up, including the remuneration of the partnership liquidator or any provisional

La libération d'un liquidateur de la société de personnes qui a cessé d'être le liquidateur de la société de personnes peut également être ordonnée par une juridiction à compter d'une date spécifiée dans son ordonnance. Une telle demande peut être faite par la personne intéressée ou si cette personne est décédée, le représentant personnel de cette personne.

Un liquidateur de la société de personnes qui est libéré est déchargé de toute responsabilité vis-à-vis des associés, des anciens associés et de la société de personnes à l'égard des actes ou des omissions du liquidateur lors de la liquidation, et ce, à partir du moment prévu à l'alinéa premier et 2 du présent article et en ce qui concerne la conduite en tant que liquidateur.

**<u>Article 152</u>: Dépenses de la liquidation**

Toutes les dépenses convenablement engagées au cours de la liquidation, y compris la rémunération du liquidateur ou du liquidateur

n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi w'agateganyo yishyurwa avuye mu mutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi kandi mbere y'indi myenda yose.

**Ingingo ya 153: Ububasha ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi akoresha bimaze kwemezwa**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo afite ububasha bukurikira ashobora gukoresha abanje kubyemererwa n'abafatanyabikorwa mu bucuruzi:

1° ububasha bwo kugirana ubwumvikane n'ababerewemo imyenda ku buryo bwo kwishyura imyenda cyangwa abavuga ko baberewemo imyenda cyangwa abasaba indishyi isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi cyangwa iyo sosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ishobora kubiryozwa;

2° ububasha bw'ubwumvikane, uko byakumvikanwaho ku myenda no ku bundi buryozwe bushobora kuba bukiriho, hagati y'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi

partnership liquidator, are payable out of the partnership's assets in priority to all other claims.

**Article 153: Powers of a partnership liquidator exercisable with approval**

A liquidator has the following powers which are exercisable with approval of partners:

1° to enter into arrangement with creditors or persons claiming to be creditors, any claim or in damages against the partnership or whereby the partnership may be rendered liable;

2° to compromise, on such terms as may be agreed all debts and other liabilities which may subsist, between the partnership and any other person and all

provisoire de la société de personnes, sont payables sur les actifs de la société de personnes en priorité par rapport à toutes les autres créances.

**Article 153: Pouvoirs d'un liquidateur de la société de personnes exerçables avec approbation**

Un liquidateur a les pouvoirs suivants qui sont exerçables avec approbation des associés:

1° le pouvoir de conclure des arrangements avec les créanciers ou les personnes qui se prétendent des créanciers, toute réclamation ou de réclamer des dommages-intérêts contre la société de personnes ou de rendre la société de personnes responsable;

2° un pouvoir de compromis, aux conditions convenues, sur toutes les dettes et autres obligations qui peuvent subsister entre la société de personnes et toute autre personne et toutes les

n'undi muntu uwo ariwe wese n'ibibazo byose birebana n'umutungo cyangwa byerekeranye n'iseswa ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi;

3° ububasha bwo gufata ingwate ku mwenda uwo ariwo wose, uburyozwe cyangwa ikindi cyishyuzwa no gutanga ubwishyu bwose kuri byo;

4° ububasha bwo gukora ibikorwa by'ubucuruzi by'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi igihe bibaye ngombwa kugira ngo iseswa ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ribe mu nyungu zayo.

**<u>Ingingo ya 154</u>: Ububasha ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akoresha atabanje kubyemererwa**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi afite ububasha bukurikira ashobora gukoresha atabanje kubyemererwa n'abafatanyabikorwa mu bucuruzi:

1° ububasha bwo kurega cyangwa kuburana mu izina ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi;

questions relating to the assets or the winding up of the partnership;

3° to take any security for the discharge of any such debt, liability or claim and to give a complete discharge in respect of it;

4° to carry on the partnership business so far as may be necessary for the beneficial winding up of the partnership.

**<u>Article 154</u>: Powers of a liquidator exercisable without approval**

A partnership liquidator has the following powers which may be exercised without approval of partners:

1° a power to bring or defend any action or other legal proceeding in the name and on behalf of the partnership;

questions relatives aux actifs ou à la liquidation de la société de personnes;

3° le pouvoir de prendre toute garantie pour l'acquittement d'une dette, responsabilité ou réclamation et de donner une décharge complète à l'égard de celle-ci;

4° le pouvoir d'exercer les activités commerciales de la société de personnes dans la mesure nécessaire à la liquidation bénéfique de la société de personnes.

**<u>Article 154</u>: Pouvoirs d'un liquidateur exerçables sans approbation**

Un liquidateur de la société de personnes a les pouvoirs suivants qui peuvent être exercés sans approbation associés:

1° le pouvoir d'intenter ou de défendre une action ou une autre action en justice au

2° haseguriwe ibiteganywa ukundi muri iri tegeko, ububasha bwo kugurisha mu cyamunara umutungo uwo ariwo wose w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi cyangwa binyujijwe mu masezerano n'abikorera n'ububasha bwo kuwugurisha wose uko wakabaye cyangwa kugurisha mu bice;

3° ububasha bwo gukora ibikorwa no gushyira mu bikorwa, mu izina ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi, impapurompamo, inyemezabwishyu n'izindi nyandiko;

4° ububasha bwo kwishyuza mu gihe cy'igihombo, cyangwa ifatirwa ry'umufatanyabikorwa mu bucuruzi uwo ariwe wese, uwigeze kuba umufatanyabikorwa mu bucuruzi cyangwa undi uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi amafaranga yasigaye ku mutungo we no kwakira inyungu kuri ayo mafaranga yasigaye nk'umwenda wihariye ugeze igihe cyo kwishyurwa uturutse ku gihombo cyangwa ku mufatanyabikorwa mu bucuruzi wahombye;

2° unless this law provides otherwise, a power to sell any partnership property by public auction or private contract with power to transfer the whole of it or to sell it in parcels;

3° a power to do all acts and to execute, in the name and on behalf of the partnership, all deeds, receipts and other documents;

4° a power to claim in the bankruptcy, insolvency or sequestration of any partner, former partner or other debtor of the partnership for any balance against his or her estate and to receive dividends in respect of that balance, as a separate debt due from the bankrupt or insolvent partner;

nom et pour le compte de la société de personnes;

2° sauf si la présente loi le prévoit autrement, le pouvoir de vendre tout bien de la société de personnes par adjudication publique ou contrat privé avec pouvoir de transférer la totalité ou de la vendre en lots;

3° le pouvoir de faire tous les actes et d'exécuter, au nom et pour le compte de la société de personnes, tous les actes, reçus et autres documents;

4° le pouvoir de demander la faillite, l'insolvabilité ou la séquestration de tout associé, ancien associé ou autre débiteur de la société de personnes pour tout solde de ses biens et de recevoir des dividendes à l'égard de ce solde, à titre de créance distincte échue du failli ou de l'associé insolvable;

5° ububasha bwo kuguza amafaranga akenewe mu kubungabunga umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi ;

6° ububasha bwo gushyiraho umukozi wo gukora akazi ako ariko kose bidakwiye ko ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi yakwikorera we ubwe;

7° ububasha bwo gukora ibindi bintu byose bya ngombwa mu iseswa ry'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi .

**<u>UMUTWE WA VII</u>: IGIHOMBO CY'UMUNTU KU GITI CYE**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ingingo rusange**

**<u>Ingingo ya 155</u>: Igihe igihombo gitangirira kubarwa**

Urukiko rufata icyemezo cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye rushyiraho umucungamutungo w'uwahombye ugomba kuba ari ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo.

5° a power to borrow any money required on the security of the partnership's assets;

6° a power to appoint an agent to do any business which it would be unreasonable for the partnership liquidator to have to do the partnership;

7° a power to do all other things necessary for winding up the partnership.

**<u>CHAPTER VII</u>: BANKRUPTCY**

**<u>Section One</u>: General provisions**

**<u>Article 155</u>: Commencement of bankruptcy**

The court makes a bankruptcy order in respect of an individual by the appointment of a trustee who must be an insolvency practitioner.

5° le pouvoir d'emprunter l'argent nécessaire à la sécurité des biens de la société de personnes;

6° le pouvoir de nommer un agent pour faire des affaires qu'il serait déraisonnable de la part du liquidateur de la société personnes de faire la société de personnes;

7° un pouvoir de faire toutes les autres choses nécessaires à la liquidation de la société de personnes.

**<u>CHAPITRE VII</u>: FAILLITE**

**<u>Section première</u>: Dispositions générales**

**<u>Article 155</u>: Ouverture de la faillite**

La juridiction peut rendre une ordonnance de faillite à l'égard d'un particulier en nommant un curateur qui doit être un praticien de l'insolvabilité.

Urukiko rushyiraho umucungamutungo w'uwahombye iyo umuntu adashobora kwishyura imyenda ye.

Igihombo cy'umuntu ku giti cye gitangira kandi kikagira agaciro ku itariki uwahawe inshingano zo gucunga umutungo igihe cy'igihombo yemereye mu nyandiko, gukora izo nshingano.

**Ingingo ya 156: Gusaba kwemererwa kujya mu gihombo cy'umuntu ku giti cye**

Ubusabe bw'icyemezo cy'umuntu cyo kujya mu gihombo bushyikirizwa urukiko n'umwe mu bantu bakurikira:

1° umwe mu baberewemo umwenda n'umuntu cyangwa benshi muri bo bishyize hamwe;

2° umuntu ubwe ku giti cye;

3° umugenzuzi w'ubwumvikane ku buryo bwo kwishyura watanzwe n'umuntu ku giti cye.

Iyo ubusabe butanzwe n'umuntu ku giti cye, bugomba guherekezwa n'inyandiko igaragaza ibikorwa by'ubereyemo abandi imyenda harimo ibiranga abo abereyemo umwenda hamwe n'imyenda ye n'ubundi buryozwe

The court may appoint a trustee if the individual is unable to pay his or her debts.

The bankruptcy commences and takes effect on the date on which the trustee has consented in writing to the appointment.

**Article 156: Application for bankruptcy**

An application for a bankruptcy order to be made against an individual is presented to the court by one of the following persons:

1° one of the individual's creditors or jointly by more than one of them;

2° the individual himself/herself;

3° the supervisor of an arrangement proposed by the individual.

The application, if made by the individual himself or herself, must be accompanied by a statement of the debtor's affairs containing such particulars of the debtor's creditors and of his or her debts and other liabilities and of his or her

La juridiction peut nommer un curateur si l'individu est incapable de payer ses dettes.

La faillite entre en vigueur et prend effet à la date à laquelle le curateur a consenti par écrit à la nomination.

**Article 156: Demande en faillite**

Une demande pour ordonnance de la faillite faite contre un individu est présentée à la juridiction par l'une des personnes suivantes:

1° un des créanciers de la personne ou conjointement par plusieurs d'entre eux;

2° l'individu lui-même;

3° le superviseur d'un arrangement proposé par l'individu.

La demande, si elle est introduite par l'individu lui-même, doit être accompagnée d'un état des relations d'affaires du débiteur contenant les détails des créanciers du débiteur et de ses dettes et autres dettes et de ses actifs qui peuvent être

n'umutumgo we ndetse n'andi makuru ashobora kugenwa.

Ubusabe bwo kujya mu gihombo ntibushyikirizwa urukiko keretse iyo:

1° umuntu asanzwe aba mu Rwanda;

2° umuntu ari mu Rwanda we ubwe ku munsi ubusabe butangiweho;

3° umuntu ku giti cye mu gihe cy'imyaka itatu (3) irangira ku munsi yatangiye gukora ibikorwa by'ubucuruzi harimo no kuba umufatanyabikorwa w'isosiyete y'ubufatanye bw'abantu mu bucuruzi cyangwa binyujijwe ku mukozi we mu Rwanda.

Ubusabe bw'icyemezo cyo kujya mu gihombo cy'umuntu ku giti cye ntibusubiranwa urukiko rutabyemeye.

Urukiko rufite ububasha bwo kuburizamo ubusabe cyangwa guhagarika ibirimo gukorwa kuri ubwo busabe, iyo rubona ko ari ngombwa bishingiye ku kutubahiriza itegeko.

assets as may be prescribed and such other information as may be prescribed.

A bankruptcy application shall not be presented to the court unless:

1° the individual is ordinarily resident in Rwanda;

2° the individual is personally present in Rwanda on the day on which the application is made;

3° the individual at any time in the period of three (3) years ending with that day has carried on business including as a member of a partnership or through an agent in Rwanda.

A bankruptcy application shall not be withdrawn without the leave of the court.

The court has the power to dismiss a bankruptcy application or to stay proceedings on such an application where, it appears to it appropriate to do so on the grounds that there has been a contravention of the law.

prescrits et toutes les autres informations pouvant être prescrites.

Une demande de faillite ne peut être présentée à la juridiction que si:

1° l'individu réside habituellement au Rwanda;

2° l'individu est personnellement présent au Rwanda le jour où la demande est introduite;

3° l'individu à tout moment au cours de la période de trois (3) ans se terminant à cette date a exercé son activité commerciale, y compris en tant que membre d'une société de personnes ou par l'intermédiaire d'un agent au Rwanda.

Une demande en faillite ne peut être retirée sans l'autorisation de la juridiction.

La juridiction a le pouvoir de suspendre la demande en faillite ou celle des procédures relatives à cette demande s'elle le juge opportun au motif qu'il y a eu contravention à la loi.

Iyo ruhagaritse imirimo gukorwa rubikora rukurikije igikwiye.

Where the court stays proceedings on an application, it may do so as it thinks appropriate.

Lorsque la juridiction ordonne la suspension des procédures, elle peut le faire selon qu'elle le juge approprié.

**Ingingo ya 157: Umucungamutungo w'agateganyo**

Iyo ubusabe bwo gushyiraho umucungamutungo w'uwahombye bwashyikirijwe urukiko, urukiko rushyiraho ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo nk' umucungamutungo w'agateganyo w'umutungo w'umuntu cyangwa w'igice cy'uwo mutungo, bitewe n'uko kumushyiraho ari ngombwa cyangwa byihutirwa kugira ngo agaciro k'uwo mutungo gashobore kubungabungwa.

Umucungamutungo w'agateganyo ahabwa ububasha bwose, inshingano n'uburenganzira bw'umucungamutungo w'uwahombye , keretse iyo urukiko rugabanyije ubwo bubasha cyangwa rugashyiraho ibigomba gukurikizwa mu mikoreshereze yabwo.

**Article 157: Interim trustee**

Where an application has been made to the court for appointment of a trustee, the court may appoint an insolvency practitioner as interim trustee of the individual's property, or any part of it, on the grounds that such appointment is necessary or expedient for the preservation of the value of the individual's assets.

An interim trustee has all the powers, duties and entitlements of a trustee, unless the court limits such powers or places conditions on their exercise.

**Article 157: Séquestre intérimaire**

Lorsqu'une demande en nomination d'un curateur a été présentée à la juridiction, celle-ci peut nommer un praticien de l'insolvabilité à titre de séquestre intérimaire des biens de l'individu, ou sa partie, au motif que cette nomination est nécessaire ou opportune pour préserver la valeur des actifs de l'individu.

Un séquestre intérimaire a tous les pouvoirs, attributions et droits d'un séquestre, à moins que la juridiction ne limite ces pouvoirs ou n'impose des conditions à leur exercice.

**Ingingo ya 158: Imenyekanisha ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye**

Mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi igihombo gitangiye, umucungamutungo w'uwahombye agomba gutanga imenyesha rigaragaza ibi bikurikira:

**Article 158: Notice of bankruptcy**

Within five (5) working days after the commencement of the bankruptcy, a trustee must give public notice indicating the following:

**Article 158: Avis de faillite**

Endéans cinq (5) jours ouvrables suivant l'ouverture de la faillite, le curateur doit donner un avis public indiquant ce qui suit:

1° itariki igihombo cyatangiriyeho

2° amazina yose y'umucungamutungo w'uwahombye;

3° aho umucungamutungo w'uwahombye akorera n' aderesi ye yuzuye.

**Ingingo ya 159: Inkurikizi z'itangira ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye**

Kuva ku munsi igihombo cy'umuntu ku giti cye gitangiriyeho, umutungo w'uwahombye wegurirwa umucungamutungo w'uwahombye, utakoherezwa, utahabwa undi cyangwa wimurwe. Uretse iyo umucungamutungo w'uwahombye abyemeye mu nyandiko, cyangwa icyemezo cy'urukiko cyangwa hakurikijwe amabwiriza ashobora gushyirwaho n'urukiko, nta buryo bukoreshwa, ishyirwa mu bikorwa cyangwa indi nzira y'amategeko bishobora gutangizwa cyangwa gukomeza gukoreshwa mu gukurikirana uwahombye cyangwa umutungo we.

Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.

1° the date of commencement of the bankruptcy;

2° the trustee's full name;

3° the trustee's physical office and his or her full address.

**Article 159: Effect of commencement of bankruptcy**

From the commencement of bankruptcy, the bankrupt's estate is vested in the trustee, without any conveyance, assignment or transfer. Except with the trustee's written consent or with the order of the court and in accordance with such terms if any as the court imposes, no proceedings, execution or other legal process may be commenced or continued against the bankrupt or the bankrupt's estate.

The provisions of Paragraph One of this Article do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realise or deal with any property in the bankrupt's estate over which that creditor has a charge.

1° la date d'ouverture de la faillite;

2° le nom complet du curateur;

3° l'adresse du bureau physique du curateur et son adresse complète.

**Article 159: Effet d'ouverture de la faillite**

Dès l'ouverture de la faillite, les biens du failli sont dévolus au curateur, sans transmission, cession ou transfert. Sauf avec le consentement écrit du curateur ou avec l'ordonnance judiciaire et selon les modalités que la juridiction impose, aucune poursuite, exécution ou autre action en justice ne peut être intentée ou poursuivie contre le failli ou les biens du failli.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article n'affectent pas le droit d'un créancier privilégié de prendre possession et de réaliser ou de traiter des biens dans les biens du failli sur lesquels ce créancier a une charge.

**Ingingo ya 160: Imicungire yihariye y'umutungo w'uwahombye**

Bisabwe n'umucungamutungo w'uwahombye, urukiko rushobora gushyiraho undi muntu uwo ariwe wese nk'umucungamutungo wihariye iyo rubona ko imiterere y'umutungo cyangwa y'ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa inyungu z'ababerewemo imyenda isaba ishyirwaho ry'undi muntu wo gucunga umutungo cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi.

Umucungamutungo wihariye ushyizweho n'urukiko agira ububasha n'inshingano ahabwa n'urukiko.

**Ingingo ya 161: Irangira ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye**

Igihombo cy'umuntu ku giti cye kirangira iyo uwahombye ahanaguweho igihombo cyangwa iyo icyemezo cyemeza igihombo gikuweho.

Uwahombye ahanagurwaho igihombo abyisabiye, urukiko rumuhanaguyeho igihombo cyangwa nyuma y'igihe cy'imyaka ibiri (2) uhereye ku itariki igihombo cyatangiriyeho. Bisabwe n'umucungamutungo w'uwahombye, urukiko rushobora gutegeka ko icyo gihe gikomeza kugira agaciro nyuma y'icyo gihe

**Article 160: Special manager of bankrupt's estate**

On application made by the trustee or interim trustee, a court may appoint any person to be the special manager where it appears to him or her that the nature of the estate, property or business, or the interests of the creditors generally, require the appointment of another person to manage the estate, property or business.

A special manager appointed under Paragraph One of this Article has the powers and duties given by the court.

**Article 161: Termination of bankruptcy**

The bankruptcy terminates when a bankrupt is discharged from bankruptcy or the bankruptcy order is annulled.

A bankrupt is discharged from bankruptcy, when the court, on an application by the bankrupt makes an order discharging the bankrupt or after the expiration of the period of two (2) years beginning with the commencement of the bankruptcy. On the application of the trustee, the court may order

**Article 160: Gestionnaire spécial des biens du failli**

Sur demande du curateur ou du séquestre intérimaire, une juridiction peut nommer une personne à titre de gérant spécial lorsqu'il lui semble que la nature du patrimoine, des biens ou des activités commerciales ou les intérêts des créanciers en général, exigent la nomination d'une autre personne pour gérer le patrimoine, les biens ou les activités commerciales.

Un gérant spécial nommé en vertu de l'alinéa premier du présent article a les pouvoirs et les attributions fixés par la juridiction.

**Article 161: Fin de la faillite**

La faillite prend fin lorsqu'un failli est libéré de la faillite ou lorsque l'ordonnance de faillite est annulée.

Un failli est libéré de la faillite, lorsque la juridiction, sur demande du failli, rend une ordonnance libérant le failli ou après l'expiration de la période de deux (2) ans qui commence à l'ouverture de la faillite. Sur demande du curateur, la juridiction peut ordonner que cette période continue de courir

cyangwa kugeza igihe ibisabwa byose byubahirijwe nk'uko biteganywa n'icyemezo cy'urukiko. Icyo cyemezo cy'urukiko gishobora gufatwa gusa igihe uwahombye yananiwe kubahiriza ibyo asabwa.

Urukiko rugomba, mu gihe rusuzuma ubusabe bwo guhanagura igihombo cy'uwahombye, kwita kuri raporo y'umucungamutungo w'uwahombye no ku myitwarire y'uwahombye mu gihe cy'imanza cyangwa ibindi bikorwa birebana no kurangiza icyo gihombo no ku zindi ngingo urukiko rwabona ko ari ngombwa.

Urukiko rushobora gusaba uwahombye kwemera kugirana amasezerano n'umucungamutungo w'uwahombye kumwegurira igice cy'imyenda cyangwa imyenda yose yagaragajwe muri icyo gihombo itarishyurwa ku itariki yo kumuhanaguraho igihombo cyangwa igice cy'imyenda cyangwa imyenda yose igomba kuzishyurwa ku mafaranga azinjiza mu gihe kizaza nyuma y'igihombo cyangwa ku mutungo azagira nyuma y'igihombo bigakorwa mu buryo bwagenwa n'urukiko, nka kimwe mu bisabwa kugira ngo ahanagurweho igihombo.

that that continues to run beyond such period or until the fulfilment of such conditions as may be specified in the order. Such an order may only be made on the ground that a bankrupt has failed to comply with any of his or her obligations.

The court must, while considering a bankrupt's application for discharge, take into consideration the trustee's report on the bankruptcy and the conduct of the bankrupt during the bankruptcy proceedings and any other matters the court may consider pertinent.

The court may, as a condition for his or her discharge, require a bankrupt to consent to an agreement being entered against him or her in favour of the trustee for the balance or part of a balance of the debts provable under the bankruptcy which is not satisfied at the date of discharge, or the balance or part of any balance of the debts, to be paid out of the future earnings of the bankrupt or property acquired after the bankruptcy, in such manner and subject to such conditions as the court may direct.

au-delà de cette période ou jusqu'à l'accomplissement des conditions qui peuvent être spécifiées dans l'ordonnance. Une telle ordonnance ne peut être rendue qu'au motif qu'un failli n'a pas respecté l'une de ses obligations.

La juridiction doit, tout en examinant la demande de libération du failli, considérer le rapport du curateur sur la faillite et la conduite du failli pendant la procédure de faillite et toute autre question que la juridiction peut juger pertinente.

La juridiction peut, à titre de condition de sa libération, exiger qu'un failli consente à ce qu'un accord soit conclu contre lui en faveur du curateur pour le solde ou la partie d'un solde des dettes prouvables en vertu de la faillite qui n'est pas satisfait à la date de la libération ou le solde ou une partie de tout solde des dettes, à payer sur les profits futurs du failli ou des biens acquis après la faillite, de la manière et sous réserve des conditions que la juridiction peut fixer.

**Ingingo ya 162: Inkurikizi zo guhanagura igihombo cy'umuntu ku giti cye**

Guhanaguraho igihombo cy'umuntu ku giti cye bisonera uwahombye ibihombo byose uretse ibi bikurikira:

1° umwenda uwo ari wo wose uterwa n'igihombo uwahombye yagize, cyangwa n'uburyo yakoresheje mu kurangiza icyo gihombo, cyangwa no kuba yanyuranyije n'amategeko akoresheje uburiganya agamije kuzimanganya icyo gihombo;

2° uburyozwe bw'ihazabu yahanishijwe kubera icyaha yakoze giteganywa n'iri tegeko;

3° indi myenda ikomoka ku gihombo nk'uko biteganywa n'amategeko.

Guhanaguraho igihombo cy'umuntu ku giti cye bikura uburyozwe gusa k'uwahombye, ntabwo bireba uburyozwe bw'abandi bantu yaba ari umufatanyabikorwa mu bucuruzi cyangwa umwe mu bafatanyije n'umucungamutungo w'uwahombye wahanaguweho igihombo cyangwa ku bundi buryozwe nk'abishingiye uwahombye.

**Article 162: Effect of discharge from bankruptcy**

A discharge releases a bankrupt from all bankruptcy debts except the following:

1° any bankruptcy debt which he or she incurred in respect of, or forbearance in respect of which was secured by means of, any fraud or fraudulent breach of trust to which he or she was a party;

2° any liability in respect of a fine imposed for an offence provided under this Law;

3° such other bankruptcy debts as are prescribed.

Discharge from bankruptcy does not release any person other than the bankrupt from any liability whether as partner or co-trustee of the bankrupt from which the bankrupt is released by discharge, or from any liability as surety for the bankrupt.

**Article 162: Effet de la libération de la faillite**

Une libération libère un failli de toutes les dettes de faillite sauf ce qui suit:

1° toute dette de faillite contractée à l'égard d'une fraude ou d'un abus de confiance frauduleux auquel elle était partie ou à l'égard de laquelle elle a obtenu une garantie;

2° toute responsabilité à l'égard d'une amende infligée pour une infraction prévue par la présente loi;

3° les autres dettes du failli prescrites.

La libération de la faillite ne libère aucune personne autre que le failli de toute responsabilité, que ce soit en tant que associé ou co-fiduciaire du failli duquel le failli est libéré par la libération, ou de toute responsabilité à titre de caution pour le failli.

Icyakora, guhanagurwaho igihombo cy'umuntu ku giti cye ntibibangamira ibi bikurikira:

1° akazi k'umucungamutungo w'uwahombye gasigaye gukorwa;

2° uburenganzira bw'uwo uwahombye aberewemo umwenda bwo gusaba kwishyurwa umwenda uwahombye uhanaguweho igihombo amubereyemo;

3° uburenganzira bw'uberewemo umwenda ufitiwe ingwate bwo kwiyishyura muri iyo ngwate umwenda uwahombye uhanaguweho igihombo amubereyemo.

**<u>Ingingo ya 163</u>: Ibibujijwe nyuma yo guhanagura igihombo cy'umuntu ku giti cye bishyirwaho n'urukiko**

Bisabwe n'Umwanditsi Mukuru cyangwa umucungamutungo w'uwahombye, urukiko rushobora gushyiraho ibibujijwe nyuma y'ihanagurwa ry'igihombo mu gihe ari ngombwa kandi icyo cyemezo cy'urukiko kigira agaciro mu gihe kitarenze imyaka itanu (5) uhereye ku itariki cyafatiweho.

However, the discharge from bankruptcy does not affect the following:

1° the functions of the trustee which remain to be carried out;

2° the right of any creditor of the bankrupt to claim in the bankruptcy for any debt from which the bankrupt is released;

3° the right of any secured creditor of the bankrupt to enforce his or her security for the payment of a debt from which the bankrupt is released.

**<u>Article 163</u>: Court's post discharge restrictions**

On the application of the Registrar General or the trustee in bankruptcy, the court may make an order imposing post-discharge restrictions where appropriate and such order shall be valid for a period of not more than five (5) years from the date of its making.

Toutefois, la libération de la faillite n'affecte pas ce qui suit:

1° les fonctions du curateur qui restent à accomplir;

2° le droit de tout créancier du failli de réclamer au failli toute dette dont le failli est libéré;

3° le droit de tout créancier privilégié du failli de faire valoir sa garantie pour le paiement d'une dette dont le failli est libéré.

**<u>Article 163</u>: Restrictions post-libération de la juridiction**

À la demande du Registraire Général ou du curateur de la faillite, la juridiction peut rendre une ordonnance imposant des restrictions postérieures à la libération s'il y a lieu et cette ordonnance est valide pour une période d'au plus cinq (5) ans à compter du jour où elle a été rendue.

**Ingingo ya 164: Gusesa icyemezo cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye**

Urukiko rushobora gusesa icyemezo kigena igihombo, uwahombye yaba yarahanaguweho igihombo cyangwa ataragihanaguweho, mu gihe bigaragariye urukiko ko:

1° hashingiwe ku mpamvu zariho igihe icyemezo cyafatwaga, kitagombaga gufatwa;

2° imyenda ikomoka ku gihombo n'andi mafaranga bikomoka ku gihombo byishyuwe nyuma y'aho icyemezo cy'urukiko gifatiwe cyangwa yatangiwe ingwate ku buryo binyuze urukiko.

**Ingingo ya 165: Inkurikizi zo gusesa icyemezo cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye**

Iyo urukiko rusheshe icyemezo cy'igihombo:

1° umutungo w'uwahombye uragizwa umuntu ushobora gushyirwaho n'urukiko iyo adashyizweho uwo mutungo usubizwa uwahombye hakurikijwe icyemezo cy'urukiko;

**Article 164: Annulment of a bankruptcy order**

The court may annul a bankruptcy order, whether or not the bankrupt has been discharged from the bankruptcy, if it appears to the court that:

1° on any ground existing at the time the order was made, the order ought not to have been made;

2° the bankruptcy debts and the expenses of the bankruptcy have all, since the making of the order, been either paid or secured to the satisfaction of the court.

**Article 165: Effect of annulment of a bankruptcy order**

Where the court annuls a bankruptcy order:

1° the property of the bankrupt vests in such a person as the court may appoint or, in default of any such appointment, reverts to the bankrupt upon the court order;

**Article 164: Annulation d'une ordonnance de faillite**

La juridiction peut annuler une ordonnance de faillite, que le failli ait été ou non libéré de la faillite, s'il lui semble que:

1° pour tout motif existant au moment de l'ordonnance, l'ordonnance n'aurait pas dû être rendue;

2° les dettes du failli et les frais de la faillite ont tous été, depuis que l'ordonnance est rendue, soit payés, soit garantis à la satisfaction de la juridiction.

**Article 165: Effet de l'annulation d'une ordonnance de faillite**

Lorsque la juridiction annule une ordonnance de faillite:

1° les biens du failli sont dévolus à la personne que la juridiction peut nommer ou, à défaut d'une telle nomination, revenir au failli sur l'ordonnance de judiciaire;

2° igurishwa iryo ari ryo ryose cyangwa indi mikoreshereze y'uwo mutungo iyo ari yo yose, cyangwa ubwishyu ubwo ari bwo bwose bubayeho cyangwa ikindi cyose cyakozwe hakurikijwe umucungamutungo w'uwahombye cyangwa undi muntu yabihereye amabwiriza cyangwa Urukiko gikomeza kugira agaciro.

**Ingingo ya 166: Imenyesha ry'umucungamutungo w'uwahombye ku baberewemo imyenda**

Mu minsi itarenze makumyabiri (20) y'akazi igihe cy'igihombo gitangiye, cyangwa ikindi gihe cy'inyongera gishobora kugenwa n'Urukiko, umucungamutungo w'uwahombye amenyesha mu nyandiko buri muntu uzwi ko aberewemo umwenda amumenyesha uburenganzira bwe bwo gusaba umucungamutungo w'uwahombye gutumiza inama y'abantu baberewemo imyenda.

Mu gihe hagenwa niba ari ngombwa kongera igihe kivugwa mu gika cya mbere, Urukiko rwita ku by' uwahombye atubahirije mu nyandiko igaragaza imiterere y'imyenda ye.

2° any sale or other disposition of property, payment made or other thing duly done by the trustee, or other person acting under the trustee's authority, or by the court remains valid.

**Article 166: Trustee's notice to creditors**

Within twenty (20) working days of the commencement of the bankruptcy, or such further period as the court may allow, a trustee shall send written notice to every known creditor explaining the right of any creditor to require the trustee to call a creditor's meeting.

When determining whether to permit an extension of time under Paragraph One, the court shall take into account any non-compliance of the bankrupt with statement of affairs.

2° toute vente ou autre aliénation de biens, tout paiement effectué ou toute autre chose dûment effectuée par le curateur ou toute autre personne agissant sous son autorité ou par la juridiction demeure valable.

**Article 166: Avis du curateur aux créanciers**

Endéans vingt (20) jours ouvrables suivant l'ouverture de la faillite, ou tout autre délai autorisé par la juridiction, le curateur envoie un avis écrit à chaque créancier connu expliquant le droit de tout créancier d'exiger que le curateur convoque une réunion des créanciers.

Lorsqu'il décide s'il y a lieu d'accorder une prolongation de délai en vertu de l'alinéa premier, la juridiction doit tenir compte de toute non-conformité du failli avec le bilan patrimonial.

**Icyiciro 2: Umutungo w'uwahombye**

**Ingingo ya 167: Umutungo w'uwahombye**

Bitabangamiye ibiteganywa ukundi muri iri tegeko, umutungo w'uwahombye ugizwe n'imitungo yose y'uwahombye cyangwa iyo yeguriwe uhereye igihe igihombo cyatangiriye.

**Ingingo ya 168: Ifatira ry'umutungo uwahombye yungutse cyangwa yagwatirije nyuma y'aho igihombo cyatangiriye**

Binyuze mu nyandiko, umucungamutungo w'uwahombye ashobora gufatira umutungo w'uwahombye yungutse cyangwa yagwatirije undi muntu nyuma y'itangira ry'igihombo.

Iyo hatabayeho imenyekanisha ry'igihombo, umuntu wungutse umutungo ku buryo bwemewe n'amategeko, cyangwa banki ikoze ubucuruzi ku buryo bwemewe n'amategeko, umucungamutungo w'uwahombye nta burenganzira afite bwo gufatira umutungo w'umuntu cyangwa uwa banki cyangwa uw'undi muntu uwo ari we wese utunze umutungo ukomoka kuri uwo muntu cyangwa kuri iyo banki.

Bisabwe n'umucungamutungo w'uwahombye, urukiko rushobora gufata icyemezo gifatira amafaranga akomoka ku mutungo

**Section 2: Bankrupt's estate**

**Article 167: Bankrupt's estate**

Unless this Law provides otherwise, a bankrupt's estate comprises all property belonging to or vested in the bankrupt at the commencement of the bankruptcy.

**Article 168: Seizure of property acquired or charged after the commencement of the bankruptcy**

A trustee may, by written notice, claim for the bankrupt's estate, any property which has been acquired by, or has devolved upon the bankrupt, since the commencement of the bankruptcy.

Where without notice of the bankruptcy, a person acquires property in good faith or a banker enters into a transaction in good faith, the trustee is not entitled to any remedy against that person or banker, or any person whose title to any property derives from that person or banker.

On the application of the trustee, the court may make an order claiming for the bankrupt's estate

**Section 2: Biens du failli**

**Article 167: Biens du failli**

Sauf si la présente loi le prévoit autrement, les biens du failli comprennent tous les biens appartenant ou dévolus au failli à l'ouverture de la faillite.

**Article 168: Saisie des biens acquis ou grevés après l'ouverture de la faillite**

Un curateur peut, par avis écrit, réclamer les biens du failli, tout bien qui a été acquis par le failli ou qui a été dévolu au failli depuis l'ouverture de la faillite.

Lorsque, sans avis de la faillite, une personne acquiert un bien de bonne foi ou qu'un banquier conclut une transaction de bonne foi, le curateur n'a droit à aucun recours contre cette personne ou ce banquier, ni aucune personne dont le titre de propriété découle de cette personne ou de ce banquier.

À la demande du curateur, la juridiction peut rendre une ordonnance réclamant les biens du

w'uwahombye mu gihe icyo cyemezo kizamara gifite agaciro.

**Ingingo ya 169: Imenyekanisha ry'umutungo cyangwa amafaranga uwahombye yungutse**

Mu minsi itarenze mirongo itatu (30) y'akazi umucungamutungo w'uwahombye amenye ko umutungo uvugwa mu ngingo ya 168 waguzwe cyangwa wahawe uwahombye, bigomba kumenyeshwa mu nyandiko, keretse iyo urukiko rubitegetse ukundi.

Iyo, nyuma y'itangira ry'igihombo na mbere y'igabanya rya nyuma, uwahombye aguze cyangwa yeguriwe umutungo cyangwa yungutse amafaranga, uwahombye asabwa kumenyesha umucungamutungo w'uwahombye uwo mutungo wiyongereyeho.

the income of the bankrupt during the period for which the order is in force.

**Article 169: Notice of acquired property or an increase of the bankrupt's income**

A written notice must be served in not more than thirty (30) working days after the day on which it first came to the knowledge of the trustee that the property under Article 168 had been acquired by, or had devolved upon the bankrupt except where the court orders the contrary.

Where, after the commencement of the bankruptcy and before the final distribution, any property is acquired by or devolves upon the bankrupt or there is an increase of the bankrupt's income, the bankrupt shall forthwith give the trustee notice of such property or the increase.

failli, le revenu du failli pendant la période pour laquelle l'ordonnance est en vigueur.

**Article 169: Avis des biens acquis ou augmentation du revenu du failli**

Un avis écrit doit être signifié dans un délai d'au plus de trente (30) jours ouvrables après le jour où le curateur a eu connaissance du fait que les biens visés à l'article 168 avaient été acquis par le failli ou avaient été dévolus au failli, à moins que la juridiction l'ordonne autrement.

Lorsque, après l'ouverture de la faillite et avant la distribution finale, des biens sont acquis ou dévolus au failli ou qu'il y a une augmentation du revenu du failli, le failli donne sans délai au curateur un avis de ces biens ou de l'augmentation.

**Icyiciro cya 3: Imigendekere y'igihombo**

**Ingingo ya 170: Inshingano z'umucungamutungo w'uwahombye**

Umucungamutungo w'uwahombye afite inshingano zikurikira:

1° gucunga inyungu no kugabaganya umutungo w'uwahombye

2° bitabangamiye ibiteganywa ukundi muri iri tegeko, gucunga no kugenzura umutungo w'uwahombye;

3° kubika amafaranga akomoka ku mutungo w'uwahombye no kuyatandukanya n'andi mafaranga atunze cyangwa acunga;

4° ashingiye ku mahame rusange yemewe y'ibaruramari, kubika inyandiko zose z'umutungo n'amafaranga yinjijwe, ayasohotse, cyangwa iz'ibindi bikorwa by'ubucuruzi n'indi mirimo birebana n'igihombo, no gucunga no kubika inyandiko zose z'igihombo mu gihe kitari munsi y'imyaka icumi (10) nyuma y'irangizwa ry'igihombo.

**Section 3: Conduct of bankruptcy**

**Article 170: Duties of a trustee**

The trustee has the following duties:

1° to realize and distribute the bankrupt's estate;

2° to take custody and control of the bankrupt's estate unless provided otherwise by this Law;

3° to keep the bankrupt's estate's money, separate from other money which he or she holds or is under his or her control;

4° to keep, in accordance with generally accepted accounting procedures and standards, full account and other records of all receipts, expenditures and other transactions relating to the bankruptcy, and retain the accounts and records of the bankruptcy for not less than ten (10) years after the bankruptcy ends.

**Section 3: Déroulement de la faillite**

**Article 170: Attributions d'un curateur**

Le curateur a les fonctions suivantes:

1° réaliser et distribuer les biens du failli;

2° prendre la garde et le contrôle des biens du failli, à moins que la présente loi n'en prévoit autrement ;

3° garder l'argent des biens du failli, séparé des autres fonds qu'il détient ou qui sont sous son contrôle;

4° conserver, conformément aux procédures et aux normes comptables généralement reconnues, le compte complet et les autres registres de toutes les recettes, dépenses et autres opérations liées à la faillite, et conserver les comptes et registres de la faillite pendant au moins dix (10) ans après la fin de la faillite.

**Ingingo ya 171: Ifoto y'ibikorwa by'ubucuruzi**

Mu minsi makumyabiri (20) y'akazi nyuma y'itangira ry'igihombo cyangwa mu gihe k'inyongera gishobora kugenwa n'umucungamutungo w'uwahombye cyangwa urukiko, uwahombye asabwa kohereza umucungamutungo w'uwahombye ifoto y'ibikorwa by'ubucuruzi afite ikubiyemo imyirondoro y'abantu uwahombye abereyemo imyenda, imyenda afite n'imitungo atunze n'andi makuru y'inyongera yasabwa n'amategeko.

**Ingingo ya 172: Ububasha bw'umucungamutungo w'uwahombye**

Umucungamutungo w'uwahombye afite ububasha busesuye bwo gukora imirimo ashinzwe no kuzuza inshingano ze. By'umwihariko, ashobora gusaba umuntu uwo ari we wese ubitse ibitabo cyangwa inyandiko birebana n'umutungo w'uwahombye cyangwa incamake y'imitungo n'imyenda afite kubimushyikiriza.

Nta muntu ushobora kwima umucungamutungo w'uwahombye inyandiko z'uwahombye yitwaje ko izo nyandiko zimuhesha uburenganzira ku ngwate ku mutungo w'uwahombye. Guha izo nyandiko

**Article 171: Statement of affairs**

Within twenty (20) working days of the commencement of the bankruptcy, or such further period as the trustee or the court may allow, the bankrupt submits to the trustee a statement of his or her affairs which include particulars of the bankrupt's creditors, debts and assets, and such other information as may be prescribed.

**Article 172: Powers of a trustee**

The trustee has all the powers necessary to carry out his or her functions and duties. In particular, he or she may require any person having possession of books or documents which relate to the bankrupt's estate or affairs to deliver them to him or her.

A person may not withhold a document of the bankrupt from a trustee on the ground that possession of the document creates a charge over a property of the bankrupt. Production of a document to the trustee does not prejudice the

**Article 171: Énoncé des affaires**

En déans vingt (20) jours ouvrables suivant l'ouverture de la faillite, ou toute autre période qui peut être permise par le curateur ou la juridiction, le failli soumet au curateur un bilan patrimonial comprenant les détails des créanciers et des créances ainsi que les actifs du failli et toute autre information pouvant être prescrite.

**Article 172: Pouvoirs d'un curateur**

Le curateur jouit de tous les pouvoirs nécessaires pour exercer ses fonctions et responsabilités. En particulier, il peut exiger que toute personne ayant en sa possession des livres ou des documents relatifs aux biens ou aux affaires du failli les lui remette.

Personne ne peut retenir un document du failli auprès du curateur au motif que la possession du document crée une charge sur un bien du failli. La production d'un document auprès du curateur judicaire ne porte pas atteinte à

umucungamutungo w'uwahombye ntabwo bikuraho uburenganzira ku mutungo w'uwahombye watanzweho ingwate , kandi umucungamutungo w'uwahombye agomba guha izo nyandiko undi muntu wese ubifitiye uburenganzira igihe ashaka kuwukoresha cyangwa kuwubyaza umusaruro zikomoka ku ngwate.

Umuntu ashobora gusaba ifatirwa ry'inyandiko iyo ari yo yose y'uwahombye irebana n'umwenda ukomoka kuri serivisi zahawe uwahombye mbere y'itangira ry'igihombo ariko bene uwo mwenda ujya mu yishyurwa mbere hakurikijwe ibiteganyijwe n'iri tegeko.

Uwahombye agomba guha umucungamutungo w'uwahombye amakuru arebana n'incamake y'imitungo n'imyenda ye no gukora ibindi bintu umucungamutungo w'uwahombye ashobora kumusaba ku byamufasha kurangiza neza inshingano ze.

**Ingingo ya 173: Ububasha bw'urukiko rwo gufata ibyemezo bikurikizwa mu gihe cy'igihombo**

1° what is due from the one party to the other in respect of those credits, debts or dealings;

2° an amount due from one party shall set off against any amount due from the other party;

3° only the balance of the account may be claimed in the liquidation or in

À la demande du liquidateur, du curateur ou de tout réclamant qui est lésé par une estimation faite par le liquidateur ou le curateur, la juridiction détermine le montant de la réclamation.

**Article 195: Crédit mutuel et compensation**

Lorsqu'il y a eu des crédits mutuels, des dettes mutuelles ou d'autres transactions mutuelles entre une personne et une société ou un individu, ce qui suit doit être fait pour la personne qui cherche à faire admettre une réclamation, il est considéré ce qui suit:

1° ce qui est dû par l'une des parties à l'égard de ces crédits, dettes ou opérations;

2° un montant dû par une partie doit compenser avec tout montant dû par l'autre partie;

3° seul le solde du compte peut être réclamé lors de la liquidation ou de la

iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'uwahombye cyangwa akishyurwa isosiyete cyangwa mu mutungo w'uwahombye.

**Ingingo ya 196: Imyenda y'ababerwemo imyenda idafitiwe ingwate**

Usibye iyo bigenwe ukundi n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye, uberewemo umwenda udafitiwe ingwate ashobora kwishyuza uwo mwenda nta kindi asabwe gukora.

Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye asabye ko umwenda wishyuzwa mu nzira zisanzweho, uwishyuza umwenda asaba kwishyurwa umwenda binyuze mu nyandiko atanga ibisobanuro birambuye by'uwo mwenda, agaragaza kandi anatanga inyandiko za ngombwa zerekana koko ko aberewemo umwenda.

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye ashobora kwakira cyangwa kwanga umwenda wose cyangwa igice cyawo, kandi iyo yumva ko umwenda wakiriwe mu buryo butari bwo cyangwa uwo mwenda wose wanze kwakirwa cyangwa igice cyawo,

bankruptcy or is payable to the company or the bankrupt's estate.

**Article 196: Claims by unsecured creditors**

Unless otherwise required by the liquidator or trustee, an unsecured creditor may make a claim without formality.

Where the liquidator or trustee requires a claim to be made formally, the claimant shall submit a claim verified by statutory declaration setting out full particulars of the claim, identifying and providing any documents that prove or substantiate the claim.

The liquidator or trustee may admit or reject any claim in whole or in part, and if the liquidator or trustee subsequently considers that a claim has been wrongly admitted or rejected in whole or in part, he or she may revoke or amend any such decision.

faillite ou est payable à la société ou aux biens du failli.

**Article 196: Réclamations des créanciers chirographaires**

Sauf exigence contraire du liquidateur ou du curateur, un créancier chirographaire peut présenter une réclamation sans formalité.

Lorsque le liquidateur ou le curateur exige qu'une réclamation soit faite formellement, le réclamant doit présenter une réclamation vérifiée par une déclaration solennelle indiquant tous les détails de la réclamation, identifiant et fournissant tous les documents qui prouvent ou justifient la réclamation.

Le liquidateur ou le curateur peut admettre ou rejeter une réclamation en totalité ou en partie, et si le liquidateur ou le curateur estime par la suite qu'une réclamation a été ou rejetée admise à tort en totalité ou en partie, il peut révoquer ou modifier une telle décision.

ashobora gusesa cyangwa kuvugurura icyo cyemezo.

**<u>Ingingo ya 197:</u> Imyenda ifite ingwate n'uburenganzira bw'ifatira**

Uberewemo umwenda ufite ingwate cyangwa ufite uburenganzira bwo gufatira umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa watanzweho ingwate, afite uburenganzira bwo kwishyurwa ukwe cyangwa bwo gufatira uwo mutungo hakurikijwe amategeko abigenga.

Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa iyo gahunda y'izahura ry'ubucuruzi yatanzwe mu rukiko.

Kwishyurwa mbere ku ngwate, ntibishingira ku itariki umwenda wabereyeho ahubwo bishingira ku itariki ingwate yandikishirijweho.

Ibyavuye mu igurishwa ry'umutungo utimukanwa cyangwa wimukanwa, nyuma yo kuvanamo amafaranga yatanzwe mu ikurikirana ry'igihombo bikoreshwa hishyurwa imyenda ifitiwe igwate kuri uwo mutungo, hakurikijwe uko ababerewemo imyenda bakurikirana n'indi myenda ishingiye kuri uwo mutungo.

**<u>Article 197 :</u> Secured claims and right of retention**

The Secured creditors or the holder of right of retention of secured movable or immovable property shall be entitled to separate satisfaction or retention of secured assets in accordance with the relevant laws.

The provisions of paragraph one of this article shall not apply when a recovery plan has been submitted to the court.

The preferential right to payment from a secured asset shall depend on the date of registration of the security and not on the date upon which the debt came into existence.

The proceeds from the sale of immovable or movable property, after deduction therefrom of the costs of insolvency proceedings, shall be applied in satisfying the claims secured by the said property, in their order of preference and other debts incumbent on the property.

**<u>Article 197</u> : Créances garanties et droit de rétention**

Un créancier garanti ou investi du droit de rétention sur un bien meuble ou immeuble grevé de sûreté, a le droit au désintéressement séparé ou a la rétention de ce bien conformément aux en la matière.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas lorsque le plan de redressement a été soumis à la juridiction.

Le droit de se faire payer par préférence sur un bien grevé de sûreté dépend de la date d'enregistrement de cette garantie et non de la date de naissance de la dette.

Après déduction des coûts de la procédure d'insolvabilité, le produit de la vente des biens immeubles ou meubles est utilisé pour payer les créanciers garantis par ces biens selon l'ordre de préférence entre les créanciers et les autres dettes grevant ces biens.

Iyo igiciro cy'ingwate kitagejeje ku gaciro k'umwenda, uberewemo umwenda ufite ingwate ashobora gusaba kwishyurwa nk'ufitiwe umwenda utagira ingwate ku gice cy'umwenda gisigaye. Iyo uberewemo umwenda ufite ingwate afashe umwanzuro wo kureka iyo ngwate, ashyirwa mu nama y'ababerewemo imyenda, akajya ku rutonde rw'abagomba kwishyurwa nk'abandi.

**Ingingo ya 198: Kugenzura imyenda**

Iyo uberewemo umwenda yishyuje uwo mwenda, iryo yishyuzwa ryemezwa n'imenyekanisha rya ngombwa, atanga ibisobanuro birambuye by'uwo mwenda bikubiyemo itariki uwo mwenda watangiweho, agaragaza kandi anatanga inyandiko zemeza uwo mwenda.

Iyo umwenda wishyujwe n'uberewemo umwenda, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye ashobora kwanga kwishyura uwo mwenda wose cyangwa igice cyawo. Agomba gusobanura mu nyandiko impamvu impamvu zo kwanga iryo yishyurwa kandi akazohereza uberewemo umwenda. Mu gihe umwenda wose cyangwa igice cyawo uhakanywe, uberwemo umwenda ashobora gusaba bushya mu gihe cy'iminsi icumi (10)

If the value of the security is less than the amount of the secured claim, the secured creditor may claim as unsecured creditor for any balance due. If a secured creditor decides to surrender his/her security, he/she shall be included in the body of creditors and shall be included on the list of creditors.

**Article 198: Claim verification**

If a creditor claims, the claim must be verified and set out full particulars of the claim including the date on which it was given, identify and provide any documents that substantiate the claim.

Where a claim is made by a creditor, the liquidator or trustee may reject the claim in whole or in part. He must explain his reasons in writing and forward such written explanation to creditor. Where a claim is rejected in whole or in part, the creditor may make a revised claim within ten (10) working days from receiving notice of the rejection; and the liquidator or trustee may, if he or she subsequently considers that a claim was wrongly rejected in whole or in part, revoke or amend any such decision.

Lorsque le produit de la vente des biens grevés de sûreté est inférieur au montant de la créance, le créancier garanti peut réclamer le paiement de la somme restant due comme un créancier chirographaire. Lorsqu'un créancier garanti décide de céder sa sûreté, il fait partie de la masse des créanciers et est placé sur la liste des créanciers chirographaires.

**Article 198 : Revendication en tant que créancier privilégié**

Si un créancier réclame, la réclamation doit être vérifiée et énoncer les détails complets de la réclamation, y compris la date à laquelle elle a été fournie, identifier et fournir tous documents la justifiant

Lorsqu'une créance est réclamée par un créancier, le liquidateur ou le curateur peut rejeter la demande en tout ou en partie. Il fournit au créancier des explications écrites. Lorsqu'une réclamation est rejetée en totalité ou en partie, le créancier peut encore former une réclamation à titre de créancier privilégié endéans dix (10) jours ouvrables suivant la réception de l'avis de rejet; et le liquidateur ou le curateur peut, s'il estime par la suite qu'une

y'akazi uhereye ku itariki yamenyeshwejeho ko uwo mwenda wahakanywe, kandi ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye ashobora, iyo yongeye gusuzuma agasanga ubwo busabe bwose cyangwa igice cyabwo bwaranzwe nta mpamvu ifatika, gusesa cyangwa gukorera ubugororangingo icyo cyemezo.

réclamation a été rejetée à tort en totalité ou en partie, révoquer ou modifier une telle décision.

Iyo uberewemo umwenda atishimiye icyemezo cy'umucungamutungo w'uwahombye cyerekeye umwenda we, ashobobora kuregera urukiko asaba ko rutesha agaciro icyo cyemezo. Icyo kirego kigomba gushyikirizwa urukiko mu gihe cy'iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi uhereye igihe ibisobanuro bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo byamugereyeho.

If the creditor does not agree with decision of the administrator regarding his claims, he may apply to the court for annulment of this decision. Such application must be submitted within a term not exceeding twenty (21) working days from the day when explanation referred to in paragraph 2 of this article has been received.

Si le créancier n'est pas d'accord avec la décision de l'administrateur concernant ses réclamations, il peut demander au tribunal d'annuler cette décision. Cette demande doit être présentée dans un délai ne dépassant pas vingt-et-un (21) jours ouvrables à compter du jour où l'explication visés à l'alinéa 2 du présent article a été reçue.

**Ingingo ya 199: Imyenda igaragara nyuma y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ry'isosiyete cyangwa y'irangizwa ry'igihombo**

**Article 199: Claims that arise at a later stage**

**Article 199: Réclamation ultérieure**

Umwenda utaragenewe agaciro mu mafaranga cyangwa undi mwenda uwo ari wo wose ufite agaciro katagaragazwa hashingiwe ku igenagaciro rizwi wandikwa hashingiwe ku kigereranyo cy'agaciro ku itariki kutabasha kwishyura byatangiriyeho.

A claim which has not been evaluated in monetary value and any other claim whose value was not indicated on a known value shall be registered on an estimated value on the date of commencement of the insolvency proceedings.

Une créance qui n'a pas été évaluée en valeur monétaire et toute autre créance dont la valeur n'a pas été indiquée sur une valeur connue doit être enregistrée sur une valeur estimée à la date d'ouverture de la procédure d'insolvabilité.

**<u>Ingingo ya 200</u>: Kugurisha umutungo urebana no kutabasha kwishyura imyenda**

Iyo inama y'ababaweremo imyenda yemeje igurishwa ry'imitungo irebana n'ikurikirana ryo kutabasha kwishyura imyenda, Umucungamutungo atangira ako kanya igikorwa cyo gukurikirana igurishwa ry'uwo mutungo kandi akabimenyesha urukiko.

**<u>Ingingo ya 201:</u> Igabanywa rikomoka ku byagurishijwe**

Umucungamutungo yishyura imyenda akimara kubona inyandiko igaragaza uko igabanya ry'umutungo rigomba gukorwa agakurikiza uburenganzira bwo kwishyurwa mbere ku buryo bukurikira:

1° amafaranga yakoreshejwe mu gusana, kubungabunga no kugurisha umutungo, igihembo cy'umucungamutungo n'andi mafaranga yakoreshejwe, imishahara n'ibindi bihembo ku muntu wese wagize uruhare mu micungire y'umutungo hamwe n'ibyakoreshejwe n'urukiko cyangwa n'ibindi byakoreshejwe mu nzira z'amategeko;

2° ababerewemo imyenda ufitiwe ingwate hakurikijwe uko bakurikirana

**<u>Article 200</u>: Sale of assets involved in insolvency proceedings**

If the meeting of creditors decides to sell the property forming the assets involved in insolvency proceedings, the administrator shall immediately institute the procedures for liquidation of the property and shall inform the Court thereof.

**<u>Article 201</u> : Final distribution**

The administrator shall settle all claims immediately after the confirmation of the administrator's distribution record, in the following order of preference:

1° the costs of maintaining, conserving and sale of the asset, administrator's fees and expenses incurred, wages and salary of any person engaged in the administration of the estate and expenses incurred by the court or through any other legal acts.

2° secured creditors on the basis of their ranks with interest calculated in the prescribed manner;

**<u>Article 200</u>: Vente des biens faisant l'objet d'une procédure d'insolvabilité**

Si la réunion des créanciers décide de vendre les biens concédant les avoirs faisant l'objet de la procédure d'insolvabilité, l'administrateur institue immédiatement les procédures de liquidation des biens et en informe la juridiction.

**<u>Article 201</u> : Partage final**

L'administrateur procède au remboursement des dettes après confirmation du rapport de partage selon l'ordre de préférence.

1° le coût pour la maintenance, la conservation et la vente des biens, les frais de l'administrateur et les dépenses encourues, les salaires et autres rémunérations de toute personne impliquée dans l'administration des biens ainsi que frais engagés par la juridiction ou ceux engagés dans le cadre des actes ordonnés par la loi.

2° les créanciers garantis sur base de leurs rangs avec les intérêts calculés d'une manière prescrite ;

hiyongereyeho inyungu zibarwa mu buryo bugenwe;

3° ababerewemo imyenda bafite uburenganzira bwo gufatira ikintu hakurikijwe icyo bagomba kugikoraho;

4° amafaranga y'ishyingura cyangwa y'ibyakoreshejwe mu kuraga ku mutungo w'urimo umwenda wapfuye;

5° imishahara cyangwa ibindi bihembo by'abahoze ari abakozi b'uwagize igihombo mu gihe cy'amezi atandatu;igihembo icyo ari cyo cyose kijyanye n'ikiruhuko cy'akazi kigenerwa umukozi cyagejeje igihe cyo kwishyurwa hakurikijwe amasezerano y'akazi yahawe n'uwagize igihombo mu mwaka wabanjirije igihombo; igihembo icyo ari cyo cyose gishingiye ku kiruhuko gihemberwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) mbere y'iseswa ry'umutungo andi mafaranga yose y'imperekeza yishyurwa umukozi bitewe n'ibiteganywa n'amategeko, amasezerano cyangwa amabwiriza yerekeye ibihembo;

6° amafaranga y'ubwiteganyirize bw'abakozi;

7° imisoro ya Leta;

3° creditors with the right to retain an item in consideration of the improvement they have to make on it;

4°funeral and testamentary expenses made on the property of the deceased debtor;

5°salaries or other wages of former employees of the insolvent person for a period of six (6) months; any payment in respect of any period of leave or holiday due to the employee which has accrued as a result of his/her employment contract with the insolvent person in the year preceding insolvency; any payment due in respect of any other form of paid leave for a period not exceeding three (3) months prior to the date of the liquidation of the estate and any severance pay due to the employee in accordance with law, agreement or regulations relating to wages;

6°social security contributions;

7°Government taxes;

3°les créanciers ayant le droit de rétention un élément en considération de l'amélioration à y apporter ;

4°Les frais funéraires et testamentaires encourus sur les biens du débiteur décédée ;

5°Salaires ou autres rémunérations des anciens employés du failli pour une période n'excédant pas six (6) mois qui sont dus ; tout paiement lié au congé ou vacances dû à l'employé échu suite à l'engagement de l'employé par le failli pendant l'année qui a précédé l'insolvabilité ; tout paiement dû suite à toute forme d'absence payée pour une période n'excédant pas trois (3) mois avant la date de la liquidation du patrimoine ; et toute indemnité de licenciement dû à l'employé conformément à la loi, au contrat ou aux règlements relatifs aux rémunérations.

6°cotisations à la sécurité sociale ;

7°Impôts dus à l'État;

8° imyenda idafitiwe ingwate.

Nyuma yo kwemezwa kwa gahunda yo kugabanya umutungo, umucungamutungo asubiza ufite umwenda amafaranga asagutse.

**Ingingo ya 202: Imitungo isagutse**

Iyo hari imitungo isagutse nyuma yo kwishyura imyenda itihutirwa:

1° Iyo habayeho igihombo, umucungamutungo w'uwahombye asabwa kwishyura uwahombye amafaranga yasagutse mu irangizwa ry'igihombo;

2° Iyo habayeho igihombo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo asabwa kugabagabanya imitungo yasagutse nk'uko biteganywa mu nyandiko ishinga iyo sosiyete kandi nk'uko biteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 203: Ibikorwa by'ubucuruzi bifite agaciro kihariye**

Iyo Umucungamutungo ateganya gukora ibikorwa bifite agaciro kihariye birebana n'ikurikirana ry'igihombo, Komite y'ababerewemo imyenda ibyumvikanaho, yaba

8°Unsecured claims.

After the confirmation of the final plan of distribution, the insolvency administrator shall submit the surplus to the debtor.

**Article 202: Surplus assets**

If there is a surplus after making the payments of non-preferential debts:

1° in the case of a bankruptcy, the trustee shall pay the surplus to the bankrupt;

2° in the case of an insolvency, the liquidator shall distribute the company's surplus assets in accordance with its incorporation document and the applicable laws.

**Article 203: Transactions of particular importance**

In case the administrator intends to engage in transactions which are of particular importance to the insolvency proceedings, there shall be consent of the creditors' committee, and if the

8°Les créances chirographaires.

Après la confirmation du plan final de distribution des biens, l'administrateur d'insolvabilité remet le surplus au débiteur.

**Article 202: Actifs excédentaires**

S'il y a un surplus après avoir effectué les paiements de dettes non préférentielles:

1° dans le cas d'une faillite, le curateur doit payer l'excédent au failli;

2° en cas d'insolvabilité, le liquidateur distribue les biens excédentaires de la société conformément à son acte constitutif et aux lois applicables.

**Article 203: Transactions d'une importance particulière**

Si l'administrateur a l'intention d'effectuer des opérations revêtant une importance particulière pour la procédure d'insolvabilité, le comité des créanciers y consent, et si le comité des

itariho , agasaba y'Ababerewemo imyenda kubifataho umwanzuro.

Bimwe mu bikorwa by'ubucuruzi biteganyijwe ni nko kugurisha isosiyete cyangwa uruganda, umutungo wose uri mu bubiko, nk'umwe mu mitungo itimukanwa igomba kugurishwa hashingiwe ku masezerano, imigabane y'abantu baberewemoe umwenda indi sosiyete mu gihe iyo migabane iba igamije kugira iyo sosiyete ishami ry'iyindi ku buryo buhoraho cyangwa iyihesha uburenganzira bwo kubona inyungu no kwinjiza amafaranga.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro**

**<u>Ingingo ya 204</u>: Imyenda yishyurwa mbere y'indi ishobora guteshwa agaciro**

Uretse iyo umwenda wafashwe mu buryo busanzwe bw'imirimo y'isosiyete cyangwa bw'ubucuruzi bw'umuntu ku giti cye bwo kwimura amafaranga mu gihe cy'iminsi itarenze mirongo ine n'itanu (45) y'akazi nyuma y'uko uwo mwenda ufatwa, igikorwa **cy**'ubucuruzi kirebana no kwimura umutungo w'isosiyete cyangwa w'umuntu ku giti cye awuha undi muntu ni igikorwa gishobora guteshwa agaciro bisabwe n' ukora umwuga wo

creditors' committee is not yet appointed, he or she shall obtain the consent of the creditors' meeting.

Some of the transactions are as to sell the enterprise, equipment, the entire stock, a part of real property to be disposed of by agreement, the debtor's shares in another enterprise if such shares are intended to bring about a permanent affiliation to such other enterprise or the entitlement to receive recurring earnings;

**<u>Section 2</u>: Voidable transactions**

**<u>Article 204</u>: Voidable preferences**

Unless the debt was incurred in the ordinary course of the company's or individual's business and the transfer was made no later than forty-five (45) working days after the debt was incurred, a transaction involving a transfer of property by a company or individual to another person is voidable on the application of the insolvency practitioner if the transfer:

créanciers n'est pas encore nommé, il obtient le consentement de la réunion des créanciers.

Certaines des transactions sont comme vendre l'entreprise, l'équipement, la totalité du stock, une partie des biens immobiliers à céder par convention, les actions du débiteur dans une autre société si ces actions ont pour but de créer une affiliation permanente à cette autre entreprise ou le droit de recevoir des revenus récurrents;

**<u>Section 2</u>: Transactions annulables**

**<u>Article 204</u>: Préférences annulables**

À moins que la dette n'ait été contractée dans le cours normal des activités de la société ou de l'individu et que le transfert ait été effectué au plus tard quarante-cinq (45) jours ouvrables après la date de la dette, une transaction impliquant un transfert de propriété une autre personne est annulable à la demande du praticien de l'insolvabilité si la cession:

kuzahura ubucuruzi no gucunga igihombo iyo iryo yimurwa ry'umutungo:

1° rikozwe mu rwego rwo kwishyura umwenda wa mbere y'igihombo;

2° rikozwe mu gihe isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye atashoboye kwishyura imyenda :

3° rikozwe mu gihe cy'umwaka umwe ubanziriza itangizwa ry'iseswa ry'isosiyete cyangwa iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo w'uwahombye cyangwa igihombo cy'umuntu ku giti cye;

4° yemereye umuntu guhabwa inyungu z'ikirenga mu rwego rwo kwishyurwa umwenda ugereranyije n'ibyo uwo muntu yagombaga guhabwa mu gihe cy'iseswa ry'isosiyete cyangwa iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo w'uwahombye cyangwa igihombo cy'umuntu ku giti cye.

Usibye iyo biteganyijwe ukundi, iyimurwa ry'umutungo mu gihe cy'amezi atandatu (6) mbere y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo cyangwa irangizwa ry'igihombo rifatwa nk'aho ryakozwe mu gihe isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye atagishoboye kwishyura imyenda ye

1° was made on account of antecedent debt;

2° was made at a time when the company or individual was unable to pay its, his or her due debts;

3° was made within the year preceding the commencement of the liquidation or bankruptcy;

4° enabled that person to receive more towards satisfaction of the debt than the person would otherwise have received or be likely to receive in the liquidation or bankruptcy.

Unless the contrary is proved, a transfer made within the six (6) months preceding the commencement of the liquidation or bankruptcy is presumed to have been made at a time when the company or individual was unable to pay

1° a été faite en raison de la dette antécédente;

2° a été faite à un moment où l'entreprise ou l'individu était incapable de payer ses dettes;

3° a été faite dans l'année précédant l'ouverture de la liquidation ou de la faillite;

4° a permis à cette personne de recevoir plus pour la satisfaction de la dette que la personne aurait autrement reçu ou serait susceptible de recevoir dans la liquidation ou la faillite.

Sauf preuve contraire, une cession effectuée dans les six (6) mois précédant l'ouverture de la liquidation ou de la faillite est présumé avoir été effectuée à un moment où la société ou le particulier n'était pas en mesure de payer ses

kandi hashingiwe ku myenda atafashe mu bihe bisanzwe by'imirimo y'ubucuruzi.

Ibikorwa by'ubucuruzi no kwimura imitungo bikozwe mu gihe bigaragara ko umuntu ubereyemo abandi imyenda agamije igikorwa cy'uburiganya ahisha imitungo abo abereyemo imyenda kandi mu gihe uwo muntu uberewemo umwenda abivumbuye, iryo simbura ry'umutungo ntirihabwa agaciro igihe cyose.

**Ingingo ya 205: Ibikorwa by'ubucuruzi byagabanyirijwe agaciro**

Ibikorwa by'ubucuruzi bikozwe n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye bishobora kugabanyirizwa agaciro, ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo abisabye urukiko iyo:

1° byakozwe umwaka umwe mbere y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo;

2° agaciro k'ingurane yakiriwe n'isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye kari hasi y'agaciro k'ingurane yatanzwe n'isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye;

3° igihe ubucuruzi bwakorwaga, isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye atabashije

due debts and on account of a debt not incurred in the ordinary course of business.

Transactions and transfers made where there is evidence of the debtor's actual intent to defraud creditors by placing assets beyond their reach and where the counterparty knew of such an intent such transactions shall be considered void at all the time.

**Article 205: Transactions at undervalue**

A transaction entered into by a company or individual is undervalued on the application of the insolvency practitioner to the court if:

1° it was entered into within the year preceding the commencement of the insolvency proceedings;

2° the value of the consideration received by the company or individual was significantly less than the value of the consideration provided by the company or individual;

3° when the transaction was entered into, the company or individual was unable to

dettes et en raison d'une dette pas encourues dans le cours normal des activités.

Les transactions et les cessions effectuées lorsqu'il existe une preuve de l'intention réelle du débiteur de frauder les créanciers en plaçant des actifs hors de leur portée et que la contrepartie était au courant d'une telle intention seront considérés comme nulles à tout moment.

**Article 205: Transactions sous-évaluées**

Une transaction conclue par une société commerciale ou un particulier sous-évaluées à la demande adressée à la juridiction par le praticien de l'insolvabilité si:

1° il a été conclu dans l'année précédant l'ouverture de des procédures de l'insolvabilité ;

2° la valeur de la contrepartie reçue par la société ou l'individu était significativement inférieure à la valeur de la contrepartie fournie par la société ou le particulier;

3° lorsque la transaction a été conclue, la société ou le particulier n'a pas été en

kwishyura imyenda, yarakoze cyangwa yari hafi gukora ubucuruzi burengeje umutungo we cyangwa yaremeye kuzuza inshingano azi ko iyo sosiyete cyangwa umuntu ku giti cye atazashobora kuzuza izo nshingano igihe abisabwe;

4° isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye atabashije kwishyura ibicuruzwa yohererejwe.

**<u>Ingingo ya 206</u>: Ingwate zishobora guteshwa agaciro**

Ibikorwa by'ubucuruzi bitanga cyangwa bituma hatangwa ingwate ku mutungo cyangwa amasezerano y'isosiyete cyangwa y'umuntu ku giti cye kugira ngo hishyurwe umwenda, bishobora guhagarikwa bisabwe n'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kubera uwo umwenda uretse iyo:

1 º ingwate yatanzwe ishobora kwishyura ikiguzi cy'ibyagurishijwe cyangwa byagemuriwe isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye, cyangwa ikindi kintu cy'agaciro cyahawe uwahawe ingwate mbere yo kuyigurisha, cyangwa nyuma gato y'uko ingwate itanzwe,

pay its, his or her due debts, engaged or about to engage in transactions for which its, his or her financial resources were unreasonably small or incurred the obligation knowing that the company or individual would not be able to perform the obligation when required to do so;

4° the company or individual became unable to pay its, his or her due debts as a result of the transaction.

**<u>Article 206</u>: Voidable charges**

A transaction providing for or creating a charge over any property or undertaking of a company or individual in respect of any debt is voidable on the application of the insolvency practitioner, unless:

1 º the charge secures the actual price or value of property sold or supplied to the company or individual, or any other valuable consideration given by the grantee of the charge prior to the execution of the security, and, immediately after the charge was given,

mesure de payer ses dettes, engagé ou sur le point de s'engager dans des opérations pour lesquelles ses ressources financières étaient déraisonnablement réduites ou ont encouru l'obligation sachant que la société ou le particulier ne serait pas en mesure d'exécuter l'obligation lorsque cela est requis;

4° la société ou l'individu est devenu incapable de payer ses dettes dues à la suite de la transaction.

**<u>Article 206</u>: Sûretés annulables**

Une transaction prévoyant ou créant une charge sur un bien ou une entreprise d'une société ou d'un individu relativement à une dette est annulable à la demande du praticien de l'insolvabilité sauf si:

1 º la charge garantit le prix ou la valeur réelle des biens vendus ou fournis à la société ou à la personne, ou toute autre contrepartie valable donnée par le concessionnaire de la charge avant l'exécution de la garantie, et, immédiatement après que la charge a été

isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye yarabonye ubushobozi bwo kwishyura imyenda ye;

2 º ingwate yatanzwe isimbura indi yari yaratanzwe mu gihe kirenze umwaka mbere yo gutangira kwegeranya no kugabagabana umutungo w'isosiyete yasheshwe cyangwa yahombye.

Uretse igihe bigaragarajwe ukundi, isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye utanze ingwate mu gihe cy'amezi atandatu (6) abanziriza itangira ry'igikorwa cyo kwegeranya no kugabagabana umutungo w'isosiyete yasheshwe cyangwa yahombye afatwa nk'utari ufite ubushobozi bwo kwishyura imyenda mu gihe gikurikira itangwa ry'ingwate.

**<u>Ingingo ya 207</u>: Uburyo bwo kuvanaho ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro**

Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ushaka gufatira ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro agomba:

1° kuregera urukiko mu nyandiko agaragaza ibikorwa by'ubucuruzi bisabirwa gufatirwa n'umutungo

the company or individual was able to pay its due debts;

2 º the charge is in substitution for a charge given more than one year preceding the commencement of the liquidation or bankruptcy.

Unless the contrary is proved, a company or individual giving a charge within the six (6) months preceding the commencement of the liquidation or bankruptcy is presumed to have been unable to pay its, his or her due debts immediately after giving the charge.

**<u>Article 207</u>: Procedure for setting aside voidable transactions**

An insolvency practitioner who wishes to have a transaction that is voidable set aside shall:

1° file in the court a notice to that effect specifying the transaction to be set aside and the property or value thereof which

donnée, la société ou l'individu était en mesure de payer ses dettes;

2 º la charge est en remplacement d'une charge donnée plus d'un an avant l'ouverture de la liquidation ou de la faillite.

À moins que le contraire ne soit prouvé, une société ou un individu donnant une charge dans les six (6) mois précédant l'ouverture de la liquidation ou de la faillite est présumée avoir été incapable de payer ses dettes immédiatement après avoir donné la charge.

**<u>Article 207</u>: Procédure d'annulation des transactions annulables**

Un praticien qui souhaite faire annuler une transaction annulable doit:

1° déposer auprès de la un avis à cet effet précisant la transaction à annuler et les biens ou valeurs que le liquidateur ou le curateur souhaite recouvrer;

cyangwa agaciro k'ibyo yifuza kugaruza;

2° guha kopi y'iyo nyandiko urundi ruhande rwari muri ubwo bucuruzi cyangwa undi muntu ufite umutungo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye yifuza kugaruza;

Umuntu wese ushobora kubangamirwa n'ifatirwa ry'ibikorwa by'ubucuruzi rivugwa muri iyo nyandiko kandi agasanga nta mpamvu ihari yatuma ibyo bikorwa by'ubucuruzi bifatirwa aregera urukiko arusaba ko gufata icyemezo gitambamira ifatira ry'ibyo bikorwa by'ubucuruzi.

Uretse iyo uwahawe kopi y'inyandiko aregeye urukiko, ibikorwa by'ubucuruzi bifatirwa nyuma y'umunsi wa makumyabiri (20) w'akazi kuva igihe ikirego gitangiwe.

Iyo umuntu umwe cyangwa benshi mu bashyikirijwe inyandiko y'ikirego aregeye urukiko, gufatira ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa kuva ku munsi icyemezo cyafatiwe ku kirego cya nyuma, keretse iyo urukiko rubitegetse ukundi.

the liquidator or trustee wishes to recover;

2° serve a copy of the notice on the person with whom the transaction was entered into, and on every other person from whom the liquidator or trustee wishes to recover the matter.

Any person who would be affected by the setting aside of the transaction specified in the notice and considers that the transaction is not voidable may apply to the court for an order that such transaction not be set aside.

Unless a person on whom the notice was served has applied to the court, the transaction is set aside as from the twentieth (20) working day after the date of service of the notice.

Where one or more persons on whom the notice was served have applied to the court, the transaction is set aside as from the day on which the last such application is finally determined, unless the court orders otherwise.

2° signifier une copie de l'avis à la personne avec laquelle la transaction a été conclue, et à toute autre personne auprès de laquelle le liquidateur ou le curateur souhaite récupérer l'affaire.

Toute personne qui serait affectée par la mise de côté de la transaction précisée dans l'avis et qui estime que la transaction n'est pas annulable peut demander à la juridiction d'ordonner que cette transaction ne soit pas annulée.

À moins qu'une personne à qui l'avis a été signifié ait présenté une demande à la juridiction, l'opération est annulée à compter du vingtième (20) jour ouvrable suivant la date de signification de l'avis.

Lorsqu'une ou plusieurs personnes à qui l'avis a été signifié ont déposé une demande auprès de la juridiction, l'opération est annulée à compter du jour où la dernière demande est définitivement déterminée, à moins que la juridiction n'en décide autrement.

Igihe ibikorwa by'ubucuruzi bifatiriwe, uwo byagizeho ingaruka amaze kuzibukira inyungu yari abifitemo, akurikirana agaciro k'iyo nyungu mu gihe cyo kwegeranya no kugabagabana umutungo w'isosiyete yasheshwe cyangwa yahombye.

**<u>Ingingo ya 208</u>: Inkurikizi zo gukuraho ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro**

Iyo ibikorwa by'ubucuruzi bifatiriwe, urukiko rushobora gufata kimwe mu byemezo bikurikira:

1° icyemezo gitegeka umuntu kwishyura ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye umubare w'amafaranga ajyanye n'inyungu yakuye mu bucuruzi;

2° icyemezo gitegeka ko umutungo watanzwe nk'igicuruzwa usubizwa isosoyete cyangwa mu mutungo w'uwahombye;

3° icyemezo gitegeka ko umutungo ushyirwa mu maboko y'isosiyete cyangwa y'umucungamutungo w'uwahombye nk'inyungu ikomoka ku

Where a transaction is set aside, any person affected may, after giving up the benefit of the transaction, claim for the value of the benefit as a creditor in the liquidation or bankruptcy.

**<u>Article 208</u>: Effect of setting aside voidable transactions**

Where a transaction is set aside, the court may make one or more of the following orders:

1° an order requiring a person to pay to the liquidator or trustee a fair sum in respect of benefits received by that person as a result of the transaction;

2° an order requiring property transferred as part of the transaction to be restored to the company or the bankrupt's estate;

3° an order requiring property to be vested in the company or the trustee representing the proceeds of sale of property or of the money transferred;

Lorsqu'une transaction est annulée, toute personne affectée peut, après avoir renoncé au bénéfice de la transaction, réclamer la valeur de la prestation en tant que créancier dans la liquidation ou la faillite.

**<u>Article 208</u>: Effet de l'annulation des transactions annulables**

Lorsqu'une transaction est annulée, la juridiction peut rendre une ou plusieurs des ordonnances suivantes:

1° une ordonnance obligeant une personne à verser au liquidateur ou au curateur une somme équitable à l'égard des avantages qu'elle a reçus à la suite de la transaction;

2° une ordonnance exigeant que les biens cédés dans le cadre de la transaction soient restitués à la société ou aux biens du failli;

3° une ordonnance exigeant que des biens soient dévolus à la société ou au curateur représentant le produit de la vente de biens ou de l'argent transféré;

igurishwa ry'uwo mutungo cyangwa amafaranga yatanzwe;

4° icyemezo gitegeka gusubiza isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye ingwate cyangwa igice cyayo;

5° icyemezo gitegeka gutanga ingwate ho ubwishyu buteganywa n'icyemezo kivugwa muri iyi ngingo;

6° icyemezo kigena uburenganzira bw'uwagizweho ingaruka no guhagarika ubucuruzi, umwanzuro cyangwa icyemezo, bwo kuburana umwenda aberewemo mu gihe cyo kwegeranya no kugabagabana umutungo w'isosiyete yasheshwe cyangwa yahombye.

**<u>Ingingo ya 209</u>: Uburenganzira busanzweho mu gihe cy'ikurwaho ry'ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro**

Gufatira ibikorwa by'ubucuruzi, umwanzuro cyangwa icyemezo bivugwa mu ngingo ibanziriza iyi ntibigira ingaruka ku burenganzira cyangwa inyungu umuntu afite ku mutungo yabonye:

1° awukuye ku wundi muntu utari isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye;

4° an order releasing, in whole or in part, a charge given by the company or individual;

5° an order requiring security to be given for the discharge of an order made under this Article;

6° an order specifying the extent to which a person affected by the setting aside of a transaction, a declaration or order made under this article is entitled to claim as a creditor in the liquidation or bankruptcy.

**<u>Article 209</u>: Acquired rights during setting aside voidable transactions**

The setting aside of a transaction, a declaration or order made under preceding article does not affect the title or interest of a person in the property which that person has acquired:

1 º from a person other than the company or individual;

4° une ordonnance libérant, en totalité ou en partie, une charge donnée par la société ou l'individu;

5° une ordonnance exigeant la garantie d'un ordre donné en vertu du présent article;

6° une ordonnance précisant dans quelle mesure une personne affectée par l'annulation d'une transaction, une déclaration ou une ordonnance faite en vertu du présent article a le droit de réclamer comme créancier dans la liquidation ou la faillite.

**<u>Article 209</u>: Droits acquis au cours de l'annulation des transactions annulables**

L'annulation d'une transaction, d'une déclaration ou d'une ordonnance faite en vertu de l'article précédent n'affecte pas le titre ou le droit d'une personne dans les biens que cette personne a acquis:

1° d'une personne autre que la société ou l'individu;

2° ku gaciro k'amasezerano;

3° atazi ko umuntu wa kabiri uvugwa yabuguze n'isosiyete cyangwa umuntu ku giti cye.

Kugaruza umutungo cyangwa agaciro kawukomokaho bikozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye bishobora guteshwa agaciro byose cyangwa igice cyabyo iyo:

1° usabwa gusubiza umutungo yawubonye mu nzira zitarimo uburiganya akawugurisha yumva neza ko kuwutanga cyangwa ubwishyu bwawo bikurikije amategeko kandi ko bitazahagarikwa;

2° mu bushishozi bw'urukiko icyemezo cyo kugaruza umutungo cyangwa igice cyawo bidakwiriye.

2 º for valuable consideration;

3 º without knowledge of the circumstances of the transaction under which the second-mentioned person acquired the property from the company or individual.

Recovery by the liquidator or trustee of any property or the value thereof may be denied wholly or partially if:

1 º the person from whom recovery is sought received the property in good faith and has altered his or her position in the reasonably held belief that the transfer or payment of the property to that person was validly made and would not be set aside;

2 º in the opinion of the court it is inequitable to order partial or full recovery.

2° pour une contrepartie valable;

3° sans connaître les circonstances de l'opération en vertu de laquelle la deuxième personne a acquis les biens de la société ou du particulier.

Le recouvrement par le liquidateur ou le curateur de tout bien ou de leur valeur peut être refusé en tout ou en partie si:

1° la personne de qui le recouvrement est demandé a reçu le bien de bonne foi et a modifié sa position dans la conviction raisonnable que la cession ou le paiement des biens à cette personne a été valablement effectué et ne sera pas annulé;

2° de l'avis de la juridiction, il est inéquitable d'ordonner un recouvrement partiel ou total.

**UMUTWE WA IX: IMIGENDEKERE Y'INAMA Y'ABABEREWEMO IMYENDA N'IYA KOMITE ISHINZWE UBUGENZUZI**

**Icyiciro cya mbere: Imigengekere y'inama y'ababerewemo imyenda**

**Ingingo ya 210: Uburyo inama ziterana**

Inama y'ababerewemo imyenda ikorwa:

1° hateranye ababerewemo imyenda bafite uburenganzira bwo kuyigiramo uruhare bahisemo kuyitabira ahantu, ku itariki n'isaha izaberaho;

2° hakoreshejwe itumanaho rikoreshejwe amajwi cyangwa amajwi n'amashusho ababerewemo imyenda bitabiriye inama bashobora kumvikaniraho icyarimwe igihe cyose inama iteranye;

3° hakoreshejwe itora rinyuzwa mu iposita cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho ku baberewemo imyenda bafite uburenganzira bwo kuyitabira.

Ikigo cy'ubucuruzi kiberewemo umwenda gishobora gushyiraho ugihagararira akitabira

**CHAPTER IX: PROCEEDINDS OF THE MEETING OF CREDITORS AND COMMITTEE OF INSPECTION**

**Section One: Proceedings of the meeting of creditors**

**Article 210: Methods of holding meetings**

A meeting of creditors are held by:

1 º assembling together those creditors entitled to take part and who choose to attend at the place, date and time appointed for the meeting;

2 º means of audio or audio and visual communication by which all creditors participating can simultaneously hear each other throughout the meeting;

3 º conducting a postal ballot of those creditors entitled to take part or by any other communication means.

A body corporate which is a creditor may appoint a representative to attend a meeting of creditors on its behalf.

**CHAPITRE IX: PROCEDURE DE LA REUNION DES CREANCIERS ET COMITE D'INSPECTION**

**Section première: Procédure de la réunion des créanciers**

**Article 210: Méthodes de la tenue des réunions**

Une réunion des créanciers est tenue par:

1° la réunion des créanciers qui ont le droit d'y participer et qui choisissent de se présenter à l'endroit, la date et l'heure fixée par la réunion;

2° moyens de l'audio ou de communication audio-visuelle par lequel tous les créanciers y participant peuvent simultanément s'entendre tout au long de la réunion;

3° réalisation d'un vote des créanciers par poste ou tout autre moyen de communication.

Une personne morale qui est un créancier peut désigner un représentant pour participer à une réunion des créanciers en son nom.

inama y'ababerewemo imyenda mu izina ryacyo.

Inama y'abarewemo imyenda ishobora gushyiraho amabwiriza agena imigendekere yayo.

A meeting of creditors may regulate its own procedure.

Une réunion des créanciers peut réglementer sa propre procédure.

**Ingingo ya 211: Imenyesha ry'inama**

Imenyesha ryanditse ry'igihe n'ahantu, uburyo bw'itumanaho n'igihe n'aderesi byo kugarura impapuro z'itora bya buri nama igomba gukorwa zigomba guhabwa buri wese uberewemo umwenda ufite uburenganzira bwo kwitabira inama no k'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo uwo ari we wese mu gihe kitari munsi y'iminsi icumi (10) y'akazi mbere y'inama.

Imenyesha rigomba gusobanura amakuru ahagije y'imiterere y'ibikorwa by'ubucuruzi bizakorwa mu gihe cy'inama kugira ngo bifashe uberewemo umwenda kugira imitekerereze ikwiye ku birebana nayo, atunganye inyandiko ijyanye n'umwanzuro azatanga mu nama anashyiremo urupapuro rw'itora kubijyanye na buri mwanzuro, gutora n'amabwiriza y'iyohereza.

Inenge mu imenyesha ry'inama ntitesha agaciro ibyakozwe mu nama iyo inenge idakomeye cyangwa aberewemo imyenda bose bafite

**Article 211: Notice of meeting**

Written notice of the time and place, method of communication and the time and address for the return of voting papers for every meeting to be held must be given to every creditor entitled to attend the meeting and to any liquidator not less than ten (10) working days before the meeting.

The notice must state the nature of the business to be transacted at the meeting in sufficient detail to enable a creditor to form a reasoned judgment in relation of it, set out the text of any resolution to be submitted to the meeting and include a voting paper in respect of each such resolution and voting and mailing instructions.

Any irregularity in a notice for a meeting shall not invalidate anything done by that meeting if not material or all the creditors entitled to attend

**Article 211: Avis de réunion**

Un avis écrit spécifiant l'heure et le lieu, la méthode de communication et l'heure et adresse pour le retour des bulletins de vote pour chaque réunion qui aura lieu doit être donné à chaque créancier ayant le droit de participer à la réunion et à tout liquidateur pas moins de dix (10) jours ouvrables avant la réunion.

L'avis doit indiquer la nature des affaires à traiter lors de la réunion avec suffisamment de détails pour permettre à un créancier de former un jugement éclairé en rapport avec, d'établir le texte de la résolution à soumettre à la réunion et inclure un papier de vote pour chaque résolution, vote et instructions d'envoi.

Toute irrégularité dans l'avis d'une réunion ne doit pas invalider tout acte accompli par la réunion si elle n'est pas matérielle ou tous les

uburenganzira bwo kwitabira inama bayitabiriye batanze iyo nenge cyangwa iyo ababerewemo imyenda bose babona iyo nenge idateye ikibazo.

Iyo inama isubitswe mu gihe cy'iminsi iri munsi ya mirongo itatu (30), ntibiba ngombwa ko hatangwa imenyesha ry'ahantu n'isaha by'aho inama isubitswe izabera usibye kubitangaza muri iyo nama isubistwe.

**<u>Ingingo ya 212</u>: Umuyobozi w'inama y'ababerewemo imyenda**

Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igigombo watumije inama y'ababerewemo imyenda ni we uyiyobora. Uko byagenda kose, iyo atabonetse ucunga cyangwa uzahura igihombo cyangwa se akaba adahari, ababerewemo imyenda bitabiriye inama bitoranyamo umwe mu ribo akayobora inama.

**<u>Ingingo ya 213</u>: Itora mu nama y'ababerewemo imyenda**

Muri buri nama, uretse aho biteganyijwe ukundi muri iri tegeko , uberewemo umwenda aba yemerewe gutora inshuro mpuzandengo zingana n'ingano y'umwenda aberewemo ugereranyije n'igiteranyo cy'imyenda y'ababerewemo imyenda bose, iyo hari ibyiciro

and vote at the meeting attend the meeting without protest as to the irregularity or if all such creditors agree to waive the irregularity.

If a meeting is adjourned for less than thirty (30) days, it is not necessary to give notice of the time and place of the adjourned meeting other than by announcement at the meeting which is adjourned.

**<u>Article 212</u>: Chair of meeting of creditors**

An insolvency practitioner who convenes the meeting of creditors chairs the meeting. In any case where there is no an insolvency practitioner or the insolvency practitioner is not present, the creditors participating choose one of them to chair the meeting.

**<u>Article 213</u>: Voting at the meeting of creditors**

Unless this Law provides otherwise, each creditor is, at any meeting, entitled to cast a number of votes proportionate to the value which the amount of the debt owing to that creditor bears to the aggregate of the debts owning to all creditors or, if there is more than

créanciers ayant droit d'assister à la réunion sans protester quant à l'irrégularité ou si tous ces créanciers conviennent de renoncer à l'irrégularité.

Si une réunion est ajournée en de ça trente (30) jours, il n'est pas nécessaire de donner avis de l'heure et du lieu de la reprise autrement que par l'annonce à la réunion qui est ajournée.

**<u>Article 212</u>: Président de la réunion des créanciers**

Un praticien de l'insolvabilité qui convoque la réunion des créanciers la préside. Dans tous les cas où il n'y a pas un praticien de l'insolvabilité ou le praticien de l'insolvabilité n'est pas présent, les créanciers participants choisissent l'un d'entre eux pour présider la réunion.

**<u>Article 213</u>: Vote à la réunion des créanciers**

Sauf si la présente loi le prévoit autrement, chaque créancier a le droit d'exprimer, à chaque réunion, un nombre de voix proportionnel à la valeur que le montant de la dette lui due porte à l'ensemble des dettes de tous les créanciers ou, s'il y a plusieurs catégories de créanciers, à

byinshi by'ababerewemo imyenda, harebwa igiteranyo cy'imyenda ababerewemo imyenda bose bahuje icyiciro baberewemo.

Umwanzuro ufatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abatoye, keretse ku ngingo zihariye zisaba ubwiganze burenzeho buteganywa n'iri tegeko. Ijwi ry'uberewemo umwenda uyoboye inama ntirikemura impaka.

**Ingingo ya 214: Itora rinyuzwa mu iposita**

Uberewemo umwenda wemerewe gutora mu nama y'ababerewemo imyenda afite uburenganzira bwo gutora abinyujije mu iposita cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho ku kibazo gifatirwa umwanzuro mu nama.

Imenyesha ry'inama iyo ari yo yose rigomba kugaragaza izina ry'umuntu wemerewe kwakira no kubara amajwi yanyujijwe mu iposita ku birebana n'iyo nama. Iyo nta muntu wemerewe kwakira no kubara amajwi yanyujijwe mu iposita kubirebana n'iyo nama. Iyo nta muntu uvugwa ko yemerewe mu nyandiko imenyesha inama, buri muyobozi cyangwa iyo sosiyete mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo afatwa nk'aho ari we wemerewe.

one class of creditors, to the aggregate of the debts owning to all creditors of the class to which that creditor belongs.

A resolution is adopted if approved by a majority of the votes cast, unless in the particular case a greater majority is required by this Law. A creditor chairing the meeting does not have a casting vote.

**Article 214: Postal ballot**

Any creditor entitled to vote at a meeting of creditors may exercise the right to vote by casting a postal vote or by any other communication means in respect of any matter to be decided at the meeting.

The notice of any meeting must state the name of the person authorised to receive and count postal votes in respect of that meeting. If no person has been authorised to receive and count postal votes in respect of a meeting or if no person is named as being so authorised in the notice of the meeting, every director or if the company is in liquidation, the liquidator is considered to be so authorised.

l'ensemble des dettes appartenant à tous les créanciers de la catégorie à laquelle appartient ce créancier.

Une résolution est adoptée si elle est approuvée à la majorité des voix exprimées, à moins que, dans le cas particulier, une plus grande majorité soit requise par la présente loi. Un créancier qui préside la réunion n'a pas de voix prépondérante.

**Article 214: Votes par poste**

Tout créancier ayant le droit de voter à une réunion des créanciers peut exercer son droit de vote par poste ou tout autre moyen de communication sur toute question devant être décidée lors de la réunion.

L'avis de toute réunion doit indiquer le nom de la personne habilitée à recevoir et compter les votes par poste à l'égard de cette réunion. Lorsque personne n'est nommée comme étant autorisée dans l'avis de la réunion, chaque administrateur, ou si la société est en liquidation, le liquidateur est réputé être ainsi autorisé.

Uberewemo umwenda ashobora gutora abinyujije mu iposita ku bibazo byose cyangwa bimwe muri byo akoresheje urupapuro rw'itora yanditseho akarwohererereza umuntu wemerewe kwakira no kubara amajwi anyujijwe mu iposita ku birebana n'iyo nama, kugira ngo bibe byagejewe kuri uwo muntu bitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) mbere y'itangira ry'inama cyangwa bitaranze itariki yateganyijweho kuba urwo rupapuro rw'itora rwagaruwe.

**<u>Ingingo ya 215</u>: Ikusanya n'ibara ry'amajwi anyuzwa mu iposita**

Ni inshingano ya buri muntu wemerewe kwakira no kubara amajwi anyuzwa mu iposita:

1° gukusanya amajwi yose anyuzwa mu iposita yakiriye nawe cyangwa yakiriwe n'undi muntu ubyemerewe;

2° ku bijyanye na buri mwanzuro ugomba gutorwa, kubara umubare w'ababerewemo imyenda batora bashyigikira umwanzuro, umubare w'amajwi watowe na buri wese uburewemo umwenda, umubare w'ababerewemo imyenda batora badashyigikira umwanzuro n'umabare w'amajwi watowe na buri wese

A creditor may cast a postal vote on all or any of the matters to be voted on at the meeting by sending a marked voting paper to a person authorised to receive and count postal votes in respect of that meeting, so as to reach that person not later than twenty-four (24) hours before the start of the meeting or not later than the date indicated for the return of the voting paper.

**<u>Article 215</u>: Collecting and counting postal votes**

It is the duty of a person authorised to receive and count postal votes in respect of a meeting to:

1° collect together all postal votes received by him or her or by any other authorised person;

2° in respect of each resolution to be voted on, to count the number of creditors voting in favour of the resolution, the number of votes cast by each creditor in favour of the resolution, the number of creditors voting against the resolution and the number of votes cast by each creditor against the resolution;

Un créancier peut exprimer un vote par poste sur toutes ou quelques questions devant être votées lors de la réunion en envoyant un bulletin de vote marqué à une personne habilitée à recevoir et compter les votes respectifs de cette réunion, afin d'atteindre cette personne au plus tard vingt-quatre (24) heures avant le début de la réunion ou au plus tard à la date indiquée pour le retour du bulletin vote.

**<u>Article 215</u>: Collecte et comptage des votes par poste**

Il est du devoir d'une personne habilitée à recevoir et compter les votes par poste à l'égard d'une réunion à:

1° rassembler tous les votes par poste reçus par ce dernier ou par toute autre personne autorisée;

2° à l'égard de chacune des résolutions devant être votée, pour compter le nombre de créanciers votant en faveur de la résolution, le nombre de suffrages exprimés par chaque créancier en faveur de la résolution, le nombre de créanciers votant contre la résolution et le nombre de

uburewemo umwenda udashyikira umwanzuro;

3° gusinya icyemezo kigaragaza ko yakoze inshingano ze kandi kigaragaza ibyavuye mu ibarura;

4° kwitondera ko icyemezo gishyikirizwa umuntu uyoboye cyangwa watumije inama.

Iyo habayeho itora mu nama ku mwanzuro uwo ariwo wose watowe hakoreshejwe iposita, uyoboye inama abara amajwi yose yatowe na buri uberewemo umwenda wohereza urupapuro rwanditseho ko ashyigikira cyangwa adashyigikira umwanzuro.

Icyemezo icyo ari cyo cyose gitangwa mu buryo buvugwa mu gika cya mbere agace ka 3° n'aka 4° ku bijyanye n'itora rinyuzwa mu iposita rirebana n'inama iyo ariyo yose y'ababerewemo imyenda cyomekwa ku nyandikomvugo y'inama.

**<u>Ingingo ya 216</u>: Inyandikomvugo y'inama y'ababerewemo imyenda**

Umuntu uyoboye inama y'ababerewemo imyenda agomba kwitondera ko inyandiko mvugo y'imigendekere y'inama yuzuye kandi

3° sign a certificate that he or she has carried out his or her duties and stating the results of the counts;

4° ensure that the certificate is presented to the person chairing or convening the meeting.

If a vote is taken at a meeting on any resolution on which postal votes have cast, the person chairing the meeting counts the votes cast by each creditor who has sent in a voting paper duly marked as for or against the resolution.

Any certificate given under Paragraph One, item 3° and 4° in relation to the postal votes cast in respect of any meeting of creditors is annexed to the minutes of the meeting.

**<u>Article 216</u>: Minutes of meeting of creditors**

The person chairing a meeting of creditors ensures that full and accurate minutes are kept of all proceedings. Minutes which have been

suffrages exprimés par chaque créancier contre la résolution;

3° signer un certificat qu'il a effectué ses attributions tout en indiquant les résultats des comptes;

4° veiller à ce que le certificat soit remis à la personne qui préside ou qui a convoqué la réunion.

Si un vote est pris lors d'une réunion sur la résolution sur laquelle les votes par poste sont terminés, la personne qui préside la réunion doit compter les suffrages exprimés par chaque créancier qui a envoyé dans un bulletin de vote dûment spécifiant qu'il a voté pour ou contre la résolution.

Tout certificat donné en vertu du paragraphe premier point 3° et 4° en ce qui concerne les votes par poste exprimés à l'égard de toute réunion des créanciers est annexé au procès-verbal de la réunion.

**<u>Article 216</u>: Procès-verbal de la réunion des créanciers**

La personne qui préside une réunion des créanciers veille à ce que des procès-verbaux complets et exacts soient tenus de toutes les

ari ukuri ikabikwa. Inyandiko mvugo yasinywe n'umuyobozi w'inama cyangwa uwayitumije ni ikimenyetso cy'ibanze cy'imigendekere y'inama.

**Icyiciro cya 2: Imigendekere y'inama ya komite zishinzwe ubugenzuzi**

**Ingingo ya 217: Inshuro inama za komite y'ubugenzuzi ziterana**

Komite iterana igihe icyo ari cyo cyose bitewe n'uko ibintu bimeze cyangwa umwe mu bagize komite abona ko ari ngombwa.

**Ingingo ya 218: Ubwiganze**

Inama ya Komite iterana hari ubwiganze bw'abayigize. Ifata ibyemezo ku bwiganze bw'abitabiriye inama.

**Ingingo ya 219: Iyegura n'ikurwaho ry'ugize komite**

Ugize komite ashobora kwegura akabimenyesha mu nyandiko yashyizeho umukono we akayohererezа ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye, bitewe n'uko ibintu bimeze.

signed by the person chairing or convening the meeting are prima facie evidence of the proceedings.

**Section 2: Proceedings of meeting of committees of inspection**

**Article 217: Frequency of meetings of committees of inspection**

The committee meets whenever the conditions so require or where one of its members deems it necessary.

**Article 218: Majorities**

The committee meets when the majority of all its members are present. The decisions of the creditor' committee are taken by a vote of the majority of the members present.

**Article 219: Resignation and removal of a member**

A member of the committee may resign by notice in writing signed by him or her and delivered to the liquidator or trustee as the case may be.

procédures. Les procès-verbaux qui ont été signés par la personne qui préside ou convoque la réunion constituent une preuve prima facie de la procédure.

**Section 2: Procédures de la réunion des comités d'inspection**

**Article 217: Fréquence des réunions des comités d'inspection**

Le comité se réunit chaque fois que les conditions l'exigent ou lorsque l'un de ses membres le juge nécessaire.

**Article 218: Majorités**

Le comité se réunit lorsque la majorité de ses membres sont présents. Ses décisions sont prises à la majorité des membres présents.

**Article 219: Démission et destitution d'un membre**

Un membre du comité peut démissionner par avis écrit signé par lui et remis au liquidateur ou curateur, selon le cas.

Ugize komite ashobora gukurwaho n'umwanzuro wafatiwe mu nama y'ababerewemo imyenda, iyo ugize komite ahagarariye ababerewemo imyenda, cyangwa uw'abanyamigabane iyo ugize komite ari bo ahagarariye, kandi uwo mwanzuro ugaragaza impamvu y'inama, bakaba bawumenyeshejwe mu gihe k'iminsi itanu (5) y'akazi.

A member of the committee may be removed by a resolution carried at a meeting of creditors, if the member represents creditors, or of shareholders, if the member represents shareholders, of within five (5) working days' notice has been given, stating the object of the meeting.

Un membre du comité peut être destitué par une résolution adoptée lors d'une réunion des créanciers, si le membre représente les créanciers ou des actionnaires, si le membre représente les actionnaires, et cette résolution indiquant l'objet de la réunion, doit avoir été notifiée endéans cinq (5) jours ouvrables.

**UMUTWE WA X: INGINGO ZIHURIWEHO N'ABAKORA UMWUGA WO KUZAHURA UBUCURUZI CYANGWA GUCUNGA IGIHOMBO.**

**CHAPTER X: COMMON PROVISIONS TO INSOLVENCY PRACTITIONERS**

**CHAPITRE X: DISPOSITIONS COMMUNES AUX PRATICIENS DE L'INSOLVABILITÉ**

**Ingingo ya 220: Abantu bemerewe gukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi no gucunga igihombo**

**Article 220: Persons qualified to act as insolvency practitioners**

**Article 220: Personnes qualifiées pour agir en tant que praticiens de l'insolvabilité**

Nta muntu wemerewe gukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo keretse abiherewe uruhushya.

A person shall not act as an insolvency practitioner unless he or she is licensed.

Personne ne peut agir en qualité de praticien de l'insolvabilité que s'il est agréé.

Icyakora, kuba umuntu atemerewe gukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ntibitesha agaciro imirimo yakoranye n'undi muntu utari uzi ko atabifitiye uruhushya, keretse urukiko rubitegetse ukundi.

However, the fact that a person is not qualified to act as an insolvency practitioner does not affect the validity of anything done with a bona fide third party while so acting, unless the court orders otherwise.

Toutefois, le fait qu'une personne ne soit pas qualifiée pour agir en tant que praticien de l'insolvabilité n'affecte pas la validité de tout ce qui a été fait avec un tiers de bonne foi pendant qu'elle agit ainsi, à moins que la juridiction n'en décide autrement.

Iteka rya Minisitiri rishyiraho imitunganyirize, imikorere, uburyo bwo gutanga impushya n'umushahara by'abakora umwuga wo

A Ministerial Order determines the organisation, functioning, licensing and professional fees for insolvency practitioners.

Un arrêté ministériel détermine l'organisation, le fonctionnement, l'octroi des licences et les

kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo.

frais professionnels des praticiens de l'insolvabilité.

**Ingingo ya 221: Abantu batemerewe gukora nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo**

Abantu bakurikira ntibashobora gushyirwaho kugira ngo bakore nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo:

1 º uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi bireba cyangwa isosiyete y'ubucuruzi ifitanye isano nayo;

2 º umuntu, mu myaka ibiri (2) ibanza, wabaye umunyamigabane, umuyobozi cyangwa umugenzuzi w'isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa isosiyete y'ubucuruzi ifitanye isano nayo.

**Article 221: Persons disqualified from acting as liquidator or administrator**

The following persons may not be appointed or act as a liquidator or administrator:

1° a creditor of the company concerned or of a related company;

2° a person who has, within the previous two (2) years, been a shareholder, director or auditor of the company in liquidation or of any related company.

**Article 221: Personnes non qualifiées à agir comme liquidateur ou administrateur**

Les personnes suivantes ne peuvent pas être nommées ni agir en tant que liquidateur ou administrateur:

1 º un créancier de la société commerciale concernée ou d'une société liée;

2 º une personne qui, au cours des deux (2) années précédentes, a été actionnaire, administrateur ou auditeur de la société commerciale en liquidation ou de toute société liée.

**Ingingo ya 222: Abantu batemerewe gukora nk'umucungamutungo w'uwahombye cyangwa umugenzuzi**

Uberewemo umwenda n'umuntu ku giti cye ntashobora gushyirwaho cyangwa gukora nk'umugenzuzi w' ubwumvikane bw'umuntu

**Article 222: Persons disqualified from acting as trustee or supervisor**

A creditor of an individual may not be appointed or act as a supervisor of an individual's arrangement or as a trustee of his or her estate.

**Article 222: Personnes non qualifiées à agir en tant que curateur ou superviseur**

Un créancier d'un particulier ne peut pas être nommé ou agir comme superviseur de l'arrangement d'un particulier ou comme le curateur de ses biens.

ku giti cye cyangwa umucungamutungo w'uwahombye w'umutungo we.

**Ingingo ya 223: Icyemezo kibuza**

Iyo urukiko rubonye ibimenyetso bigaragaza ko umuntu yakomeje kurangwaho kutuzuza inshingano ze nk'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo bitewe no kutubahiriza ibikubiye muri iri tegeko cyangwa irindi kosa rikomeye, Umwanditsi Mukuru afata icyemezo cyo kumuhagarika mu gihe kitarengeje imyaka itanu (5).

Igihe cyose icyemezo cy'urukiko kibuza kivugwa mu gika cya mbere kigikurikizwa ku bijyanye n'umuntu uwo ariwe wese, uwo muntu, bihereye icyo gihe ahita areka gukora nk'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kandi bigafatwa nk'uwakuwe kuri uwo mwanya.

Iyo ku nshuro ebyiri cyangwa zirenga mu gihe cy'imyaka itanu (5) ishize umuntu yakoraga nk'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo, urukiko rwafashe icyemezo kigomba kubahirizwa n'uwo muntu, kandi akaba atarabyubahirije nyuma y'uko ikirego gitanzwe ariko mbere y'iburanisha, bishobora kuba ikimenyetso cyo gukomeza kutubahiriza ibitegetswe bivugwa muri iri tegeko.

**Article 223: Prohibition order**

Where it is shown to the satisfaction of the court that a person is unable to act as insolvency practitioner by reason of persistent failures to comply within the meaning of this Law or the seriousness of any failure to comply, the Registrar General must make a decision to suspend that person for a period not exceeding five (5) years.

For so long as a prohibition court order under Paragraph One remains in force in respect of any person, that person, with immediate effect may not act as insolvency practitioner, and is considered to have been removed from any office as such.

If on two or more occasions within the preceding five (5) years, while a person was acting as insolvency practitioner, a court made an order to comply in respect of that person or an application for an order to comply was made in respect of that person and the person has not complied after the making of the application and before the hearing, may be evidence of persistent failure to comply with the provisions of this Law.

**Article 223: Ordonnance d'interdiction**

Lorsqu'il est démontré à la satisfaction de la juridiction qu'une personne est incapable d'agir en tant que praticien de l'insolvabilité en raison de manquements persistants au sens de la présente loi ou de la gravité de tout manquement, le Registraire général peut suspendre cette personne pendant une période n'excédant pas cinq (5) ans.

Toute les fois qu'une ordonnance judiciaire d'interdiction visée l'alinéa premier reste en vigueur à l'égard de toute personne, cette personne, avec effet immédiat ne peut agir en tant que praticien de l'insolvabilité et est réputée avoir été révoquée de ce poste comme tel.

Si à la deuxième ou aux plusieurs reprises endéans cinq (5) ans précédents, même si une personne agissait comme praticien de l'insolvabilité, une juridiction a rendu une ordonnance obligeant cette personne de se conformer ou une demande d'ordonnance de se conformer a été faite à l'égard de cette personne et que celle-ci ne l'a pas respectée, après la transmission de la demande et avant l'audience,

peut-être la preuve du persistant non-respect des dispositions de la présente loi.

Imiburanishirize yose yerekeye ikirego gisaba gufata icyemezo ivugwa muri iyi ngingo igomba gishyikirizwa Umwanditsi Mukuru nawe akabika kopi y'icyo kirego muri dosiye ifite ikimenyetsoshakiro gihura n'amazina y'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo bireba.

All proceedings relating to any application for an order under this Article must be served on the Registrar General who must keep a copy of the proceedings on a public file indexed by reference to the name of the insolvency practitioner concerned.

Toutes les procédures relatives à une demande d'une ordonnance en vertu du présent article doivent être notifiées au Registraire général qui doit conserver une copie de la procédure d'un dossier public indexé par référence au nom du praticien de l'insolvabilité concerné.

**Ingingo ya 224:Ubusaze**

Ikirego cyose kirebana n'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kivuka mu gihe cyo kurangiza inshingano ze kigomba kuba cyatanzwe mu gihe kitarenze imyaka itatu (3) ikurikira igihe ibikorwa by'ikurikirana ry'igihombo byashorejwe cyangwa ku itariki icyemezo ry'isoza kibereye ndakuka.

**Article 224: Prescription**

Any action against an insolvency practitioner arising from discharging his or her duties must be filed within three (3) years following the date of conclusion of the insolvency proceedings or on the day the order of conclusion is final.

**Article 224: Prescription**

Toute action intentée contre un praticien de l'insolvabilité dans l'exercice de ses fonctions doit être déposée endéans trois (3) ans suivant la date de la conclusion de la procédure d'insolvabilité ou le jour où l'ordonnance de conclusion est définitive.

## UMUTWE WA XI: IBYAHA N'IBIHANO

## CHAPTER XI: OFFENCES AND PENALTIES

## CHAPTITRE XI: INFRACTIONS ET PEINES

**Ingingo ya 225: Gukora utujuje ibisabwa**

Umuntu wese ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kandi atujuje ibisabwa, aba akoze icyaha.

**Article 225: Acting without qualification**

Any person who acts as an insolvency practitioner at a time when he or she is not qualified to do so, commits an offence.

**Article 225: Agir sans qualification**

Toute personne qui agit comme un praticien de l'insolvabilité alors qu'elle n'en a pas la qualité, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarengeje imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarengeje miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**<u>Ingingo ya 226</u>: Gutoroka**

Umuntu wese, mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa haratanzwe ikirego gisabira isosiyete y'ubucuruzi gushyirwa mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa mu gihombo :

1° uva cyangwa ugerageza kuva mu Rwanda agamije guhunga inshingano ze;

2° uhisha cyangwa wimura umutungo agamije kubuza cyangwa gutinza gucunga cyangwa kugenzura umutungo bikozwe n'umucungamutungo w'uwahombye;

3° wangiza, uhisha cyangwa wimura inyandiko agamije uburiganya cyangwa guhisha imiterere y'ibibazo bye, aba akoze icyaha.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months but not more than two (2) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or one of these penalties.

**<u>Article 226</u>: Absconding**

Where a company is in liquidation or an application has been made to the court for an order that a company be put into liquidation or an individual is declared bankrupt, commits an offence, any person who:

1° leaves or attempts to leave Rwanda with the intention of avoiding his or her obligations;

2° conceals or removes property with the intention of preventing or delaying the assumption of custody or control by the trustee;

3° destroys, conceals or removes record with the intent of defrauding or concealing the state of his or her affairs, commits an offence.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais ne dépassant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille (500.000 FRW) francs rwandais mais ne dépassant pas deux millions (2.000.000 FRW) de francs rwandais ou de l'une de ces peines.

**<u>Article 226</u>: Fuite**

Lorsqu'une société commerciale est en liquidation ou qu'une demande de mise en liquidation d'une société commerciale ou de faillite a été faite devant la juridiction, commet une infraction, toute personne qui:

1° quitte ou tente de quitter le Rwanda avec l'intention d'éviter ses obligations;

2° dissimule ou enlève des biens avec l'intention d'empêcher ou de retarder la prise de la garde ou du contrôle par le curateur;

3° détruit, dissimule ou retire un dossier avec l'intention de frauder ou de dissimuler l'état de ses affaires, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**<u>Ingingo ya 227</u>: Kubona inguzanyo no kwinjira mu bikorwa by'ubucuruzi**

Umuntu wese wahombye:

1 º ubona, we ku giti cye cyangwa afatanyije n'undi muntu, inguzanyo ntamenyeshe uyimuhaye ko yahombye kandi akaba atarahanagurwaho igihombo;

2 º winjiye mu bikorwa by'ubucuruzi mu buryo butaziguye cyangwa buziguye akoresheje izina rinyuranye n'iryo yahombye yitwa kandi akarihisha abo bakorana ubucuruzi, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months but not more than two (2) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs(FRW 500,000) but not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or one of these penalties

**<u>Article 227</u>: Obtaining credit and engaging in business**

Any bankrupt who:

1 º obtains, either alone or jointly with any other person without informing the person from whom he or she obtains it that he or she is an undischarged bankrupt;

2 º engages, whether directly or indirectly, in any business under a name other than that in which he was adjudged bankrupt without disclosing to all persons with whom he enters into any business transaction the name in which he or she was so adjudged, commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6)

Lorsqu'elle est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500 000 FRW) mais n'excédant pas deux millions (2.000.00 FRW) ou de l'une de ces peines.

**<u>Article 227</u>: Obtention de crédit et engagement dans les activités commerciales**

Tout failli qui:

1 º obtient, soit seul ou conjointement avec toute autre personne sans informer la personne de qui il l'obtient qu'il est un failli non-libéré;

2 º s'engage, directement ou indirectement, dans les activités commerciales sous un nom autre que celui dans lequel il a été déclaré en faillite sans divulguer à toutes les personnes avec lesquelles il conclut une transaction commerciale le nom sous lequel il a été ainsi déclaré, commet une infraction.

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six

kitarengeje imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarengeje miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano**.**

**<u>Ingingo ya 228</u>: Kutagira ibarumari nyarwo ry'ibikorwa by'ubucuruzi**

Umuntu wahombye winjira mu bucuruzi ku bushake bwe akamara imyaka ibiri (2) mbere y'ubusabe kandi ntiyuzuze ibitabo by'ibaruramari bigaragaza ishusho nyayo y'umutungo n'ibisobanuro by'uko ibikorwa by'ubucuruzi bihagaze, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitarengeje amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarengeje miliyoni imwe z'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

months but not more than two(2) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or one of these penalties.

**<u>Article 228</u>: Failure to keep proper accounts of business**

Any bankrupt who wilfully engages in any business for any of the period of two (2) years before petition and does not keep accounting records that give a true and fair view of the business' financial position and explain its transactions, commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) months but not more than six (6) months with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or one of these penalties.

(6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans avec une amende d'au moins cinq cent mille francs Rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.

**<u>Article 228</u>: Défaut de tenir une comptabilité appropriée des activités commerciales**

Tout failli qui exerce volontairement une activité commerciale pendant une période de deux (2) ans avant la demande et qui ne tient pas de dossiers comptables donnant une image fidèle de la situation financière des activités commerciales et expliquant ses transactions, commet une infraction.

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais n'excédant pas six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

**Ingingo ya 229: Kudatanga ifoto y'ibikorwa by'ubucuruzi**

Uwahombye wese, nta mpamvu ifatika ibimuteye, udaha umucungamutungo w'uwahombye ifoto y'ibikorwa bye by'ubucuruzi harimo ibisobanuro birambuye by'abo abereyemo imyenda, umutungo by'uwahombye n'andi makuru yasabwa, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitarengeje amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarengeje miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 230: Kudatanga imenyesha ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo udatanga imenyesha ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, aba akoze icyaha, uretse iyo agaragaje ko atari azi cyangwa atashoboraga mu buryo bukwiye gutegerezwaho kumenya ko yananiwe kubyubahiriza kandi akaba yarakoze ibishoboka byose kugira ngo ibisabwa bibe byarubahirijwe.

**Article 229: Failure to submit a statement of affairs**

Any bankrupt who, without reasonable excuse, fails to submit to the trustee a statement of his or her affairs including particulars of the bankrupt's creditors, debts, assets and such other information as may be prescribed, commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) months but not more than six (6) months with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or one of these penalties.

**Article 230: Failure to give notice of trusteeship**

Any trustee who fails to give notice of trusteeship, commits an offence, unless he or she proves that he or she did not know of and could not reasonably be expected to know of the failure to comply or that he or she took all reasonable steps in the circumstances to ensure that the requirements of the law would be complied with.

**Article 229: Défaut de présenter un énoncé des affaires**

Tout failli qui, sans excuse valable, ne présente pas au curateur de faillite un énoncé de ses affaires y compris les détails des créanciers, des dettes, des biens du failli et d'autres informations prescrites, commet une infraction.

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais ne dépassant pas six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais non dépassant un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.

**Article 230: Défaut de donner un avis de mise sous séquestre**

Tout séquestre qui ne donne pas avis de mise sous séquestre, commet une infraction, à moins qu'il ne prouve qu'il n'a pas eu connaissance de ce manquement ou que l'on ne pouvait raisonnablement s'attendre à ce qu'il en ait connaissance ou qu'il a pris toutes les mesures raisonnables compte tenu de la situation afin de s'assurer du respect des exigences de la loi.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarengeje miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 FRW).

**Ingingo ya 231: Kunyereza, kurigisa cyangwa kwigarurira umutungo w'ubereyemo abandi imyenda**

Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye cyangwa undi muntu ku buryo buziguye cyangwa akoresheje undi muntu,unyereza, urigisa cyangwa uwigarurira umutungo w'uwahombye cyangwa wigira uberewemo umwenda mu buriganya, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarengeje imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarengeje miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 FRW).

Upon conviction, he or she is liable to a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

**Article 231: Breach of trust or misappropriation of debtor's property**

Any liquidator of the company or any person who directly or through a third party, administer, manage or liquidate a company on behalf of the legal representatives, who commits breach of trust over, or misappropriates the property or fraudulently makes himself or herself a debtor for amounts not owed, commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years but not more than five (5) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) but not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais. (2.000.000 FRW).

**Article 231: Abus de confiance ou usurpation de biens du débiteur**

Tout liquidateur de la société commerciale ou toute personne qui, directement ou par l'intermédiaire d'un tiers, administre, gère ou liquide une société commerciale pour le compte des représentants légaux et qui commet un abuse de confiance ou usurpation des biens ou qui se rend frauduleusement débiteur pour des montants non dus, commet une infraction.

S'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais ne dépassant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

**UMUTWE WA XII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N' IZISOZA**

**Ingingo ya 232: Itegeko rikurikizwa ku manza zikiburanishwa mu nkiko**

Imanza zose zari mu nkiko mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa ziburanishwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ariko nta gihinduwe ku mihango y'iburanisha yakozwe.

**Ingingo ya 233: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 12/2009 ryo kuwa 26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo nk'uko ryahinduwe kugeza ubu n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 234: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**CHAPTER XII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 232: Law applicable to pending cases**

Cases pending before courts at the time of publication of this Law is governed by provisions of this Law; however procedural acts already conducted before its publication remain valid.

**Article 233: Repealing provision**

Law nº 12/2009 of 26/05/2009 relating to commercial recovery and settling of issues arising from insolvency as modified to date and all other legal provisions contrary to this law are repealed.

**Article 234: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, and considered and adopted in Kinyarwanda.

**CHAPITRE XII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 232: Loi applicable aux affaires pendantes**

Les affaires pendantes devant les juridictions avant la publication de la présente loi sont régies par la présente loi, les actes de procédure accomplis avant sa publication restent valables.

**Article 233: Disposition abrogatoire**

La loi n° 12/2009 du 26/05/2009 relative au redressement commercial et au règlement des problèmes d'insolvabilité telle que modifiée à ce jour ainsi que toutes les autres dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 234: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Ingingo ya 235: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 29/04/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 235: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 29/04/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Article 235: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 29/04/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux